KOMISIYO Y'IGIHUGU ISHINZWE UBURENGANZIRA BW'IKIREMWAMUNTU
B.P. 269 KIGALI
Tel/Fax 510 393
E-mail : cndh@rwanda1.com

RAPORO Y'UMWAKA W'2000

Werurwe, 2001

I. IJAMBO RY' IBANZE

Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu yishimiye kubagezaho Raporo yayo y'umwaka w'2000, ibaye iya kabiri kuva aho Komisiyo itangiriye imirimo yayo ku wa 24 Gicurasi 1999. Raporo y'umwaka w'2000 nyirizina igizwe n'ibice bine bikurikira :

- iriburiro ryibutsa bimwe mu byaranze u Rwanda mu mwaka w'2000, inshingano n'imiterere bya Komisiyo na bimwe mu byayiranze mu mwaka w'2000 ;
- igice cya kabiri cyerekeye ibikorwa bya Komisiyo mu w'2000, ari nacyo gice cy'ingenzi ;
- igice cya gatatu cyihariye kigizwe na Raporo y'imikoreshereze y'imari mu mwaka w'2000 ;
- igice cya kane, ari nacyo cya nyuma kigizwe n'umwanzuro rusange, ibiteganyijwe mu mwaka w'2001 n'ibyifuzo.

Ibi bice bine bya Raporo nyirizina biherekejwe n'imigereka itatu; ariyo : itegeko ngengamikorere rya Komisiyo ryemejwe mu mwaka w'2000, urutonde rw'amazina y'abagize Komisiyo n'imirimo yihariye bashinzwe n'imbonerahamwe y'inzego z'imirimo ya Komisiyo (organigramme).

N'ubwo imiterere y'iyi Raporo idatandukanye cyane n'iy'umwaka w'1999, hariho nibura ibintu bibiri bishya biyiranga kandi bigaragaza intera umwaka w'2000 wagejejeho imirimo ya Komisiyo : Icya mbere ni uburyo ibikorwa byerekeye ibibazo by'ihohoterwa ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu byagaragajwe muri iyi Raporo, hagamijwe kwerekana ubwoko bw'ibibazo, imiterere yabyo n'icyo Komisiyo yabikozeho ; icya kabiri ni uko, muri iyo Raporo, umwanzuro rusange n'ibiteganyijwe mu mwaka w'2001 byiyongereyeho ibyifuzo bya Komisiyo, bishingiye ku masomo yakuye mu bikorwa byayo by'umwaka w'2000.

Ibi bintu bibiri bijyanye n'ibyifuzo benshi mu basomyi ba Raporo y'umwaka w'1999 bagejeje kuri Komisiyo.

Birashoboka ko bimwe mubyo Komisiyo isaba mu gice cya nyuma cya Raporo, kimwe n'ibivugwa hagati muri Raporo ku ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu mu Rwanda, byabangamira bamwe mu bazayisoma.

Icyo Komisiyo isaba buri wese, cyane cyane abari mu nzego zivugwaho ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu, ni ukuzirikana ko ibyo Komisiyo igaragaza bigamije gufasha u Rwanda kugera ku ntego yarwo yo kuba igihugu kigendera ku mategeko. Iyo ntego ikaba ari nayo itegeko rigena inshingano za Komisiyo rishingiyeho.

Komisiyo kandi izakira neza inama n'ibitekerezo byose izagezwaho n'abazasoma iyi Raporo, bidashobora kugaragaza ibibazo cyangwa impande z'ibibazo zaba zitarasuzumwe ku buryo bukwiriye.

Mu kurangiza, Komisiyo irashimira cyane inzego za Leta zayifashije zitizigama mu mwaka w'2000, kimwe no mu wawubanjirije.

Iranashimira abaterankunga bose bayigobotse ku buryo bw'inama n'ibitekerezo no ku buryo bw'amikoro yuzuza ayo Leta y'u Rwanda iyigenera ku ngengo y'imari isanzwe ya buri mwaka.

Komisiyo irashimira kandi imiryango yigenga n'abaturarwanda bose bayegereye, bakayigezaho ibibazo, inama n'ibitekerezo.

Yongeye kubizeza ko mu mwaka w'2001 izarushaho kuborohereza kuyigeraho, ishyiraho ibiro mu Ntara z'igihugu, inakoresha ubushobozi izaba ifite bwose kugira ngo ibibazo by'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu igezwaho cyangwa ivumbura bibonerwe ibisubizo bikwiriye.

GASANA Ndoba,

Perezida wa Komisiyo.

II. IRIBURIRO

Iyi Raporo y'imirimo ya Komisiyo ni iya kabiri kuva Komisiyo yabaho kuko Raporo ya mbere, ihera mu kwezi kwa Kamena kugera mu kwezi k'Ukuboza 1999, yasohotse muri Werurwe 2000 nk'uko biteganywa n'itegeko rishyiraho Komisiyo. Ibivugwa muri iyi Raporo ni imirimo ya Komisiyo guhera muri Mutarama kugera mu Ukuboza 2000.

2.1. Bimwe mu byaranze u Rwanda mu mwaka w' 2000

Ibyaranze u Rwanda mu mwaka w'2000 ni byinshi ariko iby' ingenzi twavuga ni ibi bikurikira :

Umwaka w'2000 waranzwe n'umutekano nyuma y'ibikorwa by'ihohoterwa ry'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu ryabaye mu majyaruguru y'u Rwanda mu w'1998 n'uw'1999 biturutse ku bikorwa by'abacengezi byavukije benshi ubuzima, bigasenya ibyo abaturage bari baragezeho mu rwego rw' amajyambere : amashuri, amavuriro, amateme, inzu z' ubutegetsi n'ibindi.

Mu w'2000, habayeho gukomeza gusubiza abantu mu byabo. Ariko kandi umwaka w'i 2000 waranzwe n'ubwicanyi bwakorewe ahanini mu mujyi wa Kigali, mu mezi ya mbere y'umwaka, bugahitana abantu bagera kuri batandatu barashwe, ababishe n'ubu bakaba bataramenyekana.

Habaye kandi n'inzara itewe n'amapfa adasanzwe yatumye bamwe mu baturage basuhuka, cyane cyane abo mu duce tw'Ubugesera, Umutara n'Amayaga.

Mu rwego rwa Politiki habaye impinduka zikwiye kwibutswa, zirimo: Iyegura rya Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Bwana SEBARENZI KABUYE Joseph, wasimbuwe kuri uwo mwanya na Dr. BIRUTA Vincent ; iyegura rya Minisitiri w'Intebe, Pierre Célestin RWIGEMA, wasimbuwe na Bernard MAKUZA, ryakurikiwe n'Ishyirwaho rya Guverinoma nshya (20/3/2000) ; iyegura rya Perezida wa Repubulika, Pasteur BIZIMUNGU (23/3/2000); iteka ry'Urukiko rw' Ikirenga ryemeza ko Visi-Perezida wa Repubulika, Nyakubahwa Paul KAGAME, asimbura by' agateganyo Perezida wa Repubulika (24/3/2000); itorwa rya Nyakubahwa Paul KAGAME nka Perezida wa Repubulika mu Nteko Ishinga Amategeko (17/4/2000) no kurahira kwe (22/4/2000) n' inama y' Igihugu k' Ubumwe n'Ubwiyunge (18 - 20/10/2000).

2.2. Inshingano n'imiterere bya Komisiyo

Muri iki gice haributswa inshingano Komisiyo y' Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw' Ikiremwamuntu ihabwa n'itegeko, arizo izi zikurikira :

- Gusuzuma no gukurikirana ibikorwa byahutaje Uburenganzira bw' Ikiremwamuntu
- Gukangurira no kwigisha abaturage ibyerekeranye n' Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu
- Gusaba iyo bibaye ngombwa inzego z' Ubucamanza gukurikirana uwo ariwe wese wakoze ibikorwa bihutaza Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu.

Muri rusange, Komisiyo yashyizweho ku buryo bujyanye n'ibiteganyijwe n'icyemezo cy'Umuryango w'Abibumbye cyerekeye Inzego z'Ibihugu zishinzwe guteza imbere no kurinda Uburenganzira bwa muntu kizwi kw'izina ry'"Amahame y'i Paris „. Icyo cyemezo giteganya ko izo nzego zigomba kugira ubwisanzure buhagije kugira ngo zishobore kuzuza inshingano zazo.

Ku byerekeye Komisiyo y'u Rwanda, ubwo bwisanzure buteganywa n'ingingo ya 2 y'Itegeko riyishyiraho kandi byagaragaye mu mirimo yayo ya buri munsi mu mwaka w'2000 kimwe no mu w'1999.

2.3. Imiterere ya Komisiyo n'ibyayiranze mu mwaka w'2000 :

2.3.1. Mu bikorwa bigira ingaruka ku mikorere ya Komisiyo

Mu mwaka w'i 2000, mu mpera z'ukwezi kwa gatatu, Komisiyo y' Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw' Ikiremwamuntu yasohoye Raporo y' ibikorwa ya mbere.
Komisiyo yemeje burundu Itegeko ngengamikorere ryayo ku wa 13 Nzeri 2000 nk'uko biteganywa n' ingingo ya 12 y' Itegeko.

Komisiyo kandi yahinduye ibiro, iva mu nzu yakoreragamo, yimukira mu nyubakwa iri hafi y' Inteko Ishinga Amategeko, Urukiko rw'Ikirenga na Minisiteri y' Ubutabera n'Imikoranire y'Inzego. Ibyo byatewe ahanini no gushaka ahakorerwa imirimo ya Komisiyo ku buryo bunoze kandi bushobora no kwakira abandi bakozi Komisiyo ikeneye kugira ngo irangize inshingano zayo. Byabaye ku wa 16/8/2000.

Ku itariki ya 2/11/2000, abagize Komisiyo bemeje Umunyamabanga uhoraho wa Komisiyo, Bwana Bernardin RUTAZIBWA, waje no kwemezwa n'inama y'Abaminisitiri ku wa 15/11/2000.

Ku ya 15/11/2000, umwe mu bagize Komisiyo, Mme Soline NYIRAHABIMANA, yavuye muri Komisiyo ahamagarirwa kuba Umuyobozi Mukuru ushinzwe iby'Itegeko Nshinga n'andi mategeko muri Perezidansi ya Repubulika.

Abakozi bakuru ba Komisiyo bashyizwe mu myanya (12/12/2000) nk'uko byari byarakomeje kwifuzwa kugira ngo Komisiyo igere ku shingano zayo.

Muri uko kwezi kwa 12/2000, nyuma y'Amasezerano y'Ubufatanye ya Komisiyo n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye Rishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu yashyizweho umukono ku wa 24/10/2000 na Komiseri Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye na Perezida wa Komisiyo, impuguke enye (4) zoherejwe n' uwo muryango zakoreye muri Komisiyo.

2.3.2. Mu guteza imbere imikoranire n'izindi nzego za Leta

1. Abagize Komisiyo bakiriwe na Minisitiri w' Intebe kw'itariki ya 25/1/2000, baganira ku mirimo ya komisiyo no ku bibazo ihura na byo mu mikorere yayo ya buri munsi.
2. Ku ya 3/3/2000, Perezida wa Repubulika, BIZIMUNGU Pasteur, yakiriye abagize Komisiyo yanatumiye Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko n'abaminisitiri bafite mu nshingano zabo ibikorwa bifitanye isano n'imirimo ya Komisiyo. Baganiriye kw'Itegeko rishyiraho Komisiyo no ku mikoranire uko iteganywa n'iryo tegeko.
3. Ku ya 31/7/2000, Umukuru w' Igihugu, Paul KAGAME, yakiriye nawe abagize Komisiyo, yatumiye Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Minisitiri w'Intebe, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na Minisitiri w'Ubutabera n'Imikoranire y'Inzego. Baganiriye ku bibazo bya Komisiyo nk'uko byari byaragejejwe kuri Perezida Pasteur BIZIMUNGU.
4. Muri uwo mwaka kandi, Komisiyo yahuye kenshi n'abaterankunga mu ihuriro ryiswe "Inshuti za Komisiyo" kugira ngo baganire ku byateza imbere Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu.
5. Uretse ibikorwa by'ubufatanye bivugwa mu mutwe wihariye w'iyi Raporo, mu mwaka w'i 2000, Komisiyo yakiriye incuro ebyiri kandi iganira na Michel MOUSSALLI, intumwa yihariye ku Rwanda ya Komisiyo y'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu y'Umuryango w'Abibumbye. Iyo mibonano yabaye mu kwezi kwa 3 n'ukwa 10 mu mwaka w'2000.

III . IBIKORWA BYA KOMISIYO.

3.1.Ibyari biteganijwe mu mwaka w'i 2000 (Plan d'Action)

Ihereye ku bivugwa mu ngingo ya 3 n'iya 4 y'Itegeko rishyiraho Komisiyo, muri rusange Komisiyo yateganyaga gukomeza gushyira mu bikorwa inshingano ihabwa n'itegeko yo gusuzuma no gukurikirana ibikorwa byahutaje Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu ku butaka bw'u Rwanda n'ibindi byose bibuhutaza kimwe n'inshingano yo gukangurira no kwigisha abaturage ibyerekeranye na bwo.

By'umwihariko ariko, Komisiyo yateganyaga ko, mu mwaka w'i 2000, izageza ku nzego zibishinzwe ibyahindurwa cyangwa byakuzuzwa mw'itegeko rishyiraho Komisiyo kugira ngo irusheho kugera ku nshingano zayo.

Komisiyo yateganyaga kandi kwakira no gutangira guhugura abakozi bayo. Komisiyo yateganyaga ko mu mwaka w'i 2000 izaba yashyizeho ibiro mu ntara zinyuranye z'u Rwanda kugira ngo akazi ko kwigisha abaturage no gukurikirana abahungabanya Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu gihugu hose karusheho kuyorohera.

Komisiyo yateganyaga gukurikirana no kugenzura imikorere y'inkiko Gacaca ;

Komisiyo yateganyaga guhuza abafite uruhare mu bikorwa byo kurengera Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu kugira ngo ingufu zo kubuteza imbere zoye gutatana ;

Hari hanateganyijwe gukomeza imishyikirano n'abaterankunga, hagamijwe gushakira Komisiyo amikoro yatuma iteza imbere imirimo ishinzwe.

3.2. IBY'INGENZI BYAGEZWEHO

3.2.1.Mu kurengera Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu

Muri urwo rwego rwo kurinda Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu, Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu yihatiye gushyira mu bikorwa inshingano zayo zikurikira :

- Gukora iperereza ku bikorwa byose bihutaza Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu by'imbonezamubano na politiki, ubukungu, imibereho myiza, umuco n'amajyambere.
- Gushakisha ibishoboka byose kugira ngo uwahohotewe cyangwa se uwabuze uburenganzira bwe arenganurwe.
- Kugira inama Inzego zibishinzwe kugira ngo ibikorwa bihutaza cyangwa bibuza Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu bikosorwe.
- Gukora raporo zigaragaza uko abantu cyangwa inzego zihohotera ubwo burenganzira.
- Gutanga inyigisho ku Burenganzira bw'Ikiremwamuntu mu by'imbonezamubano na politiki,ubukungu, imibereho myiza, umuco n'amajyambere.

3.2.1.1. Mu by'Imbonezamubano na Politike

Mu mwaka w'2000, guhera muri Mutarama kugera mu Ukuboza, uru rwego nta mukozi rwari rufite. Imirimo yarwo yakozwe n'umukomiseri ushinzwe gukurikirana ibikorwa by'uru rwego, rimwe na rimwe agafatanya n'umwe cyangwa benshi muri bagenzi be, cyangwa na bose bitewe n'imiterere y'ikibazo gikurikiranwa.

Mu bibazo byahangayikishije Komisiyo bitavugwa muri iyi raporo, harimo ikibazo cy'ubwicanyi bwakozwe muri Kigali y'umujyi cyane cyane mu mpera za Gashyantare n'intangiriro za Werurwe 2000. Abahitanywe n'ubwo bwicanyi Komisiyo yashoboye kumenya ni KAGAJU Antoinette na GASUMIZI Valens, bishwe mu ijoro ryo ku wa 26 Gashyantare, na KABERA Asiel na Samuel SARGBA, bishwe mu ijoro ryo ku wa 5 Werurwe 2000. Muri uwo mwaka, habaye n'ibindi bikorwa by'ubwicanyi mu murwa mukuru, bihitana abantu barimo n'abakozi b'inzego z'umutekano, bikozwe n'abagizi ba nabi batatahuwe. Kubera ubushobozi buke bwavuzwe, Komisiyo ntiyashoboye gukora iperereza rihamye kuri iki kibazo. Icyakora, Komisiyo yagaragaje impungenge n'akababaro byayo mu itangazo ryashyizwe ahagaragara ku wa 7 Werurwe 2000. Komisiyo yasabye inzego zibishinzwe gukora ibishoboka byose kugira ngo abakora ubwo bwicanyi abo aribo bose batahurwe kandi bahanwe, inasaba buri muturarwanda gufatanya n'abandi kubagaragaza no kubamagana.

Ibibazo bivugwa muri iki gice cya raporo ni ibyakorewe nibura iperereza ry'ibanze n'urwego rushinzwe iby'imbonezamubano na politike. Ibyo bibazo byagejejwe muri Komisiyo na benebyo cyangwa byataruwe n'umukomiseri ukurikirana urwo rwego cyangwa urundi rwego rwa Komisiyo, mu gihe basuzumaga ibindi bibazo. Bimwe muri ibyo bibazo bivugwa byabonewe ibisubizo ; ariko hari ibindi bitabibonewe mu mwaka w'2000.

A. IBIBAZO BYAKURIKIRANYWE NA KOMISIYO MU RWEGO RUSHINZWE UBURENGANZIRA MU BY'IMBONEZAMUBANO NA POLITIKI.

Mu mwaka w'2000 Komisiyo yakomeje gukurikirana ibibazo yagejejweho mu w'1999 bitabonewe ibisubizo. Yakiriye kandi ikurikirana n'ibibazo bishya yagejejweho mu nyandiko cyangwa mu magambo bitanzwe na nyirubwite, undi muntu cyangwa urwego uru n'uru.

Ibibazo bijyanye no gufatwa no gufungwa binyuranyije n'amategeko

1. Ifatwa n'Ifungwa bya NGENZI Daniel

Ifatwa n'ifungwa bya NGENZI Daniel, Komisiyo yabikurikiranye kuva aho imenyeye ko uwo muntu yafashwe agafungwa ku buryo budasobanutse kandi abamwunganira bakimwa dosiye ye basabaga Parike ya Gisirikare (Auditorat Militaire) kugira ngo babone uko bamuburanira.

Komisiyo yasanze uwo muntu aregwa ko yaba yaratorokesheje umusirikare ubarizwa mu gihugu cya Canada muri iki gihe.

Dosiye ya NGENZI Daniel yahawe N° RMP 3966/AM/KGL/NA/97.

NGENZI Daniel yari yarafashwe n'Urwego rushinzwe ubutasi mu ngabo z'igihugu (DMI) ku itariki 31/8/1999, rumufungira aho rukorera, mu buryo bunyuranyije n'amategeko, kugeza ubwo Komisiyo isabiye ko ahakurwa kuko DMI itemerewe n'itegeko shingiro gufata no gufunga. Yimuriwe muri Gereza ya Gisirikare ya Mulindi. Yandikiwe " mandat d'arrêt provisoire" ku itariki ya 14/10/1999, yaraye akorewe "Pro-Justitia". NGENZI ntiyigeze aburana mu gihe cyose yari afunze.

Nyuma y'uko Komisiyo imenyesha icyo kibazo inzego zibishinzwe NGENZI yaje gufungurwa bitinze, yemererwa kuburana ari hanze.

Mu gufungurwa kwe kw'agateganyo ku itariki ya 7/8/2000, hari ibidasobanutse kandi bishobora gushyira uregwa mu gihirahiro cyangwa ingorane. Urugero rumwe ni ibiri mu nyandiko y'icyemezo kimufungura by'agateganyo aribyo ko afunguwe by'agateganyo kugirango akomeze akazi "mu gihe dosiye igikorerwa iperereza". Nyamara inyandiko isoza iperereza ry'ibyo NGENZI aregwa yari yarakozwe, isinywa n'umushinjacyaha ku itariki ya 27/01/2000, ari nabwo dosiye yashyikirijwe Urukiko rwa Gisirikare.

Urundi rugero ni uko pasiporo ye yasigaranywe na Parike ya Gisirikare, ariko nyirayo akaba nta nyandiko yahawe ibigaragaza.

2. Ifatwa n'Ifungwa bya 2LT. MURERA Bertin, Pte BYABAGAMBA Innocent, RUTABANA Benjamin, RUKEBA François na RUGEMA Janvier.

Imiryango y'abasirikare, MURERA Bertin na BYABAGAMBA Innocent, n'iy'abasivili, Benjamin RUTABANA (bakunze kwita Ben) na François RUKEBA, yitabaje Komisiyo mu magambo, kugira ngo imenye aho abo bantu bane bafungiye, nyuma y'uko bamwe bafatirwa muri Tanzaniya abandi bagafatirwa i Burundi, bakagarurwa mu gihugu na Leta y'u Rwanda ku ngufu.

Imiryango yabo yanagaragazaga impungenge ko abo bantu baba barishwe. Komisiyo kandi yari yahawe ubuhamya n'umuntu wavugaga ko yafunganywe na bamwe muri bo mu gihugu cy'u Burundi, mbere y'uko bagarurwa mu Rwanda.

Ku wa 19/2/2000, Komisiyo yandikiye uwari Visi- Perezida wa Repubulika akaba na Minisitiri w'Ingabo muri icyo gihe, isaba koroherezwa kubonana n'abo bantu kugira ngo ishobore gusuzuma icyo kibazo.

Mu ibaruwa yandikiwe n'Umuyobozi Mukuru wa Parike za Gisirikare yo ku wa 29/2/2000, Komisiyo yemerewe kubona abo bantu, ndetse imenyeshwa ko hari n'undi wa gatanu, witwa Rugema Janvier, nawe ufunganywe nabo. Umuyobozi Mukuru wa Parike za Gisirikare yaje no ku cyicaro cya Komisiyo, agirana ikiganiro n'abagize Komisiyo ku birebana n'ifatwa n'ifungwa ry'abo bantu n'ibyo baregwa, aribyo gutoroka akazi ku basirikare no kuba abasiviri baba baragize uruhare muri iryo toroka.

Ku wa 2/3/2000, abagize Komisiyo babonanye n'abo bantu ku biro bya Parike ya Gisirikare, i Kigali. Basanze bose baramaze iminsi igera kuri 21 batarakorerwa inyandiko-mvugo y'ifatwa, kuko yakozwe ku itariki ya 26/2/2000 kandi baragaruwe mu gihugu ku matariki 4 na 5/2/2000.

Komisiyo yatewe impungenge n'uko iryo tegeko ritakurikijwe. Izo mpungenge zinongerwa n'amakuru y'uko, mu gihe bafashwe, babiri muri abo bantu, aribo MURERA Bertin na RUTABANA Benjamin, bari basabye ubuhunzi mu gihugu cya Tanzaniya babinyujije ku Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi. Bakaba baragaruwe mu Rwanda ku buryo butubahirije amasezerano mpuzamahanga yerekeye impunzi ibihugu by'u Rwanda na Tanzaniya byashyizeho umukono bikanayemeza.

Mu mibonano yagiranye nabo, abo bantu babwiye Komisiyo ko bose, uretse Rugema Janvier, bamenyeshejwe icyo baregwa. Icyo gihe, MURERA Bertin na BYABAGAMBA Innocent bemeraga icyaha cyo gutoroka akazi ka gisirikare bagatanga n'impamvu zabo.

RUTABANA Benjamin we yavugaga ko ibyo aregwa atari byo azira, ahubwo yaba azira gucikisha uwahoze ari Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, ari we SEBARENZI KABUYE Yozefu.

RUKEBA François we yemeraga ko yatwaye mu modoka ye BYABAGAMBA Innocent umunsi ahunga, akamugeza i Butare atazi ko ahunze, bakaza guhurira i Burundi batabisezeranye; bityo agahakana ko yaba yaragize uruhare mu gutoroka k'uwo musirikare.

Muri iyo mibonano yabereye mu biro bya Parike ya Gisirikare, i Kigali, nta n'umwe muri abo bantu wavuze ko kuva aho afatiwe yaba yarakorewe ibikorwa byo kwica urubozo cyangwa ibindi bikorwa bya kinyamaswa cyangwa bitesha umuntu agaciro. Icyakora, hariho ibimenyetso birimo umunaniro udasanzwe, byatumye abagize Komisiyo batekereza ko abo bantu bashobora kuba baragiriwe bene ibyo bikorwa, ariko bagatinya kubivuga.

Nyuma y'iyo mibonano na Komisiyo, yabaye abo bantu bafungiwe muri Gereza ya Gisirikare ya Kanombe, abasirikare, MURERA Bertin na BYABAGAMBA, bimuriwe muri Gereza ya Gisirikare ya Kibungo; abasiviri, RUTABANA, RUKEBA na RUGEMA bimurirwa muri Gereza ya Gisirikare ya Murindi. Komisiyo irasanga ifungwa ry'abasivili mu magereza ya gisirikare ari ibintu bidahwitse.

Komisiyo yakomeje imishyikirano na Parike Nkuru ya Gisirikare, inasura abo basirikare 2 bavuzwe muri Gereza ya Gisirikare ya Kibungo kugira ngo irebe uko bafashwe kubera impungenge z'imiryango yabo. Nyuma y'amezi atanu Komisiyo ibonanye nabo bwa mbere, abo bantu uko ari batanu barekuwe by'agateganyo. Ubu bategereje kuburana bari hanze.

Icyakora, mu gihe cyo kwandika iyi raporo, hariho amakuru Komisiyo itarashobora kumenya impamo avuga ko babiri muri bo, aribo RUKEBA François na RUGEMA Janvier, baba batakiri mu gihugu.

3. Ifatwa n'ifungwa bya 2Lt NSENGIYUMVA Samuel

Suliyetona NSENGIYUMVA Samuel yafashwe bwa mbere ku itariki ya 8/3/1998, arafungwa, nyuma y'iyicwa ry'umucuruzi w'i Kigali witwaga BAYINGANA Victor.

Ku itariki ya 23/12/1999 nibwo Urukiko rwa Gisirikare rwaciye urubanza N° RP0741/CG/99, ubushinjacyaha bwa gisirikare bwaregaga abantu batatu, aribo : Suliyetona NSENGIYUMVA Samuel, Serija (wacyuye igihe mu ngabo) RUTAGUNGIRA René na KAGAJU Antoinette waje gupfa arashwe n'abantu bataramenyekana na n'ubu.

Muri urwo rubanza, Urukiko rwakijije ko abaregwa batsinze kandi bafungurwa ako kanya. Niko byangenze. Icyakora, nk'uko Komisiyo yabigejejweho na mushiki we witwa MUKAKARANGWA Aline, Suliyetona NSENGIYUMVA Samuel yongeye gufatwa na Parike ya Gisirikare ku itariki ya 3/1/2000, iramufunga, ku mpamvu na n'ubu zitarasobanukira Komisiyo, kuko kuri dosiye yerekeye iyicwa rya BAYINGANA Victor, NSENGIYUMVA yari amaze kuburana, Urukiko rwari rwamugize umwere.

Mu gukurikirana iki kibazo, Komisiyo yegereye Parike ya Gisirikare i Kigali. Mubo yabajije muri iyo parike, ntawigeze agaragaza impamvu cyangwa icyemezo cyatuma NSENGIYUMVA akomeza gufungwa.

Komisiyo yegereye kandi n'Urukiko rwa Gisirikare rwaciye urubanza, ndetse n'Urukiko Rukuru rwa Gisirikare, ibaza izo nkiko zombi niba hari ikirego gishya cyaba cyarazigezeho nyuma y'uko NSENGIYUMVA agizwe umwere agafungurwa, icyo kirego kikaba cyaba cyarakurikiwe n'icyemezo cy'irindi fungwa ry'agateganyo ry'uwo muntu, hakurikijwe amategeko. Komisiyo yasanze nta rukiko rwafashe icyemezo cyo kongera gufunga NSENGIYUMVA Samuel, ndetse nta n'ikirego gishya cyatanzwe.

Umwaka w'2000 warangiye Suliyetona NSENGIYUMVA agifunzwe ku mpamvu zidasobanutse. Ikigaragara ni uko Parike ya Gisirikare itubahirije amategeko yerekeye ifatwa n'ifungwa bityo uburenganzira bwa NSENGIYUMVA bukaba bwarahungabanijwe cyane.

Gufatwa no gufungwa by'akamama kwa 2Lt. NSENGIYUMVA ni kimwe mu bibazo twahuye na byo by'ubushinjacyaha butubaha amategeko n'ibyemezo by'inkiko.

Ku itariki ya 27/3/2001 niho Parike ya Gisirikare yafashe icyemezo cyo gufungura by'agateganyo Suliyetona NSENGIYUMVA Samuel. Icyakora icyo cyemezo kimubuza kujya mu mahanga, kikamutegeka kwitaba ubushinjacyaha buri wa kabiri no kuba aho yakoreraga mbere yo gufungwa, ariho mu Biro bya Gisirikare bishinzwe Ubutasi bita G2 (A). Mu nyandiko y'icyo cyemezo kandi ubushinjacyaha bwanditsemo ko ashinjwa ubwicanyi. Ibi, uko Komisiyo ibizi, bikaba bitari byaragaragajwe kugeza icyo gihe. Komisiyo irasanga iyo mikorere idahwitse ikwiye gukosorwa.

3. **Ifatwa rya Selemani ISSA**

Komisiyo yamenye ikibazo cya Selemani ISSA ikigejejweho n'umugore we Amina ISSA mu ibaruwa ye yo ku wa 23/4/2000. Icyo gihe Selemani ISSA yari afungiwe muri Gereza ya Gikondo, i Kigali.

Selemani ISSA yari yararezwe n'inzego za Leta mu rubanza n° RP 38522/KGL rwerekeye ibikorwa by'ubujura, uburiganya no gukora amafaranga y'amiganano. Ariko ikibazo

Komisiyo yagejejweho ni icyerekeye urubanza Selemani n'uwamwunganiraga basabye ko Urukiko rusuzuma mbere, aricyo cy' "ifungwa ry'agateganyo ritubahirije amategeko".

Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali rwaciye urwo rubanza ku wa 28/2/2000, rukiza ko ubushinjacyaha butsinzwe. Ku wa 31/03/2000, Urukiko rw'Ubujurire rwa Kigali narwo rwemeje ko Selemani Issa n'abo bareganwaga bafungurwa by'agateganyo, bakaburana ibyo baregwa bari hanze. Si ko byagenze.

Kugeza ku itariki ya 24/4/2000, ariho umugore wa Selemani ISSA yagejeje ikibazo kuri Komisiyo, uwo muntu yari atarafungurwa. Ni ukuvuga ko hashize hafi ukwezi icyemezo cy'Urukiko rw'Ubujurire, cyashimangiraga icy'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo, kitarashyirwa mu bikorwa.

Komisiyo isabye ibisobanuro kuri iryo kerererwa, Ibiro bishinzwe iperereza by' ibyaha (CID) nibyo byayimenyesheje ko Selemani ISSA yangaga gufotorwa kandi ko ari ku rutonde rw'abantu bahora bakurikiranwaho ibyaha, bityo bagatinya ko yatoroka kuko ngo afite n'ubwenegihugu bw'ahandi.

Mu gihe Komisiyo yari igikora iperereza kuri icyo kibazo, yaje kumenyeshwa n'umugore wa Selemani Issa ko uwo muntu yarekuwe by'agateganyo agakomeza gukurikiranwa adafunze.

Iki ni kimwe mu bibazo bitari bike Komisiyo yahuye nabyo byerekana ko hariho inzitizi ku iyubahiriza ry'ibyemezo by'inkiko.

5. Ifatwa n'ifungwa bya MBANDA Jean

MBANDA Jean yahoze ari Depite mu Nteko Ishinga Amategeko. Ku wa 29/5/2000, amaze igihe kitari gito akuwe kuri uwo murimo, yafashwe na Parike Nkuru y'Urukiko rw'Ikirenga, arafungwa, aregwa icyaha cy'ubuhemu yaba yaragiriye ishyirahamwe yigeze kubera umuyobozi ryitwa APROTAM.

Abamuburanira bagaragarije Komisiyo impungenge baterwa n'uko mu gihe umuntu akurikiranywe n'Urukiko rw'Ikirenga aba yambuwe uburenganzira bwo kugira urundi rwego ajuririra.

Ku byerekeye MBANDA, banibutsa ko yafashwe atakiri Depite. Bityo akaba yarashoboraga gukurikiranwa na Parike ya Kigali, akaburanishwa mu Rukiko rwa mbere rw'iremezo nk'umuturage usanzwe.

Umunsi yafashwe, MBANDA yafungiwe kuri Sitasiyo ya Polisi ya Remera, ahamara iminsi icumi, mbere y'uko ajyanwa muri Gereza ya Kimironko. Mbanda yasabye kubonana n'usanzwe amwunganira mu manza, Maître MUTAGWERA Frédéric. Ku itariki ya 13/6/2000, Urukiko rw'Ikirenga rwatanze icyemezo cyo kwemerera MBANDA kugira umwunganira, kandi ari uburenganzira ahabwa n'Itegeko-Shingiro .

Ku wa 23/6/2000, nibwo Urukiko rwemeje ifungwa ry'agateganyo rya MBANDA, mu cyemezo N° 003 kiri muri dosiye ye N° RMPC 240/RS/PROGECA.

Uwo munsi uwunganira MBANDA, Maître MUTAGWERA Frédéric; yabwiye Urukiko rw'Ikirenga, Ishami ry'Urukiko Rusesa Imanza, ko ashingiye ku mategeko y'igihugu, uwo aburanira atari akwiriye kuburanishwa n'urwo Rukiko. Icyo gitekerezo nticyakiriwe n'Urukiko.

Ku itariki ya 2O/11/2000, Me. MUTAGWERA yandikiye Visi-Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Urukiko Rusesa Imanza, amwibutsa ko hari hakenewe ikindi cyemezo kugira ngo MBANDA abe afunzwe mu buryo bwemewe n'amategeko. Hibutswaga ibikubiye mu ngingo ya 41 y'Igitabo cy'amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'inshinja-byaha. Nta gisubizo cyatanzwe. Bityo umwaka w'2000 ukaba wararangiye MBANDA amaze amezi arindwi afunzwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko.

Ku ifungwa rya MBANDA hiyongereyeho ifatirwa ry'imodoka ye ryakozwe na Parike Nkuru y'Urukiko rw'Ikirenga mu gihe kirenze amezi ane (4), nta gisobanuro na kimwe gihawe nyirayo cyangwa umuryango we.

Ikindi kinyuranyije n'amahame agenga Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu ni uburyo ifatwa n'ifungwa bya MBANDA ryamamajwe na Avoka Mukuru RUKANGIRA Emmanuel imbere y'itangazamakuru, ririmo na Televiziyo, ndetse akanerekana kuri Televiziyo impapuro zimwe na zimwe nk'ubuhamya, aho kurekera Urukiko ububasha bwemerewe bwo guca urubanza, uregwa yahawe nawe umwanya wo gusuzuma ibimenyetso bimushinja no kwisobanura.

Ku itariki ya 10/11/2000, MBANDA Jean yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na Perezida w'Urukiko Rusesa Imanza, arega abayobozi ba Parike Nkuru y'Urukiko rw'Ikirenga kuba baramuhohoteye, anasaba kuba arekuwe mu gihe ategereje kuburana.

Komisiyo yasuye Mbanda kuri Sitasiyo ya Polisi ya Remera, kandi iracyakomeza gukurikirana ikibazo cye.

Mu gihe cyo kwandika iyi raporo, Komisiyo yari itaramenya ko ikirego cya MBANDA cyavuzwe haruguru cyakiriwe n'Urukiko Rusesa Imanza.

6. Ifatwa n'ifungwa bya BUGINGO Eudes

Komisiyo yamenye ikibazo cy'ifatwa n'ifungwa bya BUGINGO Eudes ku itariki ya 1/6/2000, ibimenyeshejwe mu magambo n'incuti ze. BUGINGO yari yaraye afatiwe i Kigali na Parike Nkuru y'Urukiko rw'Ikirenga, ku wa 31/5/2000. Ubusanzwe atuye i Butare, aho akorera Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imisoro n'Amahoro (Rwanda Revenue Authority), nk'umugenzuzi wa za Gasutamo mu karere k'amajyepfo y'igihugu cy'u Rwanda (Butare na Gikongoro).

Komisiyo yasuye BUGINGO kuri Sitasiyo ya Polisi ya Muhima. BUGINGO yamenyesheje Komisiyo ko avuye aho akorera i Butare, ku wa 30/5/2000, yasanze ku biro bikuru by'akazi ke, i Kigali, hari ubutumire bwa Avoka Mukuru muri Parike Nkuru y'Urukiko rw'Ikirenga, RUKANGIRA Emmanuel, bumutegeka kwitaba.

Bukeye yitabye, BUGINGO yabwiye Komisiyo ko yasabwe na Avoka Mukuru, RUKANGIRA Emmanuel, gushinja MBANDA Jean, wari wafashwe na Parike Nkuru y'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 29/5/2000. BUGINGO yabwiye Komisiyo ko bamubazaga uko ibintu byagenze ku birebana n'ikibazo cya MBANDA na APROTAM. Bavuze ko hari ibyo ahisha. Uko BUGINGO abivuga, iyo myumvire yaba yarabaye impamvu yo kumushyira muri Kasho ya Sitasiyo ya Polisi ya Muhima, ngo mu gihe agitekereza ku bijyanye n'ubuzima bwe n'akamaro yari afitiye umuryango we.

Ku itariki ya 14/8/200 abavandimwe ba BUGINGO bandikiye Komisiyo bamutabariza. Ibyo byo gufungwa by'akamama n'urugomo babyise *"iyicwa ry'urubozo (Torture)"*. BUGINGO yakorewe inyandiko imufunga by'agateganyo na Porokireri Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga GAHIMA Gerald ku itariki ya 30/6/2000.

Mu mibonano, bagiranye, RUKANGIRA Emmanuel yamubajije uko yamenyanye na MBANDA Jean n'uko yakuye ibintu mu cyambu cya Dar es Salaam. BUGINGO yaramusobanuriye arangije amasaha yo kuruhuka aba arageze, Bwana RUKANGIRA amusiga mu maboko y'abapolisi ku kicaro cya Parike Nkuru y'Urukiko rw'ikirenga we yigira kuruhuka.

Umwaka w'2000 warangiye BUGINGO agifunzwe n'ubwo kenshi yasabye ko yaburana ari hanze, ariko ubushinja-cyaha bukaba na n'ubu, uko Komisiyo ibizi, butarashyikiriza ubucamanza dosiye ye ngo aburane.

Impamvu ubushinjacyaha butanga kugeza ubu yo kwanga ko BUGINGO Eudes aburana ari hanze ni uko ngo "indangamimerere ye itazwi cyangwa icyemangwa".

Ku birebana na BUGINGO Eudes kandi, kimwe no kubirenana na MBANDA Jean, nta mpamvu ishingiye ku mategeko Komisiyo yabonye yatuma ibyo baregwa bikurikiranwa na Parike nkuru y'Urukiko rw'Ikirenga mu mwanya wa Parike z'Inkiko zisanzwe.

7. Ifungwa rya BWANAKWELI Charles

Komisiyo yatabajwe n'umugore wa BWANAKWELI ayimenyesha ko umugabo we afungiwe kuri Sitasiyo ya Polisi ya Kicukiro, kandi ahamaze iminsi 20.

Intumwa za Komisiyo zasuye iyo Sitasiyo zibonana na BWANAKWELI n'abayobozi b'iyo Sitasiyo. Mu byagaragajywe n'ipererereza rya komisiyo harimo ko uwo muntu yakuwe iwe na Military Police atari umusirikare, agafungwa nta "mandat d'arrêt" cyangwa "mandat d'amener". Ndetse no muri iyo minsi 20 irenga, ntabwo yari yanditse mu gitabo cy'iyo Sitasiyo ya Polisi.

Nyuma y'uko Komisiyo ibimenyesheje inzego za polisi y'igihugu, ikanerekana ko binyuranyije n'amategeko, BWANAKWELI yarafunguwe.

8. Ifungwa rya KARUGANDA Théophile muri kasho ya Komine MUSHUBATI

Komisiyo yandikiwe n'umuvandimwe wa KARUGANDA Théophile uba mu gihugu cy'u Bubiligi avuga ibibazo afite. Uwo muntu yavugaga ko KARUGANDA afunzwe nta dosiye kandi afungishijwe n'umuntu wabyaranye n'umugore wa KARUGANDA.

Komisiyo yakoze ipererereza kuri icyo kibazo aho KARUGANDA afungiye muri Kasho ya Mushubati. Komisiyo yasanze afunzwe by'agateganyo kuva kuwa 30/7/1997, ashinjwa ibyaha birimo ko yaba yaragize uruhare mu itsembabwoko ryo mu w'1994. Yasanze afite dosiye azi, kandi irimo inyandikomvugo we yemera ko yasinye nta gahato ashyizweho.

Kugeza ubwo yasurwaga na Komisiyo, hagati muri Kanama 2000 ntabwo yari yagezwa mu nama y'abacamanza kugira ngo iyo nama yemeze ifungwa rye ry'agateganyo, nk'uko biteganywa n'amategeko.

Ku bijyanye n'uko mu bamushinja haba harimo umuntu wabyaranye n'umugore we, KARUGANDA arabihakana. Avuga ko azi uwakoze icyo cyaha, akanavuga ko uwo bagikekera bamubeshyera. Umwaka w'2000 warangiye agifunze.

Komisiyo yatangajwe n'uburyo ibyo yagejejweho n'umuvandimwe wa KARUGANDA mu nyandiko n'ibyo yibwiriwe na nyirubwite binyuranye cyane. Komisiyo irateganya gukomeza ipererereza kuri iki kibazo.

9. Ikibazo cya HITABATUMA Emile n'umugore we n'abandi bafungiwe muri Kasho ya Komini MUSHUBATI

Komisiyo mu gihe yakurikiranaga ikibazo cya KARUGANDA, yanamenye ibibazo by'abakurikiranyweho ibyaha bisanzwe bafungiye muri iyo kasho ya Komine Mushubati.

Muri abo hari abo Komisiyo yasanze bahafungiye igihe kirekire kandi nta rupapuro rugaragaza icyo baregwa, n'abandi bemeraga ibyo baregwa ariko atari ibyaha bifungisha umuntu igihe kirekire nk'icyo bari bamazemo.

Abo Komisiyo yashoboye kumenya ni HITABATUMA Emile n'umugore we NYIRANZIMENYEREZA Yozefa, NDAHAYO Valens, MUNYANZIZA na MUKAMUDENGE Emerita bazanywe muri iyo Kasho ku wa 1/8/1997.

Abo bantu bavuga ko bagejejwe aho n'uwahoze ari Konseye wa segiteri Mwaka, bashinjwa ko bishe umuntu. Yaba yarabasize aho, ntiyongera kugaruka ngo avuge ibyabo kugeza ubwo Komisiyo yabasuraga.

Intumwa ya Komisiyo yasanze kugeza icyo gihe cyose nta dosiye bagira. Yasabye OPJ waho, wari mushya icyo gihe, gukora ipererereza, ryagaragaza ibimenyetso bifatika ku byo baregwa bagafungwa mu buryo bwemewe n'amategeko, bitabaye ibyo bakarekurwa.

Nyuma yo gukora iryo perereza, ubugenzacyaha bwasanze uwo abo bantu batanu bashinjwaga ko bishe yarishwe n'abacengezi. Ahubwo iyo nkuru yari yaramenyekanye mbere, hakabura ukurikirana iby'abo bantu. Umwe muri abo yafunguwe ku itariki ya 29/6/2000, abandi bane bafungurwa ku wa 10/7/2000.

10. Ifatwa n'ifungwa bya SHIKAMA Vincent n'abandi muri Komini TABA

Guhera ku itariki ya 2 kugeza ku ya 24/6/2000, Komisiyo yashyize mu bikorwa icyiciro cya mbere cya gahunda yayo yo gusura Sitasiyo za Polisi na Kasho za Komini, igamije

kugenzura ahanini uburyo abafungwa bafashwe muri za kasho n'igihe bamaramo muri rusange. By'umwihariko, Komisiyo yifuzaga no gusuzuma ibirebana n'abafungiye ibyaha bisanzwe. *Komisiyo irateganya gukora raporo yihariye kuri ibyo bibazo nyuma y'uko icyiciro cya kabiri cy'iyo gahunda kirangira*. Icyakora, Komisiyo yasanze ari ngombwa kugaragaza muri iki gice cya Raporo y'umwaka w'2000 cyerekeye amapererezа, ibibazo bimwe byihariye yashoboye kumenya ku birebana n'abafungiye ibyaha bisanzwe bari muri Kasho ya Komini Taba.

Muri abo harimo SHIKAMA Vincent wafungiwe muri iyo kasho kuva ku wa 28/5/1995, azira kunanirwa kwishyura amafaranga igihumbi na magana atanu (1500Frw), na HABIYAMBERE Jean, wafunzwe kuva ku wa 21/11/1995 aregwa kurwana n'umuntu.

Ku byerekeye abo bantu bombi, intumwa za Komisiyo nta rupapuro na rumwe zashoboye kubona muri iyo Kasho ya Komini rugaragaza ko baba nibura barabajijwe, bagafungwa by'agateganyo hakurikijwe amategeko.

Icyo gihe izo ntumwa zasabye OPJ wari uhari ko yakora uko ashoboye abo bantu bagasubizwa uburenganzira bwabo.

Komisiyo yasubibiyeyo ku wa 17/11/2000, isanga abo bantu nta dosiye barakorerwa ndetse na OPJ waho yarahinduriwe ahandi, uhari nawe atazi n'icyo kibazo.

Mu bandi bari bahari ubwo Komisiyo yahasuraga bwa kabiri, nabo bari bahamaze igihe kinini kandi bashinjwa ibyaha bisanzwe, harimo SEBAZUNGU Bertin, BAGARAGAZA Jean-Pierre, BUREGEYA Balthazar na MUSENGIMANA Célestin. Abo bari muri iyo kasho ya komini kuva ku wa 21/7/1997, bakekwaho kugira uruhare mu iyicwa ry'umuntu.

Uwo munsi intumwa ya Komisiyo yasabye Porokireri wa Repubulika wa Gitarama gukurikirana ikibazo cy'abo bantu batandatu bagasubizwa uburenganzira bwabo.

Ku itariki ya 23/11/2000, nibwo akanama ko gusura za Kasho kashyizweho na Perefegitura kafunguye abanyururu 35, barimo abo batandatu bavuzwe.

<u>Ibindi bibazo byerekeye uburenganzira mu by'imbonezamubano na politike Komisiyo yakurikiranye</u> :

1. Ihunga rya SEBARENZI KABUYE Joseph

Uwari Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, SEBARENZI Kabuye Joseph akiri muri iyo mirimo, mu magambo, yagejeje impungenge ze kuri Komisiyo ku birebana n'umutekano we, nyuma y'uko arezwe icyaha cy'ubugambanyi mw'ishyaka yarimo, ariryo *Parti Libéral* (*PL*) no mu Ihuriro ry'imitwe ya politike yemewe, ndetse bikanavugwa kuri Radiyo na Televisiyo by'Igihugu.

Komisiyo yamusabye kubishyira mu nyandiko ku buryo busobanutse. Icyakora iyo nyandiko ntiyabonetse. Ahubwo mu minsi yakurikiye, SEBARENZI yeguye ku mirimo ye biturutse ku nyandiko yasinywe n'umubare munini w'abadepite yabimusabaga no ku mpaka zabaye mu Nteko zikagaragaza ko benshi mu badepite batari bakimufitiye icyizere.

Ibyo byakurikiwe n'ihunga rya SEBARENZI, ryateye impungenge abantu bamwe n'imiryango yigenga imwe nka Amnesty International, babigaragariza Komisiyo bayisaba kwita ku kibazo cy'umutekano w'uwo muntu, cyane ko hari n'ikinyamakuru cyitwa *Le Soir,* cyandikirwa mu Bubiligi, cyatangaje ku wa 4/2/2000 ko SEBARENZI yaba yari afungiwe mu Rwanda.

Ku wa 10/2/2000, Komisiyo yandikiye Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu na Minisitiri w'Ubutabera n'Imikoranire y'Inzego isobanuza ibyerekeye umutekano wa SEBARENZI n'ibyo yaregwaga mu binyamakuru n'amaradiyo. Mu gisubizo cye cyo ku wa 6/3/2000, Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu yamenyesheje Komisiyo ko SEBARENZI atigeze afatwa cyangwa ngo afungwe n'inzego z'umutekano z'u Rwanda. Yanatumenyesheje ko kugera kuri iyo tariki nta kirego, cyangwa indi mpamvu - cyari cyageze kuri Minisiteri y'Umutekano cyaba cyaratumye uwo muntu ahagarikwa cyangwa ngo gitume umutekano we witabwaho by'umwihariko.

Komisiyo yaje kumenya impamo ko SEBARENZI yahungiye mu gihugu cya Uganda, akaza kuhava akajya muri Norvège (Norway). Nyuma yaba yaragiye mu gihugu cya Canada.

Komisiyo yatewe impungenge n'iryo hunga kuko ryakurikiwe n'iry'abandi bantu barimo abanyapolitiki, abasirikare bakuru n'abanyamakuru.

2. Ihungabana ry'umutekano wa Kapiteni TEGA Frank

Kapiteni TEGA Frank yashyikirije Komisiyo ikibazo cy'umutekano muke we mu ibaruwa ye yo ku wa 16/3/2000, yari igamije kwishingana.

Kapiteni TEGA Frank, yari umusirikare mu Ngabo z'Igihugu (A.P.R. – R.P.A.). Yigeze kuba Komiseri w'Urubyiruko n'Umuco mu muryango "Front Patriotique Rwandais/Rwandese Patriotic Front" – Inkotanyi.

Ageza kuri Komisiyo impungenge ze, yari amaze amezi make agizwe umwe mu bacamanza b'Urukiko rwa Gisirikare. Yari atuye Kabeza, segiteri Kanombe, komini Kanombe, hafi y'aho bita ku Giporoso.

Impungenge ze, uko yazimenyesheje Komisiyo muri iyo baruwa no mu mibonano yayikurikiye, zaterwaga n'uko yari amaze iminsi ararirwa n'abantu yakekaga ko ari abasirikare bagamije kumwica, cyangwa kumugirira nabi ku bundi buryo. Izo mpungenge ntizashize n'aho yimukiye, akajya gutura i Nyamirambo, hafi ya Sitasiyo ya Polisi, naho ndetse akahava yimukira mu kindi gice cya Nyamirambo.

Isakwa ryakozwe mu mpera z'Ukuboza 2000 n'inzego z'umutekano mu gice cya Nyamirambo atuyemo, rikamuviramo ko imbunda ye y'akazi n'amasasu bifatwa, byongereye ubwoba bwe kuko yumvise ko yambuwe uburyo yari asigaranye bwo kurinda umutekano we.

Uko Kapiteni TEGA abivuga, ikibazo cy'umutekano cyigaragaje bwa mbere mu w'1995 n'uw'1996, akimenyesha abayobozi bakuru b'Ingabo n'ishyaka F.P.R.-Inkotanyi, gisa n'igihosheje, kiza kugarukana uburemere bukabije mu w'2000.

Komisiyo yashyikirije Visi-Perezida wa Repubulika akaba na Ministiri w'Ingabo icyo kibazo mu ibaruwa yayo yo ku wa 17/3/2000, igirana imishyikirano inyuranye n'abayobozi bakuru b'Ingabo na Polisi y'Igihugu, hagamijwe gushaka ukuri no kubahiriza umutekano w'uwo muntu n'umuryango we.

Komisiyo kandi yamutabarije kenshi abashinzwe umutekano ari we uyibisabye, rimwe na rimwe incuro zirenga ebyiri mw'ijoro rimwe, agituye Kabeza na nyuma y'uko yimukiye i Nyamirambo. Umwe mu bapolisi batabaye ninjoro yamenyesheje Komisiyo muri iryo joro ko yabonye ikimenyetso cy'urukweto rushobora kuba urwa gisirikare mu rugo kwa Kapiteni TEGA, mu ruhande TEGA yikangaga ko abamutera baturukamo. Ikindi ni uko ababanaga na Kapiteni Tega mu rugo, haba Kabeza cyangwa i Nyamirambo, bemeje ko impungenge ze zifite ishingiro, n'ubwo abandi bamwe bo mu nzego zishinzwe umutekano batemeraga ibimenyetso yatangaga, hakabamo ndetse n'abakeka ko yaba yarahungabanye mu bwenge.

Kumenya ukuri gusesuye kuri icyo kibazo byasabaga kugira ubushobozi mu rwego rw'abakozi n'ibikoresho bya tekiniki Komisiyo itari ifite mu w'2000.

Mu mpera za Mutarama 2001, mu gihe yari igikomeza ipererereza n'imishyikirano kuri icyo kibazo, Komisiyo yamenye ko Kapiteni TEGA atakiri mu rugo rwe, i Kigali, ahubwo yaba yarahungiye mu mahanga..

3. Ibura rya HATEGEKIMANA Jacques

HATEGEKIMANA Jacques ni umusore wavutse mu w'1977. Ni kavukire ko mu Kagari ka Mashesha, mu Karere ka Nyakabuye, i Cyangugu, aho ababyeyi be bombi batuye. Yigaga mu Rwunge rw'amashuri "La Promise ", i Kigali, acumbitse kwa mwene wabo utuye mu Kagari ka Bibare, muri Remera ya 3, muri Kigali y'umujyi.

Mu gihe cy'ipererereza ry'ibanze ryakozwe na Komisiyo, havugwaga ko ku wa 13/05/1998, mu gitondo, aribwo abajandarume bamutwaye. Abari bamucumbikiye bamenye izina ry'umwe muri

abo bajandarume n'aho yari atuye. Ndetse bamenyemo n'umusiviri tudashatse kuvuga izina kuko ipereereza rigikomeza, nawe bazi neza kuko akomoka mu kagari n'akarere kamwe na HATEGEKIMANA Jacques .

Mu kwezi kwa Kamena 2000, Komisiyo yakoze ipereereza rigamije kumenya ukuri kuri icyo kibazo. Intumwa ya Komisiyo yageze aho yari acumbitse n'aho avuka, ibonana n'ababyeyi be, n'abaturanyi babo barimo n'abayobozi. Komisiyo yagaragarijwe uko HATEGEKIMANA yabuze, uko bamushakishije bikaba iby'ubusa kugeza icyo gihe.

Ubusanzwe, amategeko agenga ibyerekeye abantu, mu cyiciro kirebana n'izimira, ingingo ya 25, avuga ko : "*Iyo umuntu yabuze aho atuye cyangwa aho aba nta gakuru ke kazwi kandi ntawe yasize mu bye, bavuga ko akiriho mu gihe cy'imyaka ibiri bahereye ku munsi baherukiraho amakuru yemeza ko akiriho".*

Nyamara izimira rya HATEGEKIMANA Jacques ritandukanye n'irivugwa muri iyi ngingo, kuko we yafashwe n'abantu bazwi. Bityo ifatwa rye rijyanye n'ibyerekeye ***"ibyaha bikorewe ukwishyira ukizana kwa buri muntu",*** nk'uko bigaragazwa mu ngingo za 388-390 z'Igitabo cy'amategeko yerekeye guhana n'umutekano.

Komisiyo yandikiye Minisiteri y'Ingabo, isaba iyo Minisiteri kuyifasha kubona abantu bavugwaho kuba baragize uruhare mu ibura rya HATEGEKIMANA. Umwaka w'2000 warangiye nta gisubizo kiraboneka. Komisiyo irakomeza ipereereza ryayo kuri icyo kibazo.

4. **Kwamburwa no guterwa ubwoba bya RUVAKUBUSA François**

Ku wa 19/01/2000, RUVAKUBUSA François yagejeje kuri Komisiyo ikibazo cye cyo kwamburwa imodoka ya TOYOTA DYNA RR 83.09B yari yaraguze akayamburwa ku kagambane n'uburiganya by'abayimugurishije, abasirikare na bamwe mu bagenzacyaha bo kuri Parike ya Kigali.

Abo yavugaga cyane ni uwitwa MUSHAMBA Steven, Subusititi SINDAYIGAYA Mariko wo muri Parike ya Kigali n'umusirikare atavuga urwego rwe witwa MASUMBUKO Alexis wamutungaga imbunda ngo amutere ubwoba.

RUVAKUBUSA yabwiye Komisiyo ko Parike ya Gisirikare yamufashije igashakisha imodoka ye ikayishyikiriza Parike ya Kigali aho yaje kuburira, akaza kumenya ko ariho abari barayimuhuguje bayikuye, bakayisubiza.

Komisiyo yaje kumuhuza n'abapolisi bashinzwe ibyaha nk'ibyo (CID) ndetse na Parike ya Kigali. Umwaka w'2000 warangiye hashize igihe kinini RUVAKUBUSA atongeye kwegera Komisiyo ngo ayimenyeshe aho icyo kibazo kigeze.

5. **Gufatwa ku ngufu no kuvutswa uburenganzira bwo kuburana bya *N. kanaka*.**

Mu ibaruwa yo ku wa 30/01/2000, yandikiwe n'umukuru w'umuryango w'ababikira witwa " Soeurs Auxiliatrices ", Komisiyo yamenyeshejwe ikibazo cy'umubikira tutavuga izina ku mpamvu zo kubaha ubuzima bwe bwite, wafashwe ku ngufu n'umuntu utazwi abifashijwemo n'abandi nabo batazwi aho yakoraga muri Gashyantare 1999. Abo anketi za mbere zaganishagaho, nabo tutavuga amazina ku mpamvu zasobanuwe haruguru, barafashwe bafungwa by'agateganyo. Umuryango w'idini (congrégation) w'uwo mubikira wandikiye Komisiyo ko uwo mubikira atigeze ahamagarwa mu rukiko ngo aburane. Ku bw'uwo muryango, ibyo byavuyemo kurekurwa k'uwakegwagaho icyaha, bityo akagenda bataburanye.

Komisiyo imaze kubona ko ari ikibazo kiri mu nkiko yamushakiye uwamwunganira wo mu Ishyirahamwe risanzwe rikora akazi ko kuburanira abafite ibibazo nk'ibyo. Umwaka w'2000 warangiye Komisiyo itamenyeshejwe n'abayitabaje aho urubanza rugeze.

6. **Urubanza rwa RINGUYENEZA Pierre Claver na Minisiteri y'Ingabo.**

Komisiyo yitabajwe na RINGUYENEZA Pierre-Claver, wahoze ari umuvuzi muri Minisiteri y'Ingabo, mu ibaruwa ye yo ku wa 4/4/2000 Iyo baruwa yari yerekeye irangiza ry'agateganyo ry'urubanza R.C. 26786/97, RINGUYENEZA yarezemo umukoresha we kuko yasezerewe ku kazi ku mpamvu atemera.

N'ubwo RINGUYENEZA yatsinze umukoresha we mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo, akongera akamutsindira no mu Rukiko rw'Ubujurire, ntabwo umukoresha yigeze yubahiriza ibyemezo by'inkiko byo guha RINGUYENEZA ibyo amugomba. Abahesha b'inkiko Komisiyo yegereye bayimenyesheje mu magambo ko kubahiriza icyo cyemezo bitoroshye kubera ko ngo ari Leta yishyuzwa.

Nyuma Komisiyo yandikiye Minisitiri w'Ingabo imugaragariza ubwihutirwe bw'icyo kibazo, cyane cyane ko kutishyurwa byashyize RINGUYENEZA n'umuryango we mu ngorane zikomeye Komisiyo yamenyeshejwe, ikageregeza no kumutabariza abaterankunga, ariko bikaba iby'ubusa. Umwaka w'2000 warangiye icyo kibazo kitarabonerwa igisubizo.

Ku wa 19 Werurwe 2001, RINGUYENEZA yandikiye Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi agenera kopi inzego z'Igihugu enye zirimo Komisiyo. Ku ibaruwa ye RINGUYENEZA yometseho « Icyemezo cy'umutekano muke » yahawe n'inzego z'ibanze za Segiteri Remera, yo muri Komini Kacyiru (Kigali y'umujyi), kigaragaza ko agomba gusubiza inzu acumbitsemo « mbere y'itariki 31/3/2001 » kuko atashoboye kubahiriza amasezerano yari yagiranye na nyi'inzu ku wa 15/7/2000, kikanasaba « Leta y'u Rwanda kubimufashamo mw'irangiza-rubanza R.C.A. 12372 ryo ku wa 23/12/00 ».

7. Kwishingana kwa Bwana GASIMBA F. Xavier

Mu ibaruwa ye yo ku 29/6/2000 GASIMBA François-Xavier, umwarimu muri Kaminuza y'u Rwanda akaba n'umwanditsi, yamenyesheje Komisiyo ko yabwiwe n'umuturanyi we ko hari abantu babiri, barimo umwe wari wambaye gisirikare kandi yitwaje imbunda, bahayobeye bashaka kwa GASIMBA. Ibyo byamuteye impungenge bituma abimenyesha Komisiyo, anagenera kopi inzego z'umutekano.

Ku mpamvu z'ubushobozi buke muri icyo gihe, Komisiyo ntiyabashije gukurikirana icyo kibazo mu mwaka w'2000. Uwo mwaka kandi warangiye GASIMBA nta kindi amenyesheje Komisiyo, cyaba ko ikibazo cyaba cyariyongereye cyangwa cyarakemutse, biturutse ku nzego z'umutekano zakimenyeshejwe cyangwa ku zindi mpamvu.

8. Ifatwa rya NSABIMANA Sylvain n'umushoferi we Sam muri Uganda

Mu gihe hari umwuka mubi hagati ya Uganda n'u Rwanda, abantu bamwe bavaga mu Rwanda bageraga muri Uganda baratotejwe, baramburwa, ndetse bamwe baranafungwa.

Muri abo bantu, nk'uko twabimenyeshejwe n'abavandimwe babo , harimo NSABIMANA Sylvain n'umushoferi we Sam (Komisiyo ntiyashoboye kumenya irindi zina rye) bafashwe n'abasirikare ba Uganda, bagakubitirwa mu kigo cya gisirikare i Kabare bakanahafungirwa. Bari bajyanye imodoka yabo ya Minibus RR 9715 B.

Kuko itegeko rishyiraho Komisiyo ritayiha ububasha bwo gukurikirana ihohoterwa ry'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu rikorerwa hanze y'u Rwanda, icyo kibazo cyamenyeshejwe Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga y'u Rwanda, kinashyirwa mw'ibaruwa yohererejwe Komisiyo y'Igihugu cya Uganda y'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu kugira ngo igikurikiranire hafi. Mu rwego rw'ubufatanye, Komisiyo y'Igihugu cya Uganda yabyakiriye neza, ndetse imenyesha Komisiyo ko yabikurikiraniye hafi.

Komisiyo yaje kumenya ko abo bantu barekuwe bagasubizwa n'ibyabo, bakagaruka mu Rwanda.

9. Ikibazo cya SEBERA Antoine n'Urukiko rw'Ikirenga

Urubanza rwa sosiyete y'ubwubatsi ya Nyakwigendera SEBERA Antoine na Banki Nkuru y'Igihugu (BNR) ni ikibazo kimaze imyaka irenga 23. Kubera ko ari cyo kibazo cya mbere Komisiyo yakiriye kandi kikaba cyarabayeho na mbere y'uko Komisiyo ibaho, ni ngombwa kugaragaza incamake y'amateka y'icyo kibazo.

- Itariki ya 16/2/1978. "enterprise" y'ubwubatsi ya Bwana SEBERA Antoine yitwa SOGEE yatsindiye isoko ryo kubaka inzu BNR ikoreramo ubu. Iryo soko ryari rifite agaciro k'amafaranga 675.115.225Frw. Iyo nzu yagombaga kubakwa mu mezi 24.
- Ubwo imirimo yahise itangira, ariko ku tariki ya 23/1/1979 uwari Guverineri wa BNR icyo gihe, Bwana BIRARA J. Berchmans yandikiye SEBERA amusaba guhagarika imirimo. Impamvu ngo ni uko "bétons" zakoreshwaga muri ubwo bwubatsi zitari zikomeye nk'uko amabwiriza yabishakaga.
- Nyuma y'iyo baruwa, izo "bétons" zagiye gupimwa mu mahanga, maze ababizobereyemo basanga ari nzima zihuje n'ayo mabwiriza. Ikigaragara, kandi kibabaje, n'uko uwari wasabye ko habaho gupima izo "bétons", atigeze yereka ubuyobozi bwa SOGEE -SEBERA icyo ibipimo byerekanye.
- Ahubwo BNR yihutiye kwandikira SEBERA imwemerera gukomeza imirimo ariko noneho imugerekeraho izindi "conditions" zuzuyemo amananiza menshi. Ni byo bise amasezerano yo kuwa 12/3/1979 (convention du 12/3/1979).
- Uko bigaragara ni uko nta kundi SEBERA yari kubigenza, yemeye gukomeza imirimo kuva ku wa 2/5/1979.
- Tariki ya 10/ 8/1982, imirimo yararangiye, ndetse haba iyakirwa ry'inzu ry'agateganyo ryakozwe na société yitwa GEOMINES *(Réception provisoire de l'immeuble BNR)* ariko havugwa ko hari imirimo itarangiye neza. Mu by'ukuri ariko, imirimo itaragenze neza ni igisenge cy'iyo nzu *(Toiture et étanchéité)*.
- BNR yo yemezaga ko icyo gisenge cyakozwe nabi na SOGEE-SEBERA, naho SEBERA we akavuga ko hakurikijwe ariya masezerano yo kuwa 12/3/1979, BNR ariyo yishakiye umubirigi witwa DEKKERS ngo abe ariwe wubaka icyo gisenge *(sous-traitance)*; ndetse SEBERA akongeraho ko mu gihe DEKKERS yubakaga icyo gisenge, yandikiye ibaruwa BNR ayimenyesha ko ibikoresho ariho akoresha byataye igihe kandi ko bidakoreshwa mu bihugu bifite "climat" nk'iyo mu Rwanda. Icyo gihe BNR yohereje umukozi wayo wazobereye mu by'ubwubatsi *(Fonctionnaire dirigeant)* ngo abigenzure maze akora raporo yemezaga ko uwo DEKKERS ariwe nyirabayazana.

Byageze mu ubutabera

Tariki ya 14/4/1991, BNR yasabye Perezida w'Urukiko rwa mbere rw'Iremezo rwa Kigali uruhushya *(ordonnance)* rwo gushaka indi société y'ubwubatsi ngo irangize imirimo itarakozwe neza cyangwa se itararangiye. Tariki ya 6/5/1991, BNR noneho yareze SOGEE-SEBERA mu rukiko rwa mbere rw'Iremezo rwa Kigali, ikirego giteye gitya:

- Garanti y'uko ibikozwe nabi bizakosorwa byaba ngombwa hagashyirwaho undi mwubatsi (91.000.000Frw); 33.757.563 inyungu z'ubukererwe mu kurangiza imirimo; 5.257.507FRW yagombaga guhembwa umujyanama mu bya tekiniki; 6.043.061FRW yiswe amafaranga y'ingendo no kwiga dosiye; n'andi 1.958.867FRW y'inyungu. Yose hamwe akaba 138.926.998FRW BNR yishyuzaga SOGEE-SEBERA.

- SOGEE-SEBERA yuririye kuri ibyo, nayo itanga ikirego *(demande reconventionnelle)* yishyuza BNR Facture ya 73.632.780 Frw yo muri 1986 ndetse n'andi yashyirwaga kuri konti ya garanti kugirango azajye yishyura imirimo itararangiye neza agera kuri 50.000.000Frw nayo bari barayobewe irengero ryayo. Tariki ya 9/4/1992, Urukiko rwa mbere rw'Iremezo rwaciye urubanza maze ruvuga ko SEBERA atsinze, rutegeka BNR kwishyura SEBERA amafaranga 104.869.485Frw;

- Ubwo BNR yarajuriye, ubujurire bwayo buhabwa n° RRC.10.675/KIG.

Hagati aho, mu mwaka w'1994, Bwana SEBERA Antoine yarishwe mu gihe cy'itsembabwoko.

Nyuma ya Genocide

Nyuma y'itsembabwoko, umuhungu wa nyakwigendera, ari we Dr. Jean SEBERA, yakomeje gukurikirana urwo rubanza.

- Mu rukiko rw'ubujurire rwa Kigali, BNR yari ihagarariwe na Maître HODARI NSINGA (ubu niwe Perezida w'Urukuko Rusesa Imanza) yasabye ko habaho "expertise" yemeza neza ibitarakorwa uko bikwiriye ndetse n'umwubatsi byabazwa. Urukiko rwashyizeho ba "experts" batatu: umwe utanzwe na BNR, undi utanzwe na SOGEE-SEBERA, uwa gatatu agahagararira Leta.
- Mu mwanzuro abo ba "experts " bashyikirije urukiko bemeje ko imirimo y'igisenge yakozwe nabi cyane, bemeza kandi ko Entreprise SOGEE-SEBERA nta ruhare na ruto yabigizemo ngo kuko ibyo yakoze byose bihuje n'amabwiriza ari muri "Cahier Général des charges".
- Maître HODARI NSINGA wari watse iyo "expertise" abonye uwo mwanzuro yasabye kudakomeza guhagararira BNR, ndetse BNR iza kubitangira ikirego mu ishyirahamwe ry'Abavoka (Barreau) mu ibaruwa n° 010/98/R.FX/mgk yo kuwa 11/12/1998. Ubwo dossier ya BNR yaje gukomezwa na Maître MUGEMANA J.M.V . Bya birego byose BNR yabiretse nyuma y'iriya "expertise" yari yisabiye maze isigara iburana ya Facture ya 73.632.780Frw hamwe na ya mafaranga bakataga SEBERA ngo azarangize imirimo izaba yakozwe nabi ; amafaranga yari amaze kugera kuri 443.915.240Frw kuwa 13.12.1980.
- Urukiko rw'Ubujurire rwasanze na none BNR itsindwa, kuko n'ubwo yahakanaga iriya facture byari amatakirangoyi, kubera ko yayihakaniye imbere y'inzego z'ubutabera kandi amategeko ayiha igihe cy'iminsi 60 ngo iyemere cyangwa se iyange. Naho ariya mafaranga 49.915.240frw, BNR yo ikayemera ndetse igasaba ko yayariha hiyongereyeho indishyi zayo zibazwe kuri 9% (AVEU JUDICIAIRE); naho SEBERA akaba yarakaga inyungu zayo zibariwe kuri 19%; Urukiko rwafashe inyungu zibariye kuri 15% mu kubakiranura.
- Uko ni ko BNR yatsindiwe kuriha amafaranga akabakaba miliyoni magana icyenda (900.000.000frw) ndetse zinarenga. BNR yahise isabira urwo rubanza iseswa.

Mu rukiko rusesa imanza

Mu ngingo eshanu (5), Maître MUGEMANA J .M.V. wari uhagarariye BNR yagejeje mu Rukiko Rusesa Imanza, imwe gusa ni yo urukiko rwafashe naho izindi uko ari enye rurazanga ngo kuko rwasangaga ari ingingo zinjira mu mizi y'urubanza (moyens de fond) kandi ko zabajijwe bihagije n'Urukiko rw'Ubujurire rwa Kigali.

- Iyo ngingo yafashwe mu gusesa ruriya rubanza RCA.10.675/KIG ngo ni nko mu rukiko rw'Ubujurire rwa Kigali, SOGEE-SEBERA yari ihagarariwe n'avocat w'umufaransakazi witwa Nadine SOULAN, ngo kandi amategeko y'Abafaransa nta na hamwe ateganya ko Avoka w'Umunyarwanda yaburanira mu Bufaransa nta zindi nzitizi (RECIPROCITE);
- Tariki ya 5/6/2000, mu iburanisha rya ruriya rubanza, SOGEE-SEBERA yari ihagarariwe na none na Maître Nadine SOULAN, kugeza igihe iburanisha rirangiriye. Ari Maître MUGEMANA wa BNR, kandi ari nawe watanze iriya ngingo, ntacyo yigeze abivugaho, ari n'abacamanza ubwabo ntacyo bigeze babinengaho. Ariko bagiye guca urubanza bati mu Rukiko rw'Ubujurire SOGEE-SEBERA yari ihagarariwe n'umunyamahanga utagomba kuburanira mu Rwanda. Icyo Komisiyo yibajije ni uburyo umunyamahanga

utashoboraga kuburanira mu rukiko rw'Ubujurire, yaburana nta nkomyi mu Rukiko Rusesa Imanza kandi arirwo rukuru.

Ariko kandi, mu rubanza R.A. 0285/13.03/98 rwa BACAR na BIRARA rwaciwe n'Urukiko Rusesa Imanza kuwa 11/5/1999, Maître KAZUNGU J.Bosco waburaniraga BACAR yatanze ingingo nk'iriya y'uko mu Rukiko rw'Ubujurire rwa Kigali, BIRARA yari ahagarariwe na Avoka w'Umubiligi ngo kandi mu mategeko yo mu Bubiligi ntaho bigaragara ko Avoka wo mu Rwanda ashobora kuburana imbere y'inkiko zo mu Bubiligi nta nkomyi. Mu guca urubanza, Urukiko Rusesa Imanza rwasanze iyo ngingo nta shingiro ifite.

Muri urwo rubanza rwa BACAR na BIRARA, uwashyigikiraga ko iriya ngingo nta shingiro ifite ari Maître MUGEMANA JMV, yarangiza akaba ari nawe uyishingikiriza mu rubanza rwa BNR na SOGEE-SEBERA . Twasanze kandi mu bacamanza batatu baciye ruriya rubanza rwa BACAR na BIRARA, babiri muri bo ari nabo baciye urubanza rwa BNR na SEBERA. Abo ni abitwa NZAMUKWEREKA Venant na MAFARANGA Anastase. Ndetse n'uwa gatatu mu baciye ruriya rubanza rwa BNR na SEBERA, nawe yagize aho ahurira na ruriya rwa BACAR na BIRARA kuko yaruburanishije ruvuye mu Rukiko Rusesa Imanza rwoherejwe mu Ruhengeri : uwo mucamanza , Bwana KABENGA Eustache, yari Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire rwa Ruhengeli mbere y'uko aza mu Rukiko Rusesa Imanza.

Komisiyo yamenye ko uru rubanza rwaba rwarasubijwe mu Urukiko rw'Ubujurire ku itariki ya 4 Mutarama 2001, tunamenya kandi ko byabaye ngombwa ko uwaburanaga na BNR yahinduye umuburanira kubera ko ari cyo kibazo cyari cyagaragajwe.

B. UMWANZURO KU BIBAZO BYAKURIKIRANYWE BIFITANYE ISANO N'UBURENGANZIRA MU BY'IMBONEZAMUBANO NA POLITIKE.

1. Mu bibazo byakurikiranywe bifitanye isano n'uburenganzira mu by'imbonezamubano na politiki, kenshi uburenganzira abantu bagiye bavutswa ni ubushamikiye ku **ifatwa n'ifungwa ritajyanye n'amategeko**.

Ni ikibazo kizwi, nk'uko Porokireri Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga, GAHIMA Gerald, abyivugira:

> ***"..Ikibazo cyo gufata ni ikibazo gikomeye cyane. Akenshi na kenshi uwo bafashe baherako banamufunga. Hari amategeko ateganya uko ibyo bikorwa. Kenshi na kenshi mu gihugu ubu ngubu bikaba bikorwa mu nzira zinyuranyije n'amategeko. Ni bimwe mubibangamiye Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu gihugu. Ni ikibazo gikomeye cyane."*** (*Kubaza bitera kumenya*, Ikiganiro cya Radiyo Rwanda, ku wa 23/7/2000).

Maître MUTAGWERA Frédéric, uburanira MBANDA Jean, kuwa 8/12/2000 na we yabwiye Komisiyo ko asanga ***« Abo amategeko yahaye ubushobozi bwo kurenganura abantu basa nk'aho ayo mategeko batayakurikiza ».***

Mu gihe cyo gushaka igisubizo kuri iki kibazo, hariho ibintu nibura bine bikwiye kuzirikanwa :

- Icya mbere ni uko inzego zishinzwe gufata no gufunga zikwiye kubaha amategeko y'Igihugu n'amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwasinye rukanayemeza, zikanamenyera ko gufunga bigomba kugira impamvu n'uburyo bikorwa.
- Icya kabiri ni uguha agaciro uburenganzira bwo kwishyira ukizana, n'uburenganzira ku cyubahiro bwa buri muntu.
- Icya gatatu, ni ugushimangira ihame ry'uko abantu bose bareshya imbere y'amategeko, kuko aricyo nacyo giha icyizere buri muntu, kikanabanisha abantu mu mahoro.
- Icya kane ni uguhamya politiki yo gukangurira buri muturarwanda wese kumenya no guharanira uburenganzira bwe.

Amategeko, ndetse n'Itegeko-Shingiro by'u Rwanda bishimangira ku buryo bugaragara Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu.

Urugero rwa mbere ni uko Amasezerano y'Amahoro ya Arusha yahaye Itangazo Mpuzamahanga ku Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu ryo mu 1948 agaciro kari hejuru y'Itegeko Nshinga ryo muri Kamena 1991, mu bijyanye n'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu.

Urundi ni uko u Rwanda rwasinye rukanemeza Amasezerano Mpuzamahanga y'Uburenganzira mu by'Imbonezamubano na Politiki yo ku wa 16 Ukuboza 1966, rukanayinjiza mu mategeko y'igihugu binyujijwe mu Itegeko-teka n°8/75 ryo kuwa 12 Gashyantare 1975 **(Igazeti ya Leta, 1975, urupap. 230).**

Mu ngingo ya 2(2) y'ayo masezerano havugwa ko :

> "*Bitabangamiye amategeko shingiro yabyo kimwe n'ingingo zigize aya masezerano, ibihugu bishyize umukono kuri aya masezerano byemeje gushyiraho uburyo bwatuma hafatwa ibyemezo binyuze mu mategeko cyangwa mu zindi nzira, kugirango uburenganzira bwemewe muri aya masezerano bwaba butubahirizwa bushobore gutangira gushyirwa mu bikorwa."*

Mu ngingo ya 3 (3) y'ayo masezerano kandi havugwa ko ibihugu bishyize umukono kuri ayo masezerano byiyemeje :

> *a) kwishingira ko umuntu wese uzaba yahutajwe mu burenganzira no mu kwishyira ukizana bye byemewe muri aya masezerano azashobora kwitabaza urwego rufite ububasha bwo kurenganura n'ubwo iryo hutaza ryaba rikozwe n'abantu mu gihe bakora umurimo bashinzwe n'ubutegetsi;*
> *b) kwishingira ko urwego rubishinzwe, rwaba urw'ubucamanza, urw'ubutegetsi cyangwa urushinga amategeko, cyangwa se urundi rwego rubigenewe hakurikijwe amategeko igihugu kigenderaho ruzagira ibyemezo rufata ku burenganzira bw'uwo muntu usaba kurenganurwa, ibyo bihugu kandi bikaba byiyemeje kongera uburyo bwo kwitabaza abacamanza;*
> *c) kwishingira ko inzego zibishinzwe zizajya ziha igisubizo kiboneye ikibazo cyose zizasanga gifite ishingiro.“*

Ingingo ya 4 (2) y'ayo masezerano nayo ivuga ko nta byemezo bigomba gufatwa binyuranye **n'ingingo ya 6,7,8 (2 na 3), 11, 15, 16 , n'iya 18**.

Mu birebana n'ifatwa n'ifungwa, hakwiye kandi kwibutswa ko "*Nta muntu ugomba kwicwa urubozo*." **(Ingingo ya 7** y'Amazerano yavuzwe haruguru **n'iya 5** y'Itangazo Mpuzamahanga k'Uburenganzira bw'ikiremwamuntu). Nta n'umuntu ukwiye guhatirwa kwishinja icyaha; **(Ingingo ya 14(3)(g)**] y'Amazerano yavuzwe haruguru) nk'uko byaba byaragendekeye BUGINGO Eudes.

Ikindi akenshi kitakurikijwe ni uko umuntu wese afite uburenganzira bwo kumenyeshwa bidatinze, mu gihe cy'ifatwwa rye, icyaha cyose aregwa". (**Ingingo ya 9(2)** y'Amazerano yavuzwe haruguru).

"Umuntu wese ufashwe cyangwa ufungiwe icyaha gihanwa n'amategeko agomba mu gihe kigufi gushyikirizwa umucamanza cyangwa undi mutegetsi itegeko riha gukora umurimo w'ubucamanza kandi agomba gucirwa urubanza mu gihe gicirirtse cyangwa akarekurwa. Gufunga abantu by'agateganyo bategereje gucirwa urubanza sibyo bigomba kuba ihame ariko gufungurwa by'agateganyo bishobora gusabirwa ingwate zemeza ko uwarekuwe azitaba mu gihe cy'iburana no mu yindi mihango yose yerekeye iburanisha,ndetse bibaye ngombwa no mu irangiza ry'urubanza" (**Ingingo ya 9(3).**

Urebye ibibazo Komisiyo yashyikirijwe, si amasezerano mpuzamahanga (*agomba gukurikizwa*) gusa akunze kutubahirizwa mu birebana n'ifatwa n'ifungwa ry'agateganyo.

N'amategeko nyarwanda agenga imiburanishirize y'imanza z'inshinja-byaha nayo akunze kutitabwaho. Urugero ni ingingo yaryo ya 38 (2), aho Itegeko rivuga riti: *"Niba Juji ari mu karere kamwe n'umushinja-cyaha, ushinjwa agomba kwitaba Juji bitarenze iminsi itanu kuva igihe urwandiko rumufata by'agateganyo rwatangiweho".*

Kimwe n'Ingingo ya 41 (1), nayo ikunze kutubahirizwa, igira iti: *"Itegeko ryemeza ko ushinjwa aba afunze mbere y'uko urubanza rukizwa mu minsi 30 habariwemo umunsi ryatanzweho. Iyo irangiye, iminsi y'igifungo kibanziriza urubanza ishobora kongerwaho ukwezi kumwe, bigakomeza bityo igihe cyose bibaye simusiga ngo hoye kuba impagarara mu gihugu kandi urubanza rupererezwa".*

Umuntu wese kandi uvukijwe ukwishyira ukizana kwe kubera gufatwa cyangwa gufungwa afite uburenganzira bwo kuregera urukiko kugira ngo rwerekane bidatinze niba gufungwa kwe byarakurikije amategeko, yaba afunzwe ku maherere, rugategeka ko arekurwa.

Ikibazo cya Shikama wafunzwe imyaka irenga itanu kubera kunanirwa kwishyura amafaranga FRW 1500, kigaragaza ko ibivuzwe haruguru bidakurikizwa buri gihe. Ku bireba uwo muntu, hakwiye no kwibutswa ko :

"*Ntawe ushobora gufungwa azizwa gusa ko yananiwe kwubahiriza ibyo yiyemeje mu masezerano***"** (**Ingingo ya 11** y'Amasezerano mpuzamahanga yavuzwe haruguru).

2. Turetse ibyavuzwe byerekeye ifatwa n'ifungwa, ikibazo cya Suliyetona NSENGIYUMVA cyo gifite n'umwihariko, ugizwe n'uko uwo muntu yari yaburanye, urukiko rukamugira umwere. Ntibyabujije Parike ya Gisirikare kongera kumufata. Ibi bijyanye n' **ukutubahirizwa kw'ibyemezo by'inkiko, kandi byabaye inshuro zitari nke.**

Nyamara **ingingo ya 14 (7)** y'Amasezerano mpuzamahanga mu by'imbonezamubano yavuzwe haruguru igira iti :

"*Nta muntu ushobora gukurikiranwa cyangwa guhanirwa icyaha yahanaguweho cyangwa ku cyaha yakatiweho burundu mu rubanza rudasubirwamo hakurikijwe amategeko n'imiburanishirize y'imanza z'inshinja- cyaha bya buri gihugu.*"

Ikibazo cy'ukutubahirizwa kw'ibyemezo by'inkiko kiri no mu urubanza rwa Ringuyeneza na Minisiteri y'Ingabo cyagaragaye no mu yandi madosiye Komisiyo yakozeho iperereza, nko mu idosiye y'umukecuru Nyirafurere w'i Gitarama, itavuzwe haruguru, yerekeye urubanza rw'uwo mukecuru n'umusubusititi Muyango Oswald, ubu ukora i Butare« wabohoje » inzu ye.

Amakuru Komisiyo ifite ni uko n'ubwo uwo mukecuru yaburanye agatsinda mu rukiko, umwaka w'2000 warangiye atarasubizwa amafaranga yatsindiye, nta n'icyizere cy'uko yaba ari hafi kuyabona kigaragara.

Bikwiye kumvikana kandi bikanamenyerwa ko ubutegetsi bw'ubucamanza, bushinzwe kurengera uburenganzira n'ubwigenge bya buri muntu. Bubyubahiriza mu buryo buteganijwe n'itegeko **(ingingo ya 33** y'itegeko nshinga rya Repubulika y'u Rwanda 10 Kanama 1991).

Iryo tegeko ni ihame ryiza ryafasha cyane igihugu cyazahajwe n'umuco wo kudahana abantu bagakangukira kureka kwica nkana amategeko; kuko hari n'amategeko ahana abavutsa abandi uburenganzira bwabo.

Urugero ni ibiteganywa n'amategeko ku gufata no gufunga umuntu ku bw'urugomo cyangwa ku buryo bunyuranye n'itegeko, byibutswa mu gitabo cy'umugenzacyaha, cyakozwe na Minisiteri y'ubutabera mu mwaka w'1995.

*"…umukozi wese w'Igihugu cyangwa umukozi ushinzwe ibyemezo, umutegetsi wese cyangwa umukozi wo mu butegetsi cyangwa wo mu burinzi bw'amahoro, uzaba, ku buryo bunyuranyije n'itegeko cyangwa ku bw'urugomo, yafashe cyangwa yafatishije, yafunze cyangwa yafungishije umuntu umwe cyangwa abantu benshi, azahanishwa igifungo kuva ku mezi atatu kugera ku myaka itanu n'ihazabu y'amafaranga kuva ku bihumbi bitanu kugeza ku bihumbi icumi cyangwa kimwe muri ibyo bihano. Igifungo kizatangira ku mezi atandatu bitarenze imyaka cumi, niba iryo fungwa rinyuranye n'itegeko cyangwa y'urugomo rimaze igihe kirenze ukwezi kumwe***.."* **(ingingo ya 297)**

Amategeko ahana ntahana gusa abafata abandi ku bw'urugomo cyangwa ku buryo bunyuranyije n'amategeko, ahubwo ahana na *:*

"…umutegetsi, mu gihe abifitiye ububasha wirengagije cyangwa wanze gufunguza umuntu amaze kumenyeshwa ko yafunzwe mu buryo bunyuranyije n'itegeko.." **(ingingo ya 299, igika cya 1)**

"…*umutegetsi, mu gihe adafite ububasha bwo gufunguza uwafunzwe ku buryo bunyuranyije n'amategeko, wirengagije cyangwa yanze kumenya iby'igifungo abwiwe, no kukimenyesha ubutegetsi bubifitiye ububasha*.."(**ingingo ya 299, igika cya 2)**.

"..Diregiteri wa gereza cyangwa undi mukozi wese ushinzwe uburinzi bwa za gereza uzaba yakiriye imfungwa nta tegeko iryo ariryo ryose ryanditse ahawe cyangwa bidaturutse ku rubanza rwaciwe.." **(ingingo ya 300).**

Bakanavuga ko *"Uretse ibihano biteganywa n'igitabo cy'amategeko ahana, umugenza-cyaha wafunze umuntu ku bw'urugomo cyangwa mu buryo bunyuranyije n'amategeko, ashobora guhanwa mu rwego rw'akazi ndetse akaba yanacibwa indishyi z'akababaro zo guha uwo yakoreye amakosa. "*

Ibikwiye gukorwa

1. Komisiyo irasanga mu buryo bwihutirwa hakwiye kujyaho itegeko rihana by'intangarugero abantu birengagiza amategeko bagakandagira Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu by'imbonezamubano. Iyo uburenganzira bwubahirijwe biha buri wese mu gihugu ububasha n'ubushobozi bwo kuba umurinzi w'amahoro, akanatanga umusanzu ugaragara mu majyambere y'Igihugu. Waba n'umusanzu ukomeye ku umutekano n'ubwiyunge bw'abanyarwanda. U Rwanda rufite amasezerano menshi mpuzamahanga y'uburenganzira bw'ikiremwamuntu rwasinye, rukayemeza ndetse rukayayinjiza mu mategeko y'igihugu; hari n'amategeko y'igihugu; abashinzwe kubahiriza uburenganzira bw'ikiremwamuntu bakwiye kuyaha agaciro.
2. Mu buryo bwihutirwa abantu bose bakekwaho ibyaha bisanzwe, ariko bakaba bafunzwe ku bw'urugomo cyangwa ku buryo bunyuranye n'amategeko bakwiye gufungurwa by'agateganyo. Aho bibaye ngombwa bakazakurikiranwa bari hanze nk'uko amategeko abiteganya.
3. Komisiyo irasaba ko mu rwego rwo gukurikirana abantu ku byaha bisanzwe ifatwa n'ifungwa by'agateganyo, hakurikizwa itegeko ryo ku wa 23 Gashyantare 1963 rishyiraho igitabo cy'amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha. Ibi birasaba ko hahindurwa itegeko N°26/99 ryo kuwa 31/12/1999 rihindura itegeko n°16/97 ryo ku wa 26/12/1997 rihindura itegeko n° 9/96 ryo kuwa 8/9/1996 rihindura by'agateganyo igitabo cy'amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha. Iri tegeko ntabwo rikurikiza ihame ry'uko *"Ubwigenge bwa buri muntu ari indahungabanywa.."*(**Ingingo ya 12 y'itegeko-nshinga10/6/1991**) Igihe giteganywa mbere y'uko aburana cyangwa ifungwa rye ry'agateganyo ryemezwa n'urukiko ni kirekire cyane.
4. Ufashwe agomba kurebwa nk'umwere mu gihe cyose urukiko rutaramucira urubanza rukimwemeza cyangwa rukimuhanaguraho. Komisiyo irasanga abantu bose bafunze by'agateganyo ku buryo bwemewe n'amategeko bakwiye gutandukanywa n'izindi mfungwa zakatiwe burundu, mu myambaro, ndetse no mu buryo bitwa. Umuntu wese utarakatirwa ku buryo budasubirwaho, kumwita "umugororwa" ni ukumwambura cyangwa kumutesha agaciro.
5. Dushingiye ku mateka y'igihugu cyacu, aho abacamanza n'abunganira abantu ari bake cyane ugereranije n'ibindi bihugu; ntibyari bikwiye ko habaho amananiza ku bantu baburanira abandi. ***Buri muntu afite uburenganzira bwo kuregera inkiko ngo arenganurwe. Ubwo burenganzira bukubiyemo ubwo "..kwiregura burimo n'ubwo***

kwihitiramo umwunganira mu nkiko.." **(Ingingo ya 7(c)** y'Amasezerano y' Afurika yerekeye Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu n'ubw'Abaturage-1981).

6. Polisi y'igihugu, ubu igitangira ikeneye kubona ibikoresho n'ubundi bushobozi bwayifasha gukora akazi kayo neza.

3.2.1.2. Mu rwego rw'Ubukungu, Imibereho myiza, Umuco n'Amajyambere

Mbere yo kugaragaza ibibazo Komisiyo yasuzumye mu rwego rw'Uburenganzira mu by'Ubukungu, Imibereho myiza, Umuco n'Amajyambere, twibutse amwe mu mahame y' Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu Komisiyo yitabaje.

Itangazo Mpuzamahanga k'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu u Rwanda ruha agaciro gakomeye rivuga ko :

« *Buri muntu, yaba wenyine cyangwa hamwe n'abandi, afite uburenganzira ku mutungo ».*

« Ntawe ugomba kwamburwa umutungo we bwite uko byishakiwe » **(Ingingo ya 17)**

Ingingo ya 25 nayo igira iti :

« *Buri muntu afite uburenganzira bwo kubona ibyangombwa kugira ngo we n'umuryango we bagire ubuzima n'imibereho byiza: kubona ikibatunga, icyo bambara, icumbi (…)"*

Ingingo yaryo ya 26 yo ivuga ko :

"Buri muntu afite uburenganzira ku burezi(….)"

"Uburezi bugomba guteza imbere kamere y'umuntu mu biyigize byose kandi bugashyigikira ubwigenge remezo n'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu"

Tugarutse ku mategeko bwite y'u Rwanda, twibutse ko **Ingingo ya 4** y'Igice cy'Amasezerano y'Amahoro ya Arusha cyerekeye itahuka ry'impunzi z'Abanyarwanda n'iry'abantu bavanywe mu byabo, igira iti :

« Uburenganzira ku mutungo ni uburenganzira bw'ibanze ku Banyarwanda bose, bityo impunzi zifite uburenganzira bwo gusubirana umutungo wazo zitahutse".

« …Icyakora mu rwego rwo guteza imbere umubano mwiza mu bantu n'ubwiyunge bw'Igihugu, abahuriye ku masezerano y'Arusha bifuza ko impunzi zimaze imyaka cumi zivuye mu gihugu zitagombye kubaza umutungo wazo uri mu maboko y'abandi. Nyamara ariko Leta izabaha isambu kandi ibafashe kwubaka."

"Ku byerekeye umutungo uri mu maboko ya Leta, utahutse afite uburenganzira bwo kubona indishyi ikwiye ayihawe na Guverinoma. »

Mu rwego rw'iyubahirizwa ry'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu by'ubukungu, imibereho myiza, umuco n'amajyambere, Komisiyo yakurikiranye ibibazo bikurikira :

a) Uburenganzira k'umutungo bwite (amazu, amasambu …)

- ***Ibibazo byerekeranye n'amazu***

Komisiyo yakurikiranye ibibazo by'abantu umunani baburanaga amazu icumi.

Abantu batatu basubijwe amazu yabo ane, ku buryo bukurikira : Madamu MUNYANEZA Emeritha yahawe amazu ye abiri ari muri segiteri Rugenge, muri Kiyovu (Kigali y'umujyi) ; Madamu NDUWAYEZU Violette ahabwa iye iri mu Rugunga, muri Kiyovu (Kigali y'umujyi) ;Impfubyi za MUKASONI Judith zisubizwa inzu zasigiwe n'Umubyeyi wabo iri i Nyamirambo ku Cyivugiza.(Yari yarabohojwe.)

Abandi bantu batatu batsindiye amazu yabo ariko ntibarayasubizwa kubera ibibazo by'irangiza-rubanza. Abo bantu ni aba bakurikira : BYABATETSI Christine, NIYIMPA Julie n'umukecuru NYIRAFURERE wambuwe na Subusititi MUYANGO Oswald.

Ikindi kibazo Komisiyo yagejejweho ni icy'inzu ya KAYUMBA Isidore wari umaze imyaka mirongo itatu hanze, agarutse asanga inzu ye yaragurishijwe na Komini Mukingi mu mwaka w'i 1960. Komisiyo yandikiye Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu ibaruwa n° GN / NAT/ PR / 212 / 2000 yo ku wa 28 / 11 / 2000, imusaba gukurikirana ikibazo cya Kayumba hifashishijwe ingingo ya 4 y'amasezerano ya Arusha.

Komisiyo yakiriye ikibazo cya NYIRARUKUNDO Joséphine ariko isanga Inzego zibishinzwe zitarigeze zibimenyeshwa mbere y'uko bigera kuri Komisiyo. NYIRARUKUNDO yagiriwe inama yo kwiyambaza inzego za Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

Mu rwego rwo gushaka ibisubizo ku bibazo by'amazu adasubizwa ba nyirayo bitewe no kudashyira mu bikorwa ibyemezo by'Ubutabera, Komisiyo yiyambaje za Minisiteri zibireba: iy'Ubutabera n'iy'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Imibereho myiza y'abaturage, kugira ngo ibyo bibazo bikurikiranwe kandi hafatwe ingamba ziboneye.

Kubera imiterere yacyo yihariye, Komisiyo irateganya kuzashyikiriza Guverinoma, Inteko Ishinga Amategeko n'izindi Nzego nkuru z'Igihugu ikibazo cy'umutungo (amazu n'ibindi) w'abahungutse bari bamaze imyaka irenga icumi hanze kugira ngo higwe ingamba zarushaho kurengera uburenganzira ku mutungo bwite wa buri wese .

- ***<u>Ibibazo by'amasambu</u>***

Abantu barindwi, aribo GAKWAVU Pierre, MUTEMBEREZI Pierre-Claver, SHEMA Charles, UWAMARIYA Mélanie, NIYIMPA Julie, BYABATETSI Christine na BIRINDA Augustin bagejeje kuri Komisiyo ibibazo by'amasambu "yabohojwe", yavogerewe cyangwa ateguriwe abayafiteho uburenganzira.

Muri bo, SHEMA Charles yasubijwe isambu ye.

Naho MUTEMBEREZI Pierre-Claver, BYABATESI Christine na NIYIMPA Julie batsindiye amasambu yabo ariko ibyemezo by'inkiko ntibirashyirwa mu bikorwa. Komisiyo yagejeje ibyo bibazo ku nzego z'ubucamanza.

GAKWAVU Pierre yasanze isambu y'umuryango we Komini Gisuma yarayihaye undi muntu igihe uwo muryango wari warahunze. Ku wa 15 / 12 / 2000 , Komisiyo yasabye, mu nyandiko, abayobozi bo mu ntara ya Cyangugu kurangiza icyo ikibazo mu rwego rw'ubwumvikane nk'uko bari batangiye kubigerageza. Icyakora ibaruwa ya Komisiyo ntiyasubijwe.

Mu gihe twandika iyi raporo, ikibabaje ni uko habuze ubushake buhagije bwo kurangiza icyo kibazo mu buyobozi bw'intara ya Cyangugu.

Naho ikibazo cya Mélanie UWAMARIYA warengerewe mw'isambu ye n'umuturanyi, Komisiyo irateganya kugerageza kubumvikanisha (médiation) batiriwe bakururana mu nkiko.

Undi muntu wiyambaje Komisiyo ni BIRINDA Augustin wimuwe mu isambu ye hadakurikijwe amategeko. Komisiyo yamugiriye inama yo kubanza kujyana ikirego cye mu nzego zibishinzwe. Ku bimwerekeye ni Ubuyobozi bwa Kigali y'umujyi.

- ***<u>Ibibazo by'amatungo</u>***

Komisiyo yakiriye ibibazo byerekeye inka yashyikirijwe, mu nyandiko no mu magambo, na TWAGIRAYEZU Theogène wo muri Gikomero (Kigari Ngari), na NDUTIYE Karawudiyani wo muri Nyaruguru (Gikongoro).

TWAGIRAYEZU yatsindiye mu Rukiko rwa Kanto inka ze yari yarambuwe nyuma y'Itsembabwoko n'intambara byo mu w'1994 ariko icyemezo cyafashwe n'Ubucamanza nticyigeze cyubahirizwa.

Komisiyo yandikiye inzego z'ubuyobozi bw'ibanze kugira ngo zirangize urwo rubanza.

Naho ikibazo cy' umusaza NDUTIYE cyerekeranye n'urubanza rw'inka rumaze imyaka igera kuri 37, rukaba rwarahetuye inkiko zose zo mu Rwanda kandi NDUTIYE atsindwa. N'ubu ariko aracyemeza ko yarenganye.

Kubera imiterere yihariye y'icyo kibazo kirangwa n'uko ari abavandimwe bareganye, Komisiyo yasabye Umuyobozi w'Intara ya Gikongoro, aho uwo musaza akomoka, kugerageza kunga NDUTIYE n'umuvandimwe we. Icyakora ntibyashobotse kuko umuvandimwe wa NDUTIYE atabyitabiriye. Umwaka w'2000 warangiye ntakigezweho, ntanikigaragaza ko NDUTIYE azaheba.

b) Uburenganzira bwo kwiga

Guhera mu mpera z'umwaka w'i 1999, Komisiyo yakurikiranye ikibazo cya NYINAWAKIBIBI Charlotte wari warirukanywe ku mpamvu zidasobanutse mu Kigo cya ESPANYA, i Nyanza (Butare), aho yigaga mu mwaka wa gatandatu mw'ishuri ryisumbuye ry'ubuvuzi.

Nyuma y'imibonano Komisiyo yagiranye n'abayobozi b'icyo kigo uwo munyeshuri yashubijwe mu ishuri, mu bwumvikane, muri Gashyantare 2000.

c) Uburenganzira k'umurimo

Abakozi bahoze bakorera Icapiro ry'Igihugu bagejeje ikibazo cyabo cy'uko birukanywe, ikigo bakoreraga kimaze kwegurirwa abikorera ku giti cyabo (« Privatisation »).

Mu Rwanda nta mategeko ahari agira icyo ateganyiriza umukozi ubuze akazi kuri ubwo buryo.

Kubera izo mpamvu, kw'itariki ya 26 Ukwakira 1998, intumwa za Guverinoma, ziyobowe na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, zagiranye inama n'abahagarariye abari abakozi b'Icapiro ry'Igihugu maze bafata ibyemezo bikurikira:

- Abakozi bagombaga guhembwa amezi ya Nzeri n'Ukwakira 1998
- Bagombaga kandi guhabwa imperekeza nk'iyagenewe abakozi basezerewe muri Leta.

Icyemezo cyo guhabwa imperekeza nticyigeze gishyirwa mu bikorwa.

Iki kibazo cyasuzumiwe mu Rwego rwa Komisiyo rushinzwe gukurikirana iby'Uburenganzira mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco, hatangwa ibyifuzo ku byakorwa. Komisiyo izamenyesha abayigannye umwanzuro wayo mu gihe kiri imbere.

Ikindi kibazo cyasuzumwe ni icy'umukozi w'umunyamahanga witwa Bruno VILLA, wirukanywe muri COGEBANQUE mu buryo butubahirije amategeko.

Komisiyo yohereje uwo mukozi ku Rwego rugenzura imirimo (Inspection du Travail), muri Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo, kugira ngo urwo rwego rurangize icyo kibazo. Amakuru ya nyuma Komisiyo ifite ni uko ikibazo cyageze mu nzego z'Ubutabera.

d) Uburenganzira bw'umwana.

Abantu batatu bagejeje kuri Komisiyo ibibazo bishingiye ku ihohoterwa ry'Uburenganzira bw'Umwana ; muri byo, ikibazo cy'abana ba BAYINGANA Victor na KAGAJU Antoinette n'icyo NIYIMPA Julie yagejeje kuri Komisiyo byari bishingiye ku micungire y'imitungo y'abana b'imfubyi n'imirerere yabo.

Icyagaragaye ni uko abarezi b'abo bana babahuriraho ari benshi, buri wese agamije kugaragaza uburenganzira abafiteho kurusha abandi.

Ku byerekeye abo bana, ibyemezo byafashwe n'Inkiko ntibishyirwa mu bikorwa, akaba ari yo mpamvu Komisiyo yandikiye Minisiteri y'Ubutabera n'Imikoranire y'Inzego na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu amabaruwa anyuranye, izisaba gukurikiranira hafi ibyo bibazo ; yanasabye Inzego zo mu Buyobozi bw'ibanze gushishikarira gushyira mu bikorwa ibyemezo by'inkiko.

Ikindi kibazo ni icyerekeranye n'umwana wa MUTETELI Joyce wibwe na se, kandi icyemezo cy'urukiko ari nyina cyahaga uburenganzira bwo kurera umwana.

Ikibazo cya Mme Joyce MUTETERI gishingiye k'ukutubahiriza ibyemezo by'inkiko. Umugabo bashakanye Bwana BUSIGYE Johnston (avocat général muri Parike Nkuru y'Urukiko rw'Ikirenga) ntashaka gushyira mu bikorwa ibyemejwe n'inkiko.
Komisiyo yakurikiranye icyo kibazo, umwana asubizwa nyina.

Ikindi kigaragara, ni urugomo uwo Mudamu yakorewe n'abavandimwe b'umugabo we bamuciriye Pasiporo y'u Rwanda, ariko akaba avuga ko ibyo by'urugomo yabigejeje kuri Auditorat Militaire bikimara kuba muri 1998, uretse ko kugeza magingo aya ntacyo arakorerwa ngo arenganurwe.

Komisiyo yabajije Auditorat Militaire niba bazi icyo kibazo, isanga bakizi ariko umwaka warangiye nta mwanzuro ufashwe wo gufasha MUTETERI kubona indi pasiporo.

e) Uburenganzira ku buzima bwiza

Mu rwego rw'imibereho myiza, Komisiyo yagejejweho, mu magambo, ikibazo cy'umunyeshuri w'impfubyi UKOBANGIZE Clémentine w'i Runda (Gitarama) wirukanywe mu mutungo yasigiwe n'ababyeyi be kandi n'Ikigega cy'abacitse kw'icumu kigahagarika kumwishyurira bigatuma areka ishuri.

Komisiyo yasabye Ikigega kongera gusuzuma icyo kibazo.

Naho ku byerekeranye n'umutungo uwo mwana yambuwe, ikibazo cyagejejwe mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gitarama aho cyari kigikurikiranwa mu mpera z'umwaka w'2000.

Icyitonderwa :

Ntitwarangiza iki gice cya Raporo tutavuze ko Komisiyo ihura n'ibibazo by'ubukene, ku buryo ndetse hari benshi bayigana bizeye ko yagira icyo ibagenera ubwayo ako kanya mu rwego rw'amikoro, kandi ntacyo Itegeko riyishyiraho n'Ingengo y'imari biyiteganyiriza mu gufasha abatishoboye. Komisiyo yamenyesheje abo bantu uburyo bwo kugera ku zindi nzego zishinzwe icyo gikorwa, zaba iza Leta cyangwa izitegamiye kuri Leta. Kenshi byabaye ngombwa kandi ko Komisiyo igereka ku nama yagiriye abo bantu inyandiko yo kuborohereza iyakirwa muri izo nzego.

Umwanzuro

Hakurikijwe ibibazo byagejejwe kuri Komisiyo byerekeranye n'uburenganzira k'umutungo bwite, birimo ibitari bike bishingiye ku byemezo by'ubutabera bidashyirwa mu bikorwa, uruhare runini rukaba ari urw'inzego zishinzwe kurangiza imanza, Komisiyo irifuza kugaragaza ko mu gihe iyo nshingano itubahirizwa, ntawe ukwiye gutangazwa n'uko rubanda rukomeza kwinubira imigendekere y'ubutabera butubahiriza uburenganzira bwa muntu.

Ikindi kibazo cy'ingorabahizi cyerekeranye n'imitungo y'abatahutse bamaze imyaka irenga icumi hanze, kizagezwa ku nzego nkuru z'Igihugu, zirimo Guverinoma n'Inteko Ishinga Amategeko nk'uko byavuzwe haruguru, kubera ko kiri mu rwego rw'igihugu.

Ikigaragara ni uko inzego z'ubuyobozi hafi mu byiciro byazo byose zikunze gufata nk'ihame ibyerekeye umubano mwiza bivugwa mu **ngingo ya 4** y'Amasezerano y'Amahoro ya Arusha, igice cyavuzwe, ariko zigasa n'izirengagiza ibyo Leta igomba kugirira abahura n'ibyo bibazo.

Ni yo mpamvu ari ngombwa kwibutsa ibiteganywa n'iyo ngingo byose :

> « ... I*cyakora abahuriye kuri aya masezerano bifuza ko, mu rwego rwo guteza imbere umubano mwiza mu bantu n'ubwiyunge bw'Igihugu, impunzi zimaze imyaka cumi zivuye mu gihugu zitagombye kubaza umutungo wazo uri mu maboko y'abandi. Nyamara ariko Leta izabaha isambu kandi ibafashe kwubaka.Ku byerekeye umutungo uri mu maboko*

ya Leta, utahutse afite uburenganzira bwo kubona indishyi ikwiye ayihawe na Guverinoma ».

Birakwiye rero ko Leta ishishikarira gushaka uburyo bwo kuzuza inshingano yayo ku birebana n'ibyo isabwa n'iyi ngingo, birimo gufasha nyakuri abemeye kudakurikirana umutungo wabo uri mu maboko y'abandi baturage no guha indishyi ikwiye abo yaba igifitiye umutungo mu maboko yayo.

3.2.2. Mu guteza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu

3.2.2.1. Ibyari biteganyijwe muri 2000 .

- Gutegura no gutanga inyigisho, ibiganiro mbwirwaruhame ku Burenganzira bw'Ikiremwamuntu mu bigo by'amashuri yisumbuye n'amakuru, mu makomini, mu ngando z'urubyiruko n'iz'bayobozi b'inzego zatowe no mu mahugurwa y'imiryango yigenga yita k'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu Rwanda.

- Gutegura no gusakaza imfashanyigisho (guhina inyandiko, kuzitubura, …) zerekeye Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu harimo n'amategeko y'igihugu ashimangira ubwo burenganzira .
- Gukora iteganyamigambi ya gahunda y'amahugurwa agenewe ingeri z'abantu zihariye, harimo n'amahugurwa y'abahugura abandi: abarimu, abanyamakuru , abashinzwe umutekano, abakozi ba Leta, abahagarariye imiryango itegamiye kuri Leta n' abayobozi b'ibigo byikorera ku giti cyabyo.
- Gutegura ibyangombwa byerekeye itangizwa ry'ikiganiro cya Komisiyo cyahita kuri Radio–Rwanda .
- Gushaka no kwegeranya amakuru ku bikorwa byakozwe no ku bikenewe mu rwego rwo gukangurira no kwigisha abaturarwanda Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu .
- Gutegura no gukoresha ibikorwa byerekeye kwizihiza no kuzirikana amasezerano mpuzamahanga cyangwa nyafurika y'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu yerekeye ingeri zihariye z'abantu ku minsi yagenwe ku mwaka .

3.2.2.2. Iby'ingenzi byagezweho.

1. Mu byerekeye gukangurira abaturage Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu :

Mu mwaka w'2000, hatanzwe ibiganiro-nyigisho mu mahugurwa, mu ngando no mu mashuri makuru. Ibyo byari bigamije kumenyakanisha Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu ngeri z'abantu banyuranye.

Ikindi gikorwa ni icyo gukangurira abantu kuzirikana Uburenganzira bw'Ikiremwamntu ku minsi yihariye yibukwaho amahame mpuzamahanga k'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu.

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza ibyakozwe :

ITARIKI N'AHANTU	ABO BYAKOREWE	INTERURO/INGINGO ZIBANZWEHO
Ku wa 03/02/2000, mu kigo cy'amahugurwa cy'i GABIRO	Abashinzwe inyigisho za politiki mu ngabo bo muri za brigades zose bagera kuri 350	Ibiranga Leta igendera ku mategeko (rule of law / Etat de droit) n'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu Rwanda :
Ku wa 03/02/2000, mu kigo IWACU-KABUSUNZU	Abanyamuryango ba ARDHO,umuryango wita k' Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu, n'abandi uwo Muryango wari watumiye bagera kuri 50	Inshingano za Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bw'Ikiremwamntu, ibyo yifuza ko bikorwa n'ibikorwa by'imiryango yigenga yita k' Uburenganzira bw'Ikiremwamntu.
Ku wa 04/02/2000, i GISHARI mw'Ishuri ry'Abapolisi	Abitegura kwiga muri Kigali Institute of Education no muri Kigali Institute of Science,Technology and Management bagera kuri 500	Umusogongero k'Uburenganzira bw'Ikiremwamntu mu rwego mpuzamahanga (ibisobanuro, itangazo n'amasezerano bikubiyemo,ibyiciro by'uburenganzira) , bimwe mu bibazo bihutaza Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu n' inshingano za Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bw'Ikiremwamntu:
Ku wa 09/05/2000, mw' Ishuri rya gisilikari rya GAKO	Abitegura kuba ba Ofisiye mu ngabo bagera kuri 500	Ibibazo n'ingorane bigomba kwitabwaho n'abashinzwe kwita k'Uburenganzira bw'Ikiremwamntu mu Rwanda ; uruhare rw'inzego zishinzwe umutekano.
Gicurasi 2000 kuri Radio Rwanda I Kigali	Abayobozi b'itangazamakuru(Editors) baRadio Rwanda bari mu kiganiro (panel) bategura agatabo kifashishwa mu bategura amakuru yo kuri Radio(Radio Rwanda Editorial Hendbook)	Uburenganzira bw'umunyamakuru bwo kugira no gutanga ibitekerezo (icyo amategeko abemerera n'icyo ababuza kugirango umunyamakuru akoze akazi ke neza atavogera uburenganzira bw'abandi)
Ku wa 01/06/2000, i BUSOGO	Icyiciro cya mbere cy'abitegura kwiga mu bigo by'amashuri makuru mu Rwanda bagera kuri 450 bari mu ngando.	Umusogongero k'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu rwego mpuzamahanga n'amashakiro yabwo mu mategeko u Rwanda rugenderaho ; inshingano za Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu.

Ku wa 07/06/2000, muri Komini BUYOGA (BYUMBA)	Abaturage bo mu masegiteri yatoranyijwe muri Komini BUYOGA mu cyumweru cyo kwamagana ihohoterwa ry'abana b'abakobwa n'abategarugori.	- Imvano y'ikibazo cy'ihohoterwa rikorerwa abana b'abakobwa n'abategarugori. Ingamba zafatwa zo kurirwanya.
Mu mpera za Kamena 2000 mu kigo Iwacu Kabusunzu	Ihuriro ry'abakorera bushake mu kurwanya igikorwa cyo kwica urubozo(Forum of Activists against Turture) bari mu mahugurwa cyitabiriwe n'abaganga hamwe n'abanyeshuri biga iby'ubuganga.	Ikiganiro ku ngaruka zo kwica urubozo ku muryango nyarwanda.
Mu mpera za Kamena 2000 i NKUMBA (RUHENGERI)	Abanyeshuri hafi 400 bitegura kwinjira mu mashuri makuru yo mu Rwanda bari bahurijwe mu ngando .	- Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu ni iki? - Ibyiciro by'Uburenganzira bw'Ikiremwamntu, - Uko busangiwe n'abantu bose (universalité) n'uburyo bwuzuzanya, - Inshingano za Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamntu n'ibyo iteganya gukora, icyo urubyiruko rwakora kugirango ruharanire Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu.
Ku wa 24/07/2000, i BUSOGO	Icyiciro cya kabiri cy'abitegura kwiga mu bigo by'amashuri makuru mu Rwanda bari mu ngando bagera kuri 450	- Uburenganzira bw'ikiremwamuntu muri rusange : ibisobanuro, - Ibyiciro by'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu. - Amasezerano mpuzamahanga y'Uburenganzira bw'Ikiremwamntu u Rwanda rwashyizeho umukono rukanayinjiza mu mategeko yarwo ; Inshingano za Komisiyo na gahunda y'ibyo iteganya gukora.

Ku wa 21/08/2000 mu kigo cy'urubyiruko cya GACURIRO (KIGALI Y'UMUJYI)	Abahagarariye urubyiruko batowe mu nzego z'ibanze bagera kuri 200 bo muri segiteri za Kigali y'Umujyi n'inzego z'urubyiruko rwo mu mashuri yisumbuye ya PVK. (Ingando yari yateguwe na Kigali y'Umujyi.)	Kimwe n'ibivugwa haruguru hongereweho uruhare rw'urubyiruko mu kwita no guteza imbere Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu.
Ku wa 17/08/2000, i BYUMBA	Abarezi bagera kuri 200 bateraniye mu ngando yabo yateguwe na Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge hamwe na Perefegitera ya BYUMBA igamije kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge by'Abanyabyumba.	- Ibisobanuro by' Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu, ingero zabwo, uko bwuzuzanya n'uko busangiwe n'abantu bose. - Inshingano na gahunda bya Komisiyo y'Igihugu y' Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu.
Ku wa 06/09/2000, i NYANZA (BUTARE)	Abari n'abategarugori bagera kuri 200 bo mu nzego zatowe muri BUTARE bari muri Kongere (Congrès) idasanzwe ku rwego rwa Perefegitura.	- Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu muri rusange ; ubw'umutegarugori, n'ubw'umwana by'umwihariko. - Umusogongero kw'itegeko n°22/99 ryo kuwa 12/11/1999 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abasha-kanye, impano n'izungura. - Inshingano n'ibikorwa bya Komisiyo.
Ku wa 06/09/2000, i GITARAMA mu Ngoro y'abategarugori	Abayobozi ba gipolisi bagera kuri 50 bakorera mu turere tw'uburengerazuba no hagati bazahugura abandi.	- Umusogongero k'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu rwego mpuzamahanga no mu mategeko y'u Rwanda ; uruhare rw'inzego z'umutekano mu kuburinda. - Inshingano n'ibikorwa bya Komisiyo y' Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu.
Ku wa 10/09/2000, ku KABUSUNZU mu Kigo IWACU (PVK)	Abakozi bo mu muryango wita k' Uburenganzira	Uburenganzira bwo gusaba no guhabwa ubuhungiro (iyo hari itotezwa) n'ubwo kugira

	bw'Ikiremwamuntu : LIPRODHOR Bazahugura abayobozi batowe bo mu nzego z'ibanze muri Perefegitura.	ubwenegihugu.
Ku wa 26/09/2000, i Butare mu kigo cya Kaminuza cyigisha ubutegetsi bwa Leta (ISAP)	Abanyamuryango bagera kuri 70 b'ishyirahamwe ry'abanyeshuri bo muri Kaminuza rigamije guteza imbere Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu n'Amajyambere, AJPRODHO,bari mu ihugurwa (séminaire / seminar).	- Igitekerezo cy'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu : icyo gisobanura, uko cyagiye gikura mu mateka kugeza ubu ; - Ibyiciro by'Ubure nganzira bw'Ikiremwamntu ; - uko Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu bwifashe mu Rwanda muri rusange nyuma y'itsembabwoko n'itsembatsemba ; - ibyo Komisiyo iteganya gukora.
Ku wa 27/09/2000, i BUTARE mu kigo cya IRST	Abakozi bagera kuri 40 ba IRST mu rwego rw'ibiganiro bategurirwaga n'ubuyobozi bwabo buri wa gatatu w'icyumweru	- Ibisobanuro by'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu , uko bwuzuzanya n'uko busangiwe na bose ; - Inshingano za Komisiyo, ingorane ishobora kugira n'ibyo iteganya ; - Uko Uburenganzira bwifashe muri rusange mu Rwanda.
Ku wa 24/10/2000, i KIGALI mw' Ishuri Rikuru ry'Ubuzima (KHI)	Abanyeshuri n'abarimu bagera ku 100 bo mu kigo cya KHI.	- Ibisobanuro by'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu, inyandiko nkuru (amashakiro) z'uburenganzira mu rwego mpuzamahanga no mu Rwanda ; - Inzego zishinzwe kwita kuri ubwo burenganzira ; - Uruhare rw'abakora umwuga w'abaganga n'abafasha b'abaganga mu kubahiriza Uburenganzira bwa muntu.

Ku wa 11/11/2000, i KIGALI mu kigo cy'icyicaro cy'umuryango w'Urubyiruko Gatolika rw'Abakozi (JOC).	Abanyamuryango bagera kuri 70 b'Urubyiruko Gatolika rw'Abakozi bo mu Rwanda na bamwe mu bagize ubuyobozi bwa JOC - KIGALI bari mu Nteko Rusange.	- Ibisobanuro by' Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu muri rusange ; - Uko itangazo mpuzamahanga ryakiriwe mu mategeko y'u Rwanda ; - Uko Uburenganzira bw'umutegarugori bwifashe mu Rwanda (mu nshamake).
Ku wa 23/11/2000, i GIKONKO muri MUGUSA (BUTARE)	Urubyiruko ruhagarariye urw'amadini anyuranye n'urwo mu nzego zarwo zatowe mu makomini ahana imbibi na MUGUSA (bagera kuri 200) bari mu ngando zateguwe na Diyosezi gatolika ya BUTARE ifatanije na Pererfegitura ya BUTARE mu rwego rwo kwimakaza umuco w'amahoro.	- Ibisobanuro by'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu ; - inkingi / amahame bwubakiyeho n'aho tubusanga mu mategeko no mu muco wa kinyarwanda ; - inzego z'igihugu zishinzwe kwita kuri ubwo burenganzira no kubuteza imbere ; - inshingano za Komisiyo y' Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu ; uruhare rw'inzego z'urubyiruko mu kuburengera bashingiye ku bibazo bibwugarije cyangwa bibuhohotera mu karere ka BUTARE cyane cyane.
Ku wa 29/11/2000, i BUSOGO (RUHENGERI)	Abana 484 batarengeje imyaka 14 bafungiwe ibyaha by'itsembabwoko n'ibindi byaha byibasiye inyoko muntu muri 1994 : bakorewe ingando mbere y'uko bafungurwa.	- Ibisobanuro by'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu muri rusange; - Uburenganzira n'inshingano z'umwana n' urubyiruko mu buzima busanzwe (cyane cyane mu by'imboneza mubano,ubukungu, imibereho myiza n'umuco) ; - Inshingano n'ibikorwa bya Komisiyo.
Ku wa 29/11/2000, muri Komini MBOGO na TARE (KIGALI – NGALI)	Abayobozi 2000 batowe bo mu nzego z'ibanze za Komini MBOGO na TARE bari mu mahugurwa	- Ibisobanuro by'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu ; - Ingero z'uburenganzira mu

	yateguwe n'ubuyobozi bwa Komini MBOGO na TARE	mategeko y'u Rwanda ; - Inzego zishinzwe kwita k'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu cyane cyane uruhare rw'inzego z'ibanze za Komini ; - Inshingano za Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu n'ibyo iteganya gukora.
Ku wa 07/12/2000 mu ishuri ryigisha abapolisi mu Ruhengeri (National Police Academy).	Icyiciro cy'abapolisi bagenewe kuzahugura abandi mu birebana n'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu bari mu mahugurwa y'ukwezi kumwe. Bagera kuri 25	- Ubufatanye hagati ya Polisi y'Igihugu na Komisiyo. - Inshingano n'ibikorwa bya Komisiyo y'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu.

2. Gukangurira abaturage kuzirikana Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu ku minsi yihariye

Komisiyo yateguye, inamenyekanisha ubutumwa bwihariye ku minsi imwe n'imwe igenewe kuzirikana Uburenganzira bwa muntu. Ibyo byakozwe binyujijwe mu matangazo agenewe abanyamakuru n'abaturage muri rusange. Komisiyo yanagize uruhare rufatika mu mihango yo kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'Uburenganzira bwa muntu wizihizwa mu rwego rw'isi ku itariki ya 10 Ukuboza.

Amatangazo yatanzwe ni aya akurikira :

- **Itangazo N° 001/2000 ryo ku wa 6/3/2000** ryamagana ibikorwa by'ubwicanyi byagaragaye mu mpera za Gashyantare no mu ntangiriro za Werurwe 2000, mu mujyi wa Kigali. Komisiyo yagaragaje impungenge itewe n'uko abicanyi badatahurwa ngo bahanwe n'inzego zibishinzwe kandi bimenyekane. Komisiyo yasabye ikomeje inzego z'umutekano gukorera mu turere twose tw'igihugu kugira ngo zitahure, ziburizemo kandi zifashe guhana ibikorwa byose bihutaza ubuzima n'umutekano by'abaturage. Yanasabye ubufatanye bwa buri muturarwanda mu kugaragaza no kwamagana abagizi ba nabi abo ari bo bose .

- **Itangazo n° 002/2000 ryo kuwa 8/3/2000** ryishimira intambwe igaragara Leta y'u Rwanda yateye mu gushimangira no mu kurinda uburenganzira bw'umutegarugori cyane cyane mu birebana no kugira uburenganzira ku mutungo no gushishikarizwa kugira uruhare mu nzego zifata ibyemezo. Muri iryo tangazo, Komisiyo yanamaganye ibikorwa byiyongera byo gufata abari n'abategarugori ku ngufu ; isaba inzego zose n'abaturage kubirwanya.

- **Itangazo n° 003/2000 ryo kuwa 16 / 6 / 2000** rigaragaza ko Komisiyo yifatanyije n'Abanyarwanda n'abandi Banyafurika mu kwizihiza umunsi w'umwana w'umunyafurika. Itangazo ryerekana ko hatewe intambwe ishimishije mu guteza imbere ubuzima n'uburere by'abana, nyuma y'itsembabwoko n'itsembatsemba byayogoje u Rwanda , rikanashyira ahabona ibigihangayikishije Komisiyo mu birebana n'uburenganzira bw'umwana bigomba guhugukirwa. Muri ibyo biyihangayikishije hari ubwambuzi bukorerwa abana b'imfubyi, bigizwe n'abarezi gito bambura abana basigaranye umutungo ababyeyi babo basize.

Hari n'uko abana bafunganwa n'abakuru muri za gereza na kasho zimwe na zimwe.

Ibindi Komisiyo yamaganye ni uko abana bato bakoreshwa mu kazi aho kurerwa ngo banigishwe n'uburyo ikibazo cyo gufata ku ngufu abana b'abakobwa , abari n'abategarugori cyakuze mu gihugu.

- **Ku wa 8/12/2000 no ku wa 9/12/2000,** mu rwego rwo gukangurira abaturarwanda ibikubiye mu Itangazo mpuzamahanga k'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu ryizihizwaga ku nshuro ya 52 kuva ryashyirwaho n'Umuryango w'Abibumbye kw'itariki ya 10/12/1948, Komisiyo yakoresheje ibikorwa bikurikira :

  - Ikiganiro-mpaka ku Itangazo mpuzamahanga k'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu no ku Masezerano mpuzamahanga agamije gukumira no guhana icyaha cy'itsembabwoko n'umwanya wabyo mu mategeko y'u Rwanda . Cyatanzwe muri Kaminuza Yigenga ya Kigali (U.L.K.), ku wa 8/12/2000, kitabirwa n'abanyeshuri n'abarimu barenga 500.
  - Ibiganiro by'iminota 60 kuri Radio n'iminota 90 kuri Télévision byatambutse ku wa 10/12/2000,kuri Televiziyo, no ku wa 11/12/2000, kuri Radiyo, kuri iryo Tangazo no kuri ayo Masezerano, umwanya bifite mu mategeko y'u Rwanda ndetse n'ibyo Komisiyo imaze kugeraho mu kwita ku Burenganzira bw'Ikiremwamuntu no kubuteza imbere mu Rwanda .
  - Ubutumwa bwihariye bwanyuze kuri Radiyo no kuri Televiziyo bugenewe abaturarwanda bujyanye n'isabukuru y'Itangazo bwasomwe kuri uwo munsi w'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu, ariwo itariki 10/12/2000.

Icyitonderwa :

Hari hateganijwe ko ikiganiro cya Komisiyo cya buri cyumweru kuri Radio cyatangira mu w'2000. Ntabwo byashobotse ariko umwaka warangiye Urwego rushinzwe kwigisha no gukangurira abaturage Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu rwujuje imbanzirizamushinga ya gahunda y'icyo kiganiro.

3. Kwigisha Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu

Komisiyo ntiyashoboye gutegurana n'inzego zibishinzwe gahunda z'inyigisho k'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu zigenewe amashuri n'izindi ngeri z'abantu yifuza kugezaho inyigisho zifite imiterere yihariye. Icyo gikorwa cyimuriwe mu mwaka w'2001.

4. Ibyo Urwego rushinzwe kwigisha no gukangurira abaturage Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu, rufatanyije n'izindi nzego za Komisiyo, ruteganya mu 2001 n'ibyifuzo

- Gusuzuma aho gukangurira abaturarwanda Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu bigeze ;
- Gukoresha inama ihuza abafite uruhare mu bikorwa byo kurengera Uburenganzira bwa muntu no kujijura rubanda byatuma Komisiyo igirana nabo ubufatanye mu bijyanye n'inshingano zayo, nko guhana amakuru ku bikorwa basangiye.
- Gukomeza gahunda zo kumenyekanisha Komisiyo mu baturage b'ingeri nyinshi , mu cyaro no mu mijyi no gutegura ibiganiro n'ubutumwa bibakangurira uburenganzira bwabo .Hazifashishwa itangazamakuru, imfashanyigisho zigera kuri rubanda; inyandiko zihinnye mu ndimi zemewe , amashusho, indirimbo n'ibindi...
- Kwegera no gukorana na Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC) n'iy'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Imibereho myiza y'abaturage (MINALOC), imiryango irebwa n'uburezi n'iyita k' Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu, hagamijwe gushyiraho uburyo bwo gutegura porogaramu z'inyigisho k'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu mashuri abanza, ayisumbuye n'amakuru. Urugero ni nko gufatanya gushyiraho itsinda ry'impuguke

rishinzwe uwo murimo (Curriculum Development Comittee/Comité d'Elaboration d'un Curriculum).

3.2.3. Ibikorwa byagezweho mu rwego rw'imishinga yo guteza imbere Komisiyo

Mu mwaka w'2000, yifashishije urwego rushinzwe ubushakashatsi no kuyiteza imbere, Komisiyo yakomeje gutegura imishinga no kunonosora iyateguwe mu mwaka w'1999, hagamijwe gushyira mu bikorwa inshingano za Komisiyo.

1. Mu rwego rwo kubaka Komisiyo

Nk'uko byagenze mu mwaka w'1999, mu w'2000, abagize Komisiyo bakomeje gufatanya imirimo yo guteza imbere Komisiyo. Impamvu ikaba ko abakozi ba mbere bo mu nzego za Komisiyo baje umwaka wenda kurangira uretse Umunyabanga uhoraho washyizweho ku wa 16 / 11 / 2000.

Muri ibyo bikorwa harimo :

- gutegura no kuvugurura Ingengo y'imari ya Komisiyo y'umwaka w'2000 ;
- gutegura no kwemeza Itegeko ngengamikorere rya Komisiyo ryemejwe burundu ku wa 13 Nzeri 2000 ;
- gusuzuma amadosiye y'abakozi basabye akazi muri Komisiyo, barimo n'umunyamabanga uhoraho, gutoranya abo bakozi no kubashyira mu myanya barimo ;
- kwakira no gukorana n'impuguke enye zoherejwe n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu (Haut Commissariat des Nations Unies aux Droits de l'Homme), kubaha ibisobanuro ku miterere ya Komisiyo no gusoma Raporo z'ubutumwa zabo. Izo mpuguke zamaze, buri wese, ibyumweru hagati ya bibiri na bitatu zikora ubushakashatsi ku byafasha Komisiyo mu rwego rw'iterambere rusange ry'ikigo (Institutional Development), gukoresha ibyuma kabuhariwe (Office Automation), guhugura abakozi b'ikigo no gushyiraho icyumba cy'isomero (Documentation Center).

2. Amahugurwa y'abagize Komisiyo.

Guhera ku itariki ya 12 Werurwe kugeza ku ya 4/4/2000, Komiseri Soline NYIRAHABIMANA na Tom NDAHIRO, ku butumire bw'ikigo cy'Uburenganzira bw' Ikiremwamuntu cyo muri Danemark <<Danish Centre for Human Rights >>, bakurikiye amahugurwa k'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu. Buri mwaka icyo kigo gitanga amahugurwa k' Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu inshuro ebyiri ; amwe mu kwezi kwa Werurwe, andi mu kwezi kwa Nzeri. Amahugurwa yatanzwe yibanze ku ngingo zikurikira:

- Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu masezerano mpuzamahanga; abari mu mahugurwa bakurikiranye ibiganiro kuri za Komisiyo na za komite zishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu ndetse no ku buryo abazitabaje bazigeraho;
- Amasezerano mu rwego rw'uturere.
- Muri ayo mahugurwa hanavuzwe uburenganzira bugomba kwitabwaho by'umwihariko kubera imiterere yabwo. Muri urwo rwego higishijwe uburenganzira bw'abagore, uburenganzira bwamagana ukwicwa urubozo mu gihe ukurikiranyweho cyangwa ukekwaho icyaha (torture), uburenganzira bwo kwishyira ukizana n'uburenganzira ku rubanza rutabera.
- Hanavuzwe ubushakashatsi bukorwa k'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu na Demokarasi, Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu n'ubukungu, Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu n'amajyambere n'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu n'ubucuruzi.

- Mu kwezi kwa Nyakanga 2000, Komiseri UWIMANA Denys yakurikiranye inyigisho z'icyiciro cya 32 cya gahunda y'amasomo atangwa buri mwaka mu kigo

mpuzamahanga cy'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu cy'i STRASBOURG, mu Bufaransa, kuva ku wa 2 kugeza ku wa 27/7/2000.Yahakuye ubumenyi bwerekeye uburyo bwo kwigisha no gukora ubushakashatsi k'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu mashuri makuru (za Kaminuza).

- Guhera ku itariki ya 10 kugeza ku ya 18 Ukwakira 2000, Komiseri A.M. KANYANGE na Déogratias KAYUMBA bakurikiranye amahugurwa yabereye i Copenhague. Muri ayo mahugurwa bibanze k'Uburenganzira bwo kubaho n'inzego zikunze ku bubangamira, cyane cyane ibikorwa n'inzego z'umutekano.

Basesenguye imikorere y'Urukiko rw'u Burayi rushinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu rwagiyeho ku itariki ya 4/11/1950.

Barebye n' ingero zitandukanye muri za „systèmes" ziriho ku migabane inyuranye y'isi zikurikirana ibibazo by'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu. Byatumye basobanukirwa n'uburyo bikorwa ku mugabane w'Amerika n'uw'Afrika ndetse n'imiterere ya Demokarasi n'iyubahirizwa ry'Uburenganzira mu gihugu cya Danemark.

- Intumwa za Komisiyo SIMBURUDALI Théodore na Tom NDAHIRO bagiye muri séminaire yabereye i MIDRAND - JOHANNESBURG, muri Afurika y'epfo, guhera ku wa 21/11 kugeza ku wa 2/12/2000. Iyo séminaire yateguwe na Komisiyo Nyafurika y'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu n'ubw'Abaturage ifatanije n'umuryango utegamiye kuri Leta <<Article XIX>>. Iyo nama yavuze k'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu bwo kuvuga no kugaragaza ibitekerezo byawe ntubizire nk'uko Ingingo ya 19 y'Itangazo mpuzamahanga ry'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu, uwo muryango wiitiriwe, ribivuga: *<<Umuntu wese afite uburenganzira bwo kugira ibitekerezo no kubitangaza. Ubwo burenganzira butuma adashyirwa ku nkeke ku bw'ibitekerezo bye kandi agashobora gushakashaka, kugezwaho no gutangaza amakuru n'ibitekerezo hakoreshejwe uburyo ubwo aribwo bwose kandi nta nzitizi zishingiye ku mipaka y'ibihugu>>*.

Inama rero yunguranye ibitekerezo ku byerekeye Uburenganzira bwo kugira, guhabwa no ***gutangaza ibitekerezo n'uko bivugwa mu masezerano y'Afurika yerekeye Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu n'ubw'Abaturage.***

2. Mu rwego rw'imishinga yo guteza imbere Komisiyo.

Mu mwaka w'i 2000, Komisiyo yakomeje kuganira n'abaterankunga banyuranye hagamijwe kubona amikoro yafasha Komisiyo kugera ku nshingano ihabwa n'itegeko.

Muri ibyo biganiro, kimwe no mu yindi mishyikirano, Komisiyo yitabaje imishinga yayo, irimo iyi ikurikira :

- *Umushinga rusange* (Projet Global) : ukubiyemo gahunda yerekana ibikorwa biteganyijwe mu myaka itatu wateguwe mu w'1999, wabyaye Amasezerano y'ubufatanye hagati ya Komisiyo n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu. Ayo masezerano yashyizweho umukono na Mme Mary ROBINSON ku ruhande rw'Umuryango w'Abibumbye kw'itariki ya 19/10/2000, naho ku ruhande rwa Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu, Perezida wayo ayashyiraho umukono ku wa 24/10/2000. Muri urwo rwego kandi, Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe Amajyambere (PNUD – UNDP) ryateye inkunga Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu binyuze mu mushinga RWA/00/B02. Uwo mushinga Komisiyo iwuhuriyeho n'izindi nzego eshatu z'Igihugu, arizo : Komisiyo y'Igihugu y' Ubumwe n'Ubwiyunge, Ministeri y'Ubutabera n'Imikoranire y'Inzego n'Urukiko rw'Ikirenga.

- *Umushinga wo gusuzuma no gukurikirana ishyirwaho n'imikorere y'Inkiko Gacaca* warateguwe. Uwo mushinga ugamije gushakira Komisiyo ubushobozi bwatuma ikurikirana uko uburenganzira bwubahirizwa mu Nkiko Gacaca. Ibyo byatuma Komisiyo ibona amakuru buri gihe ku mitegurire n'imikorere y'Inkiko Gacaca ; bizatuma Komisiyo ikorera Raporo inzego

zibishinzwe, itanga n'ibyifuzo by'ibyakosorwa niba ari ngomwa, cyane cyane ibyo yabona bibangamiye Uburenganzira bw'abahohotewe cyangwa bw'abakurikiranywe ho icyaha. Muri uwo mushinga Komisiyo yizeye inkunga y'Umuryango w'Ibihugu by'u Burayi nk'uko imishyikirano hagati ya Komisiyo n'uwo muryango ibigaragaza.

- *Imbanziriza-mushinga yerekeye Ibiro bya Komisiyo mu Ntara*. Iyi ni intambwe ya mbere y'umushinga ugamije kwegereza abaturage ibikorwa bya Komisiyo. Bityo gukangurira abaturage uburenganzira bwabo no gukurikirana abahohotera uburenganzira bwa muntu bigakorerwa hafi yabo. Bizatuma no ku kicaro cya Komisiyo hazajya hagera amakuru y'imvaho kuko isuzuma ry'ihohoterwa ry'ingeri nyishi rizaba ryakorerwe mu gihugu hose.

3.2.4. Ubufatanye n'izindi nzego

3.2.4.1. Ubufatanye n'inzego za Leta

Ubufatanye bw'umwihariko Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu yabugiranye n'inzego za Leta zikurikira :

- **Komisiyo y'Igihugu y' Ubumwe n'Ubwiyunge** :

Ubufatanye n'iyi Komisiyo, mu mwaka w'2000, bwakomeje kugaragazwa n'inkunga Komisiyo y'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu yayiteye mu gihe cy'ingando z'ingeri z'abantu zinyuranye. Muri izo ngando isomo ryerekeye Uburenganzira bwa muntu ryatanzwe buri gihe n'intumwa zayo. Komisiyo y'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu kandi yitabiriye inama zatumijwe na Komisiyo y'Ubwiyunge mu w'2000, zirimo iyahuje abahagarariye inzego zinyuranye n'intumwa za « Truth and Reconciliation Commission » yo muri Afurika y'Epfo, yabereye i Kigali kuva ku wa 23 kugeza ku 24/8/2000, n'Inama Nkuru k'Ubumwe n'Ubwiyunge yakoreshejwe mu rwego rw'igihugu kuva ku wa 18 kugeza ku wa 20/10/2000.

- **Ministeri y'Ubutabera n'Imikoranire y'Inzego :**

Ubufatanye n'uru rwego bwibanze cyane cyane mu bijyanye no gusobanukirwa ku "Nkiko Gacaca", gusuzuma ibibazo byerekeye gufata no gufunga bidakurikije amategeko no mu bijyanye n'irangiza ry'imanza zaciwe. Inzego zombi kandi zasangiye amakuru n'ibitekerezo ku bireba inama mu rwego rw'igihugu cyangwa mpuzamahanga zerekeye Uburenganzira bwa muntu zakoresheje cyangwa zatumiwemo.

- Polisi y'Igihugu:

Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu yafatanyije na Polisi y'Igihugu mu rwego rw'amahugurwa ndetse yagiye inayitabaza aho ihohoterwa ry'ikiremwamuntu ryagaragaye cyangwa risuzumwa. Intumwa za Komisiyo zagiye zinakirwa na Polisi y'Igihugu mu gihe zasuraga zimwe muri za Sitasiyo za Polisi na Kasho za Komini.

- Ingabo z'Igihugu :

Nk'uko byavuzwe haruguru, Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu yitabiriye ubutumire yagejejweho n'Ingabo z'Igihugu mu mahugurwa zabaga zateguye. Komisiyo izakomeza kwitabira gufasha Ingabo na Polisi y'Igihugu, ibakangurira iby'Uburenganzira bw'Ikirewamuntu, kuko imwe mu nshingano nkuru Ingabo na Polisi y'Igihugu bafite ari ukurinda Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu aho bushobora guhohoterwa aho ariho hose mu Rwanda.

3.2.4.2. Ubufatanye n'imiryango y'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu itegamiye kuri Leta

Mu mwaka w'i 2000, ubufatanye hagati y'Imiryango y'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu itegamiye kuri Leta na Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu yakomeje kujya mbere. Iyo miryango igizwe cyane cyane n'amashyirahamwe y'Uburenganzira bw'Ikiremwamntu yibumbiye muri CLADHO cyangwa se muri PRO FEMMES - TWESE HAMWE. Ubwo bufatanye bwaranzwe ahanini n'ibikorwa byo guhugurira Abanyarwanda Uburenganzira bwabo. Ibyo bigaragarira mu byagezweho n'Urwego rushinzwe Kwigisha no Gukangurira Abanyarwanda Uburenganzira bwabo byavuzwe haruguru.

Komisiyo yanakomeje kwakira imiryango mpuzamahanga y'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu ikorera mu Rwanda no gusangira na yo amakuru n'ibitekerezo byerekeye Uburenganzira bwa muntu. Muri iyo miryango harimo : Human Rights Watch, Penal Reform International (P.R.I.), Avocats Sans Frontières n'indi.

3.2.4.3. Ubufatanye n' "Inshuti za Komisiyo"

Ihuriro ryitwa „Inshuti za Komisiyo" rigizwe na bamwe mu bahagarariye mu Rwanda ibihugu byabo n'Imiryango mpuzamahanga, cyane cyane ishamikiye k'Umuryango w'Abibumbye. Abagize iryo huriro babonana hafi buri mezi abiri n'Intumwa za Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu n'iza Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge, bakaganira ku bikorwa by'izo Komisiyo zombi n'inkunga bashobora kuzitera.

3.2.4.4. Ubufatanye n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye Rishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu (HCNUDH)

Ubwo bufatanye bwashimangiwe ahanini n'uruzinduko Perezida wa Komisiyo yagiriye i Genève, mu Busuwisi, mu kwezi kwa kane 2000, mu gihe cy'inama mpuzamahanga y'ibihugu bigize Umuryango w'Abibumbye k'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu.
Ibyavuye muri iyo mibonano, ni ibi bikurikira:

- Amasezerano y'ubufatanye hagati ya Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye Rishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu yavuzwe haruguru ;
- Uruzinduko rw'impuguke enye, muri urwo rwego rw'ubufatanye, rwavuzwe haruguru.

3.2.4.5. Ubufatanye na Komisiyo Nyafurika y'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu n'Abaturage.

- Ku wa 24 Werurwe 2000, Komisiyo y' Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw' Ikiremwamuntu yakiriye Mme Julienne ONDZIEL - GNELENGA, Komiseri muri Komisiyo Nyafurika y' Uburenganzira bw' Ikiremwamuntu n'Abaturage akaba na Visi-Perezida w' iyo Komisiyo. Uruzinduko rwe rwari rugamije cyane cyane gusuzuma ibikorwa mu Rwanda mu rwego rwo kwigisha no gukangurira abaturage uburenganzira bwa muntu.
- Mu nama yayo ya 27, yabaye kuva ku wa 27/4 kugeza ku wa 13/5/2000, Komisiyo Nyafurika y' Uburenganzira bw' Ikiremwamuntu n'Abaturage yatumiye Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'ikiremwamuntu y' u Rwanda. Yayemereye umwanya udasanzwe w'umunyamuryango (Statut spécial d' affilié) igenera inzego z'ibihugu zishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu. U Rwanda rwatanze raporo yarwo muri iyo nama ku miterere y' Uburenganzira bw' Ikiremwamuntu nk'uko bisabwa ibihugu bigize Umuryango w'Ubumwe bwa Afurika (O.U.A.-OA.U.). Ifatanyije n'izindi nzego, Komisiyo y'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu yagize nayo uruhare mu itegurwa ry'iyo Raporo.
- Komisiyo kandi yohereje intumwa imwe mu nama ya 28 ya Komisiyo Nyafurika ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu n'Abaturage, yabereye Cotonou, muri Bénin, kuva ku wa 23/10/2000 kugera ku wa 6/11/2000. Nk'uko bisanzwe iyo nama y' Ibihugu bigize

Umuryango w'Ubumwe bwa Afurika (Byose byashyize umukono ku Masezerano iyo Komisiyo ikomokaho) ikurikiranwa na za Komisiyo z'Ibihugu by'Afurika z'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu n'Imiryango itegamiye kuri Leta yahawe umwanya w'indorerezi n'iyo Komisiyo. Iyo nama yasabye za Komisiyo Nyafurika kurushaho gufatanya na yo mu bikorwa biteza imbere Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu k'umugabane w'Afurika no gukurikirana ababuhohotera. Hasabwe kandi ko ibihugu byose byajya bikora raporo zabyo zikoherererezwa Komisiyo nk'uko amategeko agenga uwo muryango abiteganya. Hanasabwe ko Komisiyo z'ibihugu, mu rwego rw'ubufatanye, zajya zohererezа raporo zazo iyo Komisiyo Nyafurika.

3.2.4.6 Ubufatanye na Komite mpuzamahanga y'Inzego z'ibihugu zishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu.

Ubufatanye hagati ya Komisiyo y'u Rwanda na Komite mpuzamahanga y'Inzego z'ibihugu zishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu bwagaragajwe n'inama yabereye i Rabat muri Maroc mu kwezi kwa Mata 2000 Komisiyo yoherejemo intumwa imwe.

Buri gihugu mu byitabiriye iyo nama cyahawe umwanya wo kuvuga uko Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu bwifashe iwabo, habaho no gusangira ibitekerezo ku cyo Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu aricyo. Za Komisiyo kandi zashishikarijwe kuba umusemburo nyakuri mu gukangurira no kurengera Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu. Iyo nama yasojwe no gutora Komite nyobozi mu rwego rw'Afurika yo guhuza ibikorwa bya za Komisiyo.

Iyo nama yanasabye ko hatekerezwa cyane uko isi yarwanya ivangura iryo ari ryo ryose.

3.2.4.7. Umubano na Komisiyo y'Afurika y'epfo y'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu.

Mu gihe gihwanye n'icyumweru, intumwa za Komisiyo zigizwe n'abakomisieri babiri, zagendereye Komisiyo yo muri Afurika y'epfo ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu. Urwo rugendo rwari rugamije kureba imikorere y'iyo Komisiyo, dore ko ari imwe muri za Komisiyo zo muri Afurika zishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu zivugwaho imikorere myiza. Izo ntumwa zakiriwe n'abagize Komisiyo y'igihugu cy'Afurika y'epfo ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu, zireba imikorere yayo : uko yakira ibirego n'uko ibisuzuma, ibibazo birebana n'imitunganirize y'akazi (administration), icunga mutungo n'ibikorwa biteza imbere n'ibirengera Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu muri rusange. Rwabaye urugendo rw'ingirakamaro kuri Komisiyo y'u Rwanda ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu igishakisha uko yagira imikorere inoze.

3.2.4.8. Indi miryango n'inzego byakoranye by'umwihariko na Komisiyo.

Turetse imiryango n'inzego zavuzwe, hari n'indi miryango n'inzego byakoranye na Komisiyo, cyane cyane mu bikorwa byo kwigisha Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu. By'umwihariko, twavuga nka :

- Kaminuza yu'Rwanda (U.N.R.)
- Ikigo gishinzwe ubushakashatsi mu by'ubuhanga n'ikoranabuhanga, Butare
- Oxfam Québec
- Akanama kihariye k'Inama y'Abepiskopi Gatorika gashinzwe ubutabera n'amahoro.
- Centre Danois des Droits de l'Homme / Danish Centre for Human Rights

N'ubwo ayo mahugurwa kenshi yabaga agamije ibindi, Komisiyo yishimiye ko abayategura bibuka no guteganya kuganira k'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu. Komisiyo yiteguye gukomeza gutsura ubwo bufatanye.

3.2.5. Ubuyobozi

Ibijyanye n'ubuyobozi bwa Komisiyo biteganywa n'itegeko rishyiraho Komisiyo (ingingo ya 9 n'iya 11) bigasobanurwa n'Itegeko Ngengamikorere rya Komisiyo (reba umugereka wa mbere).

3.2.5.1. Iby'ingenzi byagezweho mu rwego rw'ubuyobozi rusange.

Mu mwaka w'2000, abagize Komisiyo bakoreye hamwe mu nama ya buri wa mbere w'icyumweru. Iyo nama isuzuma ibiteganijwe mu cyumweru gikurikira ikanareba uko ibyari biteganijwe mu gihe gishize byagezweho.

Ibikorwa by'ingenzi byakorewe hamwe bikarangira twavuga ibi bikurikira :

- Kurangiza no kwemeza itegeko ngengamikorere rya Komisiyo nkuko biteganywa n'Itegeko rishyiraho Komisiyo . (Ingingo ya 12)
- Gushyiraho umunyamabanga uhoraho wa Komisiyo.
- Gutumiza no gutoranya abakozi bakuriye inzego n'amashami amwe ya Komisiyo .
- Gutumiza no kwemeza abandi bakozi.

IV. RAPORO Y'IMIKORESHEREZE Y'IMARI

Amikoro Komisiyo yagenewe na Leta y'u Rwanda mu mwaka w'2000, nyuma y'ivugururwa ry'ingengo y'imari mu Nteko Ishinga Amategeko, ingana n'amafaranga y'amanyarwanda miliyoni magana ane na cumi n'esheshatu n'ibihumbi magana atandatu na bine na magana abiri na mirongo ine (FRW 416.604.240).

Muri uwo mwaka nta nkunga yindi y'amafaranga Komisiyo yahawe. Inzego zayunganiye zabikoze ku bundi buryo, nko kwishyura ubwazo amatike na bimwe mu byakoreshejwe n'abagize Komisiyo bagiye mu mahugurwa hanze y'Igihugu.

Imikoreshereze y'amafaranga yose Komisiyo yahawe cyangwa yashyikirijwe mu mwaka w'2000 iboneka mu mbonerahamwe ikurira, ikanumvikana neza mu bisobanuro biyiherekeje :

4.1 Imbonerahamwe y'imikoreshereze y'amafaranga Komisiyo yahawe cyangwa yashyikirijwe

Inyito	Amafaranga yabonetse	Amafaranga yakoreshejwe	Amafaranga yasagutse
1.Ibigenda ku bakozi	136.077.140	55.593.436	80.483.704
2.Ibikoresho biramba	77.253.660	13.890.153	63.363.507
3.Iby'imirimo ya buri munsi	177.273.440	112.594.708	64.791.532
3.1.Lisansi na mazutu	20.217.600	15.676.800	4.540.800
3.2.Amazi n'amashanyarazi	2.000.000	357.355	1.642.645
3.3.Ifatabuguzi ku binyamakuru	4.000.000	-	4.000.000
3.4.Terefoni na fagisi	7.800.000	3.832.852	3.967.148
3.5.Terefoni zigendanwa	7.000.000	6.108.843	891.157
3.6.Iposita	1.000.000	123.320	876.680
3.7.Gucapisha inyandiko	5.500.000	263.990	5.236.010
3.8.Amatangazo	4.000.000	726.020	3.273.980
3.9.Ibikoresho byo mu biro	8.000.000	2.715.457	5.284.543
3.10.Gukoresha imodoka	9.000.000	5.871.803	3.128.197

3.11.Gukoresha ibyuma bya tekiniki	2.500.000	-	2.500.000
3.12.Ubukode bw'inzu	41.000.000	34.776.180	6.223.820
3.13.Ubutumwa mu gihugu	5.000.000	5.651.000	-651.000
3.14.Ubutumwa mu mahanga	27.191.000	24.784.666	2.406.334
3.15.Gutwara abantu mu mahanga	11.560.000	4.325.360	7.234.640
3.16.Ubwishingizi bw'imodoka	5.789.563	4.746.173	1.043.390
3.17.Serivisi zo hanze y'ikigo	3.900.000	2.311.350	1.588.650
3.18.Guteza imbere UIM	5.500.000	200.000	5.300.000
3.19.Uburinzi	6.315.277		6.315.277
3.20.Serivisi za banki	-	10.739	- 10.739
4.Imishinga (Anketi k'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu, Ibiro bya Komisiyo mu ntara)	**26.000.000**		**26.000.000**
Yose hamwe	**416.604.240**	**181.965.497**	**234.638743**
** Amafaranga yatanzwe n'Ububiligi*	*22.524.781*	*8.699.026*	*13.825.755*

* Mu kworohereza imyiteguro y'inama ya 26 ya Komisiyo Nyafurika y'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu n'Abaturage; ibisabwe n'Inzego za Leta zari zishinzwe gutegura iyo nama, Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu yanyujijweho inkunga yatanzwe na Sekeretariya ya Leta y'u Bubiligi ishinzwe Ubutwererane ihwanye BEF 3..250.000. Iyo nama yabereye I Kigali mu matariki 1-15/11/1999. Nubwo amasezerano y'ubwo bufatanye yasinywe na Perezida wa Komisiyo, imicungire yayo yakozwe n'Inzego za Minisiteri y'Ubutabera n'Imikoranire y'Inzego , ari nayo yateguye iyo nama.
Iyo nkunga rero ntigomba kwitiranywa n'amafaranga yiyongereye ku ngengo y'imari ya Komisiyo kuko nta gikorwa na kimwe cya Komisiyo yari agenewe.

4.2. Ibisobanuro ku mbonerahamwe y'amafaranga Komisiyo yahawe.

4.2.1. Hakoreshejwe amafaranga make ku yari yateganyijwe :

Amafaranga yakoreshejwe, ahwanye na miliyoni ijana na mirongo inani n'imwe n' ibihumbi magana cyenda mirogo itandatu na bitanu n'amafaranga magana ane na mirongo cyenda n'arindwi (FRW 181.965.497) ku yo yabonye, ariyo miliyoni magana ane na cumi n'esheshatu ibihumbi magana atandatu na bine n'amafaranga magana abiri na mirongo ine (FRW 416.604.240).

Ibi byatewe n'uko Komisiyo itashyizeho abakozi bari bateganijwe mu mwaka w'2000 . Bityo icyo bagenewe nticyagize uburemere bushobora kugaragara cyane mu mibare y'amafaranga *y'Ibigenda ku bakozi* (1.) yakoreshejwe.

Ikindi cyatumye hakoreshwa amafaranga make kuyabonetse ni uko abakomiseri batigeze bahabwa ibyo bateganyirizwaga nka ba "Mandataires" n'ubwo byari byaremewe mu ngengo y'imari (bahembwaga amafaranga ari munsi cyane y'ayari ateganijwe). Abagize Komisiyo bamaze umwaka bahembwa by'agateganyo (ndetse kugeza ubu raporo yandikwa). Ibi byaturutse ahanini ko inzego zagombaga kwiga iki kibazo zitagishakiye igisubizo.

Turetse ibigenda ku bakozi byabaye bike umuntu abigereranyije n'ibyari byateganyijwe ku mpamvu zimaze gusobanurwa, hari n'amafaranga yakoreshejwe mu *Iby'imirimo ya buri munsi* (3.), ariyo miliyoni ijana na cumi n'ebyiri ibihumbi magana atanu mirongo cyenda na bine n'amafaranga magana arindwi n'umunani (FRW 112.594.708) ku yari ateganyirijwe ibyo bikorwa, ariyo miliyoni ijana na mirongo irindwi n'indwi ibihumbi magana abiri mirongo irindwi na bitatu n'amafaranga magana ane na mirongo ine (FRW 177.273.440). Ibi nabyo bijyanye n'uko

imwe mu mirimo yari iteganyijwe itashoboye gukorwa cyangwa yakozwe mu rugero rutangana n'urwifuzwaga, kubera ko igice kinini cy'umwaka iyo mirimo yakorwaga n'abakomiseri bonyine.

Icyakora, ntibyabujije ko, ku byerekeye *ubutumwa mu gihugu* (3.13), amafaranga yakoreshejwe arutaho ibice 13 % ayari yarateganyijwe. Igisobanuro cyabyo ni uko mu gutegura ingengo y'Imari hatateganijwe bihagije ingendo hanze ya Komisiyo. Urebye inshingano za Komisiyo, akazi kenshi karimo amaperereza n'amahugurwa gakorerwa hanze y'icyicaro cyayo.

Komisiyo ntiyashoboye gufungura ibiro mu Ntara nk'uko yari yabiteganije bityo amafaranga yarateganirijwe icyo gikorwa ntiyakoreshwa. Hari n'andi mafaranga atakoreshejwe biturutse ku mpamvu zitandukanye: nk'ayari ateganirijwe ifatabuguzi ku binyamakuru (3.3), uburinzi (3.19) n'anketi k'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu (4).

Izindi mpamvu z'uko amafaranga yakoreshejwe ari make ku yari ateganyijwe zirimo ko :

1. Komisiyo yakomeje gukorera mu nzu yakoreyemo mu w'1999 kugera hagati ya Kanama 2000, inzu nto umuntu ayigereranije n'iyo Komisiyo yimukiyemo. Bityo Komisiyo yasaguye igice cy'amafaranga yari ateganyirijwe *ubukode bw'inzu* (3.12.), *amazi n'amashanyarazi* (3.2.).
2. Ku byerekeye ibitangirwa *gutwara abantu mu mahanga* (3.15.), ku bakomiseri barindwi bakurikiye amahugurwa mu mahanga, hari bane barihiwe ingendo n'Ikigo cya Danemark gishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu (Danish Center for Human Rights).
3. Ku byerekeye *Gukoresha ibyuma bya tekiniki* (3.11.), mu w'2000 nta mafaranga yabitangiwe kubera ubushyashya bw'ibyo byuma bitigeze bipfa. Ahubwo haguzwe ibikoresho bijyana n'ibyo byuma (consommables – consumables), amafaranga yakoreshejwe mu kubigura yabazwe hamwe n'ay'ibindi bikoresho byo mu biro (3.9.).

4.2.2. Ibikoresho biramba n'imishinga :

Komisiyo yateganyije gukoresha amafaranga yasagutse ku yari yagenewe ibikoresho biramba ku ngengo y'imari 2000 mu kwishyura ibyo bikoresho byatumijwe mu mpera z'umwaka w'2000 no mu mezi ya mbere ya 2001. Komisiyo kandi irateganya kubigenza ityo ku mishinga yari iteganyijwe nayo ku ngengo y'imari 2000.

Umwaka w'2000 warangiye hacyuzuzwa urutonde rw'ibyo Komisiyo ikeneye bizishyurwa mu w'2001 ku ngengo y'imari y'umwaka w'2000.

V. UMWANZURO RUSANGE , IBITEGANYIJWE MU MWAKA W' 2001 N'IBYIFUZO

5.1. Umwanzuro rusange

5.1.1. Ku birebana no kurinda Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu:

Mu ngeri z'ibibazo Komisiyo yagejejweho mu mwaka w'2000, hariho zimwe zagaragayeho ubukana bwihariye. Izo ngeri z'ibibazo nizo twifuza kwibutsa muri uyu mwanzuro, bitabujije ko ingeri z'ibibazo tutagarukaho muri iki cyiciro nazo zikwiye gushakirwa ibisubizo:

Ingeri y'ibibazo bijyanye n'ifatwa n'ifungwa bidakurikije amategeko:

N'ubwo uko umubare w'abakozi b'ubutabera ugenda wiyongera, ari nako , muri rusange, ibijyanye n'ubutabera bigenda bitera imbere, hakomeje kuboneka ibimenyetso by'uko amategeko agenga ifatwa n'ifungwa by'agateganyo atubahirizwa hose buri gihe, byaba ku

bantu baregwa icyaha cy'itsembabwoko n'ibyaha byibasira inyokomuntu cyangwa ku baregwa ibyaha bisanzwe.

Ingero zatanzwe muri iyi raporo zagaragaje ko bamwe mu bafashwe bagafungwa kuri ubwo buryo budakurikije amategeko bashobora no kuba baragiriwe ibikorwa bibabaza umubiri cyangwa ubwenge kandi bitesha umuntu agaciro uretse ko no mu gihe bafunze baba bavukijwe uburenganzira bwo kwishyira bakizana no kugera ku byifuzo bwite buri muntu wese afiteho uburenganzira.

Ingeri y'ibibazo bijyanye n'ukudashyirwa mu bikorwa kw'ibyemezo by'inkiko:

Ibi bibazo byagaragaye ku buryo bunyuranye: hariho abantu bari bafunze ; inkiko zifata ibyemezo by'uko bafungurwa ariko ibyo byemezo ntibyakurikizwa. Ibyo ntibyabaye gusa mu ntambwe z'imitunganyirize y'imanza. Hari n'aho umuntu wari wagizwe umwere mu rubanza nyirizina (NSENGIYUMVA Samuel) yasubiye gufatwa arafungwa; aza gufungurwa by'agateganyo nyuma y'igihe kirenga umwaka n'ukwezi nta ruhare urukiko rubigizemo. Itegeko Shingiro ry'Igihugu riteganya ko Inzego z'ubucamanza arizo zonyine zemeza ko umuntu ari umwere cyangwa ahamwa n'icyaha.

Ibi bibazo kandi byagaragaye mu birebana n'uburenganzira mu by'imbonezamubano na Politiki kimwe no mu birebana n'uburenganzira mu by'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage.

Urugero mu byerekeye ubukungu n'imibereho myiza ni nk'urubanza rwa LINGUYENEZA n'uwahoze ari umukoresha we, ariwe Minisiteri y'Ingabo, rwavuzwe muri iyi Raporo, aho byaharagaye ko ibyo iyo Minisiteri yategetswe n'inkiko (mu rukiko rwa mbere rw'iremezo no mu rw'ubujurire) guha uwahoze ari umukozi wayo bitegeze bitangwa.

Ibibazo by'imitungo y'abatahutse nyuma y'ubuhunzi, cyane cyane abari barahunze hagati ya 1959 na 1994:

N'ubwo mu bahunze mu w'1994, hari bamwe bagihura n'ingorane mu gusubizwa ibyabo, ikibazo cyagaragaje ubukana mu w'2000 cyerekeye ku buryo bw'umwihariko abo bita "impunzi zo muri 1959", kubera ko ibyateganijwe n'amasezerano ya Arusha ku birebana n'imitungo yabo byari bishingiye ku cyizere cy'uko igihugu kizafashwa n'abaterankunga mu kuzuza inshingano yo gusubiza neza ikibazo cy'impunzi ku buryo bwuzuye, ibi bikaba bitarashobotse. Imwe mu nkurikizi y'ibi ni uko muri rusange Leta ituzuza inshingano ihabwa n'ayo masezerano yo guha indishyi cyangwa imfashanyo zikwiriye abatashoboye gusubirana imitungo yabo kubera ko yasigaranywe na Leta cyangwa n'abandi baturage igihe kirenze imyaka cumi. Ibi ntibibuza ko mu turere twinshi tw'igihugu, cyane cyane mu cyaro, abayobozi bamwe bakunze gufata abatahutse bo muri iyo ngeri basaba gusubira mu byabo nk'ababangamiye "umubano mwiza mu bantu n'ubwiyunge". Icyo abayobozi nk'abo badaha agaciro, kandi ari cyo gikomeye mu masezerano y'amahoro ya Arusha, ni uko: **"*Umutungo w'umuntu ari intavogerwa".***

Ibibazo bijyanye n'uburenganzira bw'umwana:

Ibyerekeye uburenganzira bw'umwana muri rusange ntibirasobanukira abaturarwanda. Ibibazo Komisiyo yakiriye mu w'2000 byagaragaje by'umwihariko ko abana b'imfubyi bahohoterwa kensi mu burenganzira bwabo ku mutungo w'ababyeyi, kandi ibisubizo kuri ibyo bibazo bikaburira aho byari bikwiye kubonekera: mu miryango babamo, abarezi bamwe barabarwanira, buri wese ashaka kwerekana ko abafiteho uburenganzira, bo n'ibyabo, kurusha abandi no mu nkiko kubera ko bimwe mu byemezo byazo bidashyirwa mu bikorwa.

5.1.2.<u>Ku birebana no guteza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu</u>:

Mu mwaka w'2000, nk'uko Raporo ibigaragaza, Komisiyo yasabwe byishi mu rwego rwo kwigisha no gukangurira abaturage uburenganzira bwa muntu.

Abagize Komisiyo bishimiye ko ubufatanye bwa Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu na Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Ubumwe n'Ubwiyunge bwakomeje kujya mbere, binyuze cyane cyane mu nyigisho abagize Komisiyo y'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu basabwe gutanga kandi batanze mu ngando zitegurwa zikanayoborwa na Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge. Igikorwa nk'iki Komisiyo yakigize mu mashuri makuru amwe n'amwe yaba aya Leta cyangwa ayigenga, muri ORINFOR, Polisi y'Igihugu, Ingabo…no mu mahugurwa cyangwa ingando bitegurwa n'imiryango itegamiye Leta (amadini n'amashyirahamwe y'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu). Komisiyo yatanze kandi inyigisho k'uburenganzira bwihariye (ubw'abana, abategarugori, ubwo kuticwa urubozo…).

5.1.3. Mu birebana no guteza imbere Komisiyo:

Nyuma y'amahugurwa y'ukwezi abakomiseri baherewe hamwe muri Nyakanga 1999 n'inama mpuzamahanga kuri gahunda y'imyaka itatu biri mu by'ingenzi byaranze Komisiyo muri uwo mwaka w'1999, mu birebana no guteza imbere Komisiyo, twavuga ko muri rusange umwaka w'2000 waranzwe no gushyiraho itegeko ngengamikorere rya Komisiyo, gushaka abakozi bashoboye no gushaka ubufatanye mu baterankunga, bitabujije ko igikorwa cyo kongera ubumenyi n'ubushobozi bw'abakomiseri ubwabo cyakomeje muri uwo mwaka. Twakwibutsa nk'uruhare rw'Ikigo cya Danemark gishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu, cyakiriye abakomiseri bane mu byimbo bibiri, byavuzwe haruguru.

Mu rwego rw'Umuryango w'Abibumbye na za Leta z'Ibihugu by'inshuti z'u Rwanda, twakwibutsa Amasezerano y'Ubufatanye hagati y'Ishami rikuru rishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu na Komisiyo nyarwanda n'Amasezerano hagati ya Guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika na Komisiyo ku birebana n'amahugurwa ku iperereza. Isinywa ry'ayo masezerano mu mwaka w'2000 n'ishyirwa mu bikorwa ryayo byasobanuwe haruguru biri mu byerekana ko Komisiyo yateye intambwe igaragara mu kugirirwa icyizere n'inzego zizi imiterere yayo kandi zikurikiranira hafi imirimo yayo.

Ibindi bimenyetso by'iyo ntambwe Komisiyo yateye mu w'2000 ni ivugururwa ry'umushinga wo gushyigikira Komisiyo wemejwe n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe Amajyambere (PNUD-UNDP) ryakozwe muri uwo mwaka mu bufatanye bw'uwo muryango n'Igihugu cy'u Busuwisi. Hari n'icyemezo cy'Umuryango w'Ubumwe bw'Uburayi cyo gufasha umushinga wa Komisiyo wo gukurikirana ibikorwa by'Inkiko Gacaca; inama n'izindi nkunga Komisiyo yahawe n'Ihuriro ry'inshuti za Komisiyo kimwe n'ibyanditswe muri raporo z'Intumwa Idasanzwe ya Komisiyo y'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu y'Umuryango w'Abibumbye ku birebana na Komisiyo nyarwanda.

5.2. Ibyo Komisiyo iteganya gukora mu mwaka w'2001:

5.2.1. Mu birebana no kurinda uburenganzira bw'ikiremwamuntu:

Ihereye ku bibazo by'ingutu byagaragaye mu mwaka n'amezi arindwi yari imaze ikora, cyane cyane ku bivugwa muri Raporo, Komisiyo yateganije kwita by'umwihariko ku byafasha kubona ibisubizo bihamye ku bibazo bikurikira:

Ibibazo bijyanye n'ifatwa n'ifungwa ridakurikije amategeko:

Komisiyo irateganya kwegera abashinzwe Ubutabera, cyane cyane za Parike n'inzego z'umutekano kugira ngo ibyo bibazo bisuzumwe mu mpande zabyo zose kandi bibonerwe ibisubizo;

Ibikorwa bibabaza umubiri n'ubwenge kandi bitesha umuntu agaciro, harimo no kwica urubozo:

Komisiyo izakangurira Leta y'u Rwanda gusinya, kwemeza no gushyira mu mategeko y'igihugu amasezerano mpuzamahanga agamije kurwanya bene ibyo byaha, yemejwe n'Umuryango w'Abibumbye mu w'1984.

Komisiyo yiteguye gufatanya n'izindi nzego za Leta n'imiryango idaharanira inyungu yita ku Burenganzira bw'Ikiremwamuntu kugira ngo iyo ntego igerweho. Yiteguye kandi kuzakora ibikenewe, yifashishije inyigisho itanga, amapererereza anyuranye ikora, ndetse n'ibihano ishobora gusabira abatsimbaraye kuri ibyo byaha kugira ngo ibyo bikorwa bibi bihashywe burundu.

Ibibazo by'irangiza-rubanza:

Komisiyo irateganya kwegera abayobozi n'ubutegetsi nyubahirizategeko kuko ari bo bafite inshingano n'ubushobozi bwo gushyira mu bikorwa ibyemezo by'inkiko.

Ibibazo by'uburenganzira bw'umwana:

Komisiyo izafatanya n'inzego za Leta y'u Rwanda, imiryango nyarwanda idaharanira inyungu yita ku burenganzira bw'umwana n'ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe ibyerekeye abana (UNICEF), kugira ngo inyungu z'abana, cyane cyane iz'abana b'imfubyi, zirengerwe uko bikwiye.

Ibibazo by'imitungo y'abatahutse bamaze imyaka irenga icumi mu buhunzi:

Komisiyo irateganya kwegera Guverinoma n'Inteko Ishinga Amategeko kugira ngo ibyo bibazo bishakirwe ibisubizo bihamye, byaha abayobozi bo mu ntara n'uturere twose uburyo busobanutse kandi bujyanye n'amategeko bwo gufasha impunzi zatahutse zibagana mu ngorane zihura na zo.

Mu mwaka w'2001, Komisiyo irateganya kandi kuzakurikiranira hafi ishyirwaho n'imikorere y'Inkiko Gacaca hagamijwe ko uburenganzira bw'abantu b'impande zose bwakubahirizwa. Ibi bizakorwa binyuze mu gutanga inama n'ibitekerezo ku nzego nkuru zifite inshingano zo kuyobora ibikorwa by'izo nkiko.

Muri rusange, kubera ubushobozi imaze kugira mu rwego rw'abakozi n'ibikoresho, Komisiyo irateganya kongera umubare w'amapererereza izitangirira, bitewe n'ibibazo byerekeye Uburenganzira bwa muntu ibona mu gihugu, idategereje ko runaka ayigezaho ikirego. Umwaka w'2001 uzaba uwo gushyira mu bikorwa umushinga Komisiyo yanonosoye mu w'2000 ugamije kumenya imiterere y'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu Rwanda, muri rusange, n'ibikorwa n'indi miryango mu kuburinda cyangwa kubuteza imbere.

Umusaruro w'uwo mushinga uzafasha Komisiyo gutunganya gahunda yayo mu bwuzuzanye n'inzego zose zifite uruhare mu by'Uburenganzira bwa muntu, zaba iza Leta cyangwa izitegamiye kuri Leta.

Komisiyo kandi izakora ubushakashatsi ku ngeri z'abantu bafite ibibazo byihariye: abari n'abategarugori, abana, abafite ubumuga ubwo ari bwo bwose, abarokotse itsembabwoko n'ibyaha byibasiye inyokomuntu byakorewe mu Rwanda n'abazahajwe n'ivangura n'ikandamizwa iryo ari ryo ryose. Ibizagerwaho n'ubwo bushakashatsi, bizatangazwa muri raporo zihariye za Komisiyo.

5.2.2. <u>Mu birebana no guteza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu</u>:

Mu mwaka w'2001, Komisiyo irateganya gutangiza ikiganiro cyayo ku Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu kizajya gitambuka rimwe mu cyumweru kikamara iminota cumi n'itanu (15).

Irateganya kandi kwihutisha imishyikirano na Minisiteri y'Uburezi, hagamijwe ubufatanye mu mirimo yo gutegura imfashanyigisho zerekeye Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu zakoreshwa mu byiciro byose by'amashuri. Kubera ubushobozi za Kaminuza n'Amashuri

makuru bifite, Komisiyo irateganya ko izo nzego zagira uruhare rwihariye mu gutegura imfashanyigisho zigenewe abanyeshuri bazo.

Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu izakora ibishoboka byose kugira ngo igere ku bufatanye buhamye na Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe gutegura Itegeko Nshinga no kuvugurura andi mategeko. By'umwihariko, Komisiyo izunganira urwo rwego rushya ku buryo ishobora bwose, kandi izitondera gukora mu bwuzuzanye bukwiriye mu gihe cyo gushyira mu bikorwa umushinga wayo ugamije gutegura imbanzirizamushinga y'Itegeko nyarwanda ryerekeye Uburenganzira bwa muntu, rishobora kuzaba kimwe mu bice bizagira Itegeko Nshinga rishya.

Ku birebana n'imyiteguro y'Inama mu rwego rw'isi igamije kurwanya irondabwoko, ikandamiza rishingiye ku bwoko, urwango rwibasira abo umuntu atava mu gihugu kimwe na bo n'ukutihanganirana kujyana na byo, izabera Durban (Afurika y'Epfo) guhera ku wa 31 Kanama kugera ku wa 7 Nzeri 2001, Komisiyo yiteguye gufasha inzego nkuru z'Igihugu mu bikorwa zishobora gutangiza no kuyobora hagamijwe guhuza ibitekerezo by'inzego nyarwanda n'abaturarwanda kuri ibyo bibazo byashingirwaho mu gutanga umusanzu w'u Rwanda kuri iyo nama.

Komisiyo izasuzuma ibyagezweho n'ibikenewe mu guteza imbere Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu bikorwa n'inzego n'imiryango binyuranye. Hazakorwa gahunda y'amahugurwa agenewe ingeri z'abantu zihariye: Abanyamakuru, Komite-nyobozo z'Uturere, Abashinzwe gucunga za Gereza, Abarimu, Abayobozi b'inzego zatowe z'urubyiruko n'iz'abari n'abategarugori.

Komisiyo kandi, ifatanije n'inzego zibifitiye ubushobozi, irifuza gukoresha inama ngishwanama yakwigirwamo uruhare rw'amahanga mu bikorwa binyuranye by'ubutabera ku birebana n'itsembabwoko n'ibyaha byibasira inyokomuntu byakorewe mu Rwanda hagati ya 1990 na 1994. Mu byo Komisiyo yakwifashisha mu gihe cyo gutegura iyi nama, harimo urugendo-shuri abagize Komisiyo bateganya gukora Arusha, muri Tanzaniya, ku cyicaro cy'Urukiko Mpuzamahanga k'u Rwanda, za Raporo zinyuranye zirimo iyanditswe n'Akanama k'impuguke zigenga zari ziyobowe n'uwahoze ari Minisitiri w'Intebe w'igihugu cya Suwede, Bwana Ingvar Carlsson, kashyizweho n'Umuryango w'Abibumbye; n'iyanditswe n'Akanama Mpuzamahanga k'Ibirangirire (IPEP) kashyizweho n'Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika mu manza zerekeye itsembabwoko n'ibyaha byibasira inyokomuntu byakorewe mu rwanda zicibwa mu bihugu binyuranye n'ibindi.

5.2.3. <u>Mu birebana no guteza imbere Komisiyo</u>:

Muri rusange, umwaka w'2001 usa n'aho ushobora kugeza Komisiyo ku ntambwe idasubira inyuma mu birebana no kubaka ubushobozi bwayo, mu nzego zo ku cyicaro gikuru kimwe no mu mashami iteganya kugaba mu ntara. Iki cyizere gishingiye kuri ibi bikurikira:

- Komisiyo irateganya gusaba inzego zibishinzwe kuvugurura itegeko n° 04/99 ryo ku wa 12 Werurwe 1999 riyishyiraho, hagamijwe cyane cyane gusobanura no gukomeza ububasha bwa Komisiyo mu gihe ikora iperereza ku ihohoterwa ry'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu.
  Komisiyo irateganya kandi kuzuza amategeko yayo bwite, ishyiraho Amabwiriza agenga imitunganyirize y'ibibazo by'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu n'Amategako agenga abakozi ba Komisiyo ashingiye ku mategeko agenga umurimo mu Rwanda.
- Nyuma yo gutanga amatangazo atumiza abakozi bose Komisiyo ikeneye ku cyicaro gikuru no mu biro by'intara, Komisiyo irateganya kurangiza gushyira mu myanya abatoranyijwe, kubashakira ibikoresho no kubaha amahugurwa akenewe.
- Ibifashijwemo n'impuguke yatijwe n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe Amajyambere (PNUD – UNDP) n'Ishami Rikuru rishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu (HCDH – OHCHR), Komisiyo izagira inyandiko zinonosoye zisobanura gahunda yayo y'imyaka itatu n'ingamba zo kuyishyira mu bikorwa.

Izo nyandiko zizorohereza Komisiyo mu mishyikirano iteganyijwe n'abaterankunga mu w'2001 no mu myaka ikurikira.

- Komisiyo irateganya ko ubuhanga abayigize n'abakozi bayo bazageraho mu w'2001 n'ibikoresho bizaba bimaze kuboneka bizayifasha kwihutisha ibikorwa byo gushakira ibisubizo ibibazo by'ihohoterwa ry'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu Rwanda no gukoresha neza amikoro ihabwa na Leta y'u Rwanda n'abaterankunga.

5.3. Bashingiye ku bibazo bagejejweho no ku mirimo bakoze, abagize Komisiyo basanze ari ngombwa kugeza ibi byifuzo ku nzego n'abantu bakurikira:

Kuri Perezida wa Repubulika, Guverinoma, Inteko Ishinga Amategeko n'Urukiko rw'Ikirenga:

a) Gukangurira abashinzwe ifatwa n'ifungwa ry'bakekwaho ibyaha kubahiriza amategeko abigenga, kugenzura ko bayakurikiza no guhana abatayakurikiza ;
b) Gukora ibikenewe kugira ngo u Rwanda rushyire umukono ku masezerano mpuzamahanga agamije kurwanya ibikorwa byo kwica urubozo (1984) runayemeze;
c) Gufatira ibyemezo inzego n'abantu batubahiriza ibyemezo by'inkiko no kurushaho kugenzura ko inkiko zikora neza;
d) Gusaba inzego za Leta zibishinzwe guhagurukira ikibazo cy'imitungo y'abana b'imfubyi irarikirwa, ndetse rimwe na rimwe ikanamburwa n'abitwa abarezi, zigahana abahohotera abo bana mu burenganzira bwabo ku mutungo w'ababyeyi babo no mu zindi ngeri z'uburenganzira bwabo;
e) Gutumiza inama ngishwanama ku buryo Leta y'u Rwanda yashobora kurushaho kuzuza neza inshingano ihabwa n'Amasezerano y'Amahoro y'Arusha ku birebana n'abatahutse bamaze imyaka mu buhunzi no kugena ingamba zifatika haherewe ku myanzuro y'iyo nama;
f) Kwibutsa DMI ko Itegeko Shingiro ritayemerera gufunga abantu;
g) Gukora ibishoboka ngo abasivili batazajya bafungirwa mu bigo na gereza bya gisirikare;
h) Gutumiza inama ihuza inzego za Leta n'imiryango itegamiye kuri Leta birebwa n'ibibazo by'irondabwoko, ikandamiza rishingiye ku bwoko, urwango rwibasira abo umuntu atava mu gihugu kimwe na bo no kutihanganirana kujyanye na byo, hagamijwe ibitekerezo by'inzego nyarwanda n'Abaturarwanda kuri ibyo bibazo byashingirwaho mu gutanga umusanzu w'u Rwanda ku nama izabera Durban (Afurika y'Amajyepfo) guhera ku wa 31 Kanama kugeza ku wa 7 Nzeri 2001;
i) Kwakira neza no gushyigikira imishinga y'amategeko n'ibindi bitekerezo bigamije kurwanya irondabwoko, ivangura rishingiye ku bwoko, urwango rwibasira abo umuntu atava mu gihugu kimwe na bo no kutihanganirana kujyanye na byo;
j) Gukora ibikenewe kugira ngo itegeko ryerekeye abashinzwe imirimo ya Leta yihariye (Specified Officers Act), harimo n'Abakomiseri ba Komisiyo y'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu , ryuzuzwe kandi rishyirwe ahagaragara bidatinze;

Ku zindi nzego za Leta harimo izishinzwe kurinda no guteza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu no kurinda umutekano:

k) Kwegera Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu, gufatanya na yo no kuyifashisha mu bikorwa bifitiye inyungu uburenganzira bwa muntu mu Rwanda, byaba ibitangijwe n'izo nzego cyangwa na Komisiyo, no kudafata nko kwivanga imirimo y'iperereza n'ubushakashatsi ikorwa na Komisiyo, hakurikijwe itegeko riyishyiraho;

Ku bagize imiryango n'amashyirahamwe ategamiye kuri Leta:

l) Muri rusange, gukomeza umurego mu gukorana na Komisiyo, bayigezaho ibibazo n'ibitekerezo by'abaturage n'ibyabo bwite, bayitabaza aho bayikeneye bakanayunganira aho ibakeneye, mu bikorwa byo kurinda no guteza imbere uburenganzira bw'Abaturarwanda bose;

m) By'umwihariko, gushyigikira ibiro by'intara bya Komisiyo bizatangira gukorwa mu mwaka w'2001:

Ku Baturarwanda bose:

n) Gushyikiriza Komisiyo ibibazo n'ibitekerezo byerekeye Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu Rwanda, babinyujije mu magambo cyangwa mu nyandiko zishobora no kwandikirwa ikiganiro cya Komisiyo kuri Radio Rwanda, "Uburenganzira Iwacu", gitangwa buri wa gatanu hagati ya saa kumi n'ebyiri n'iminota mirongo ine n'itanu na saa moya za nimugoroba (18h 45-19h00).

IMIGEREKA

UMUGEREKA WA MBERE:

ITEGEKO NGENGAMIKORERE RYA KOMISIYO Y'IGIHUGU ISHINZWE UBURENGANZIRA BW'IKIREMWAMUNTU

Ishingiye ku itegeko n°04/99 ryo kuwa 12/3/1999 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu, cyane cyane ingingo yaryo ya 12 ;

Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu, iteraniye mu nama yayo yo kuwa 13 Nzeri 2000, yemeje iri tegeko ngengamikorere.

ICYICIRO CYA MBERE : ISOBANURAMAGAMBO

Ingingo ya mbere : isobanuramagambo

Amagambo ari muri iyi ngingo akoreshwa muri iri tegeko ngengamikorere yumvikana ku buryo bukurikira :

- Komisiyo : Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu;
- Perezida : Perezida wa Komisiyo;
- Komiseri : umwe mu bagize Komisiyo;
- Ubunyamabanga buhoraho : Abakozi ba Komisiyo .

ICYICIRO CYA KABIRI : IBYEREKEYE KOMISIYO

Ingingo ya 2 : ishyirwaho

Komisiyo ishyirwaho n'itegeko n°04/99 ryo kuwa 12 Werurwe 1999.

Ingingo ya 3 : ikirangantego

Komisiyo igira ikirangantego. Ibikigize bigenwa n'inyandiko yihariye yuzuza iri tegeko.

Ingingo ya 4: ubwigenge bwa Komisiyo

Mu kurangiza inshingano zayo, Komisiyo ikora mu bwigenge.

Ingingo ya 5 : igihe Komisiyo izamara

Komisiyo ishyizweho ku buryo buhoraho kandi igihe izamara ntikigenwe.

Ingingo ya 6 : icyicaro

Icyicaro gisanzwe cya Komisiyo kiri i Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Ariko gishobora kwimurirwa aho ariho hose mu Rwanda, byumvikanyweho cyangwa byemejwe ku bwiganze bw'amajwi y'abagize Komisiyo.

Komisiyo ishobora gushyiraho, aho ariho hose mu Rwanda, ibiro bihoraho cyangwa bimara igihe kigenwe.

Ingingo ya 7: inshingano

Muri rusange, Komisiyo ifite inshingano zo gusuzuma no gukurikirana ibikorwa n'ibindi byose byahutaje, bihutaza cyangwa byahutaza Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu ku butaka bw'u Rwanda, byakozwe, bikorwa cyangwa byakorwa n'urwego rwa Leta, n'uwo ariwe wese niyo yaba yitwaje imirimo ashinzwe, cyangwa n'imiryango iyo ariyo yose ikorera mu Rwanda.

By'umwihariko Komisiyo ishinzwe :

Gukangurira no kwigisha abaturage ibyerekeye Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu;
Gusaba iyo bibaye ngombwa inzego z'ubucamanza gukurikirana uwo ariwe wese wakoze ibikorwa bihutaza Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu.

Ingingo ya 8: igihe cy'ikurikiranwa ry'ibyaha.

Ibikurikiranwa na Komisiyo nta gihe ntarengwa bigira kugira ngo hagaragazwe ukuri, kandi hakurikijwe amategeko, habe ibihano ku bahutaje Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu haba ku byahise cyangwa ku biriho.

Ingingo ya 9 : ububasha

Hakurikijwe inshingano ihabwa n'itegeko, Komisiyo ifite ububasha bwo :

a) gukora ubushakashatsi n'iperereza ku bikorwa byose byakozwe n'uwo ariwe wese ku butaka bw'u Rwanda byerekeye ihutazwa ry' Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu;
b) kwifashisha inzego zikenewe kugira ngo ishobore kwinjira ahantu aho ariho hose hakekwa ihutazwa ry'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu ;
c) kwifashisha inzego zikenewe kugira ngo igere ku nyandiko zose zirebana n'ibibazo bikurikiranwa mu rwego rw' Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu ;
d) gukora no gutanga inyandiko isaba umuntu uwo ariwe wese wagira icyo yungura ku myumvire y'ikibazo gikurikiranwa kwitaba Komisiyo; yaba ukekwa guhungabanya Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu, uwahohotewe, uwatanze ikirego cyangwa uwatanga ubuhamya;
e) guhuza abarebwa n'ikibazo cy'ihutazwa ry' Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu,hagamijwe ubwumvikane iyo bishoboka kandi byemewe;
f) gukora ibikenewe kugirango uwahohotewe asubizwe uburenganzira bwe;
g) gushyikiriza inzego z'ubucamanza dosiye y'uwo ariwe wese wagaragaweho ibimenyetso bifatika by'ibikorwa bihutaza Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu;
h) kugena no gushyira mu bikorwa gahunda yo kwigisha no gukangurira abaturarwanda ibyerekeye Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu;
i) kugira inama inzego za Leta ku bikorwa byahutaje cyangwa bihutaza Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu Komisiyo yashoboye gukoraho ubushakashatsi;
j) kugaragariza inzego za Leta ibikorwa byahutaza Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu no kuzigira inama ku byabuteza imbere, byaba mu birebana na za politiki cyangwa n'amategeko.

Ibirebana n'iyi ngingo bisobanurwa ku buryo burambuye mu "amabwiriza agenga imitunganyirize y'ibibazo by'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu" .

ICYICIRO CYA GATATU : IBYEREKEYE ABAGIZE KOMISIYO

Ingingo ya 10 : ibiranga abagize Komisiyo

Abagize Komisiyo bagomba kuba bafite ubwenegihugu bw'u Rwanda, barangwa kandi no kuba inyangamugayo, indakemwa mu mico no mu myifatire no kugira ubushishozi n'ubushobozi.

Ingingo ya 11 : umubare n'uburyo batoranywa

Komisiyo igizwe n'abantu barindwi (7) batoranywa n'Inteko Ishinga Amategeko mu bakandida icumi (10) yohererejwe na Guverinoma.

Komisiyo iyoborwa na Perezida wayo utoranywa na Guverinoma mu bagize Komisiyo, akemezwa n'Inteko Ishinga Amategeko.

Ingingo ya 12: ugushyirwaho

Abagize Komisiyo bashyirwaho n'iteka rya Perezida wa Repubulika.

Ingingo ya 13 : urwego

Perezida wa Komisiyo ari mu rwego rw'Abaminisitiri. Abandi bagize Komisiyo bari mu rwego rw'Umunyamabanga Mukuru muri Minisiteri.

Ingingo ya 14: igihe bagenerwa

Abagize Komisiyo batorerwa igihe cy'imyaka itatu ishobora kongerwa.

Ingingo ya 15 : ibyo bemerewe by'umwihariko

Mu manza z'inshinjabyaha, abagize Komisiyo bakurikiranwa ku giti cyabo. Baburanishwa n'Urukiko rw'Ikirenga. Ntibashobora gufungwa by'agateganyo kandi bashobora guhagararirwa mu rukiko. Ntibashobora gukurikiranwa kubera ibitekerezo bagaragaje mu mirimo yabo.

Ingingo ya 16 : ukutabangikanya imirimo

Mu gihe bagikorera Komisiyo, abayigize ntibemerewe kugira akandi kazi bahemberwa.

Ingingo ya 17 : imyifatire

Abagize Komisiyo bagomba kwirinda imyifatire yasuzuguza Komisiyo. Cyane cyane bagomba kwirinda kwitwara mu buryo butandukanye n'ibyashingiweho mu itoranywa ryabo bivugwa mu ngingo ya 10 y'iri tegeko.

Abagize Komisiyo bategetswe kugira ibanga ry'akazi. Nyuma ya manda yabo bategetswe kubahiriza iryo banga mu gihe rizaba rigifite ishingiro.

Komisiyo yihanangiriza mu mvugo cyangwa mu nyandiko uwo ariwe wese mu bayigize wagaragaza imigirire cyangwa imyitwarire ishobora kumuviramo impamvu yo kuvanwa kuri uwo murimo.

Iyo hari umwe mu bagize Komisiyo wagaragaweho imyitwarire igayitse ibangamiye imikorere ya Komisiyo kandi ishobora gutuma itagirirwa ikizere, akaba yarihanangirijwe inshuro eshatu mu nyandiko zisinyweho na Perezida cyangwa umusimbura we mu izina rya Komisiyo mu gihe cya manda imwe, bagenzi be bakora itora kuri iyo myitwarire.

Iyo batanu kuri barindwi bagize Komisiyo bagaye imyifatire y'umwe muri bo, bamusaba kumugaragaro gushyikiriza Perezida wa Repubulika ukwegura kwe hakurikijwe ingingo ya 15 y'itegeko rishyiraho Komisiyo.

Iyo atabikoze mu gihe cy'ukwezi kumwe, Komisiyo igeza kuri Perezida wa Repubulika, Inteko Ishinga Amategeko, Guverinoma n'Urukiko rw'Ikirenga raporo yumvikana, iherekejwe n'inyandiko zose ari izishinja cyangwa izishinjura uregwa kandi igashyikiriza Kopi uregwa.

Mu mabaruwa na raporo byerekeye Perezida, hagomba kugaragazwa niba icyo yateshutseho ari imirimo y'ubuyobozi cyangwa iyo kuba umwe mu bagize Komisiyo.

<u>Ingingo ya 18</u> : kuva muri Komisiyo

Kuva mu mirimo k'umwe cyangwa kwa benshi mu bagize Komisiyo biba bisabwe na Perezida wa Repubulika, Guverinoma cyangwa kimwe cya kabiri cy'abadepite bagize Inteko Ishinga Amategeko. Byemezwa ku bwiganze bw'amajwi y'abadepite bahari. Perezida wa Republika asinya iteka rivanaho abasezerewe ku mirimo ya Komisiyo.

Kuva mu mirimo k'umwe cyangwa kwa benshi mu bagize Komisiyo bishobora no kuba biturutse ku mpamvu zikurikira :

a) urupfu ;
b) iyegura ryamenyeshejwe Perezida wa Repubulika ;
c) kunanirwa inshingano za Komisiyo cyangwa kwitwara mu buryo butandukanye n'ibyashingiweho mu kubatoranya ;
d) kugira uruhare, kandi bikaba byaramenyekanye, mu bikorwa bihutaza Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu.

<u>Ingingo ya 19</u> : gusimbura abavuye muri Komisiyo

Iyo umwe cyangwa benshi mu bagize Komisiyo bavuye mu mirimo, basimburwa mu gihe kitarenze amezi atatu. Iyo umubare w'abagize Komisiyo ugiye munsi ya bane, Komisiyo igomba kuba yujujwe mu gihe cy'iminsi itarenze mirongo itandatu.

Mu minsi mirongo itatu nyuma y'uko umwe cyangwa benshi mu bagize Komisiyo bavuye mu mirimo, Guverinoma ishyikiriza Inteko Ishinga Amategeko abakandida babiri kuri buri mwanya ukenewe, bujuje ibisabwa mu ngingo ya 8 y'itegeko rishyiraho Komisiyo. Inteko Ishinga Amategeko ni yo itoranya abajya muri Komisiyo.

<u>ICYICIRO CYA KANE</u> : <u>IBYEREKEYE IMITUNGANYIRIZE Y'IMIRIMO YA KOMISIYO</u>

Imirimo ya Komisiyo ikorerwa mu byiciro binyuranye. Hari ikorwa n'abagize Komisiyo hamwe cyangwa na buri wese mu rwego rw'imirimo akurikirana; hari ikorwa na Perezida wa Komisiyo cyangwa umusimbura we; n'indi ikorwa n'abakozi bagize ubunyamabanga buhoraho.

<u>Ingingo ya 20 :</u> abagize Komisiyo

Abagize Komisiyo bahurira hamwe mu nama bakumvikana, bakanafata ibyemezo ku ngingo zose zirebana no gushyira mu bikorwa inshingano za Komisiyo cyane cyane muri ibi bikurikira :

a) gushyiraho amategeko agenga imiterere n'imikorere bya Komisiyo no Ku wavugurura bibaye ngombwa ;
b) kwemeza icyicaro gisanzwe cya Komisiyo no gushyiraho ibiro by'uturere ;
c) gusaba inzego z'ubucamanza gukurikirana abagaragaweho ibimenyetso byo guhutaza Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu;
d) guteganya no kuvugurura ingamba na gahunda rusange z'ibikorwa na za gahunda zijyanye n'ingengabihe ya Komisiyo;

e) gutegura, kwemeza no gusubira mu ngengo y'imari ;
f) kwemeza raporo zigenwa n'itegeko n'izindi Komisiyo yasabwa cyangwa yasanga ari ngombwa;
g) kwemeza politiki yo kumenyekanisha amakuru n'iyo gutangaza ibyagezweho na Komisiyo ;
h) kwemeza politiki y'ubufatanye n'izindi nzego cyangwa n'indi miryango ;
i) gutoranya umunyamabanga uhoraho nk'uko biteganijwe n'ingingo ya 11 y'itegeko rishyiraho Komisiyo no gusaba iyo bibaye ngombwa Guverinoma kumusezerera;
j) gushyiraho no gusezerera abandi bakozi bari mu bunyamabanga buhoraho no kugena uko byakorwa;
k) kwemeza ubutumwa mu mahanga no gutoranya abahagararira Komisiyo ;
l) guhuza, gukurikirana no kunoza ibikorwa bikorerwa mu nzego z'imirimo za Komisiyo zivugwa mu ngingo ya 23.
m) ikindi kibazo icyo aricyo cyose kitavuzwe muri iyi ngingo cyemejwe na Komisiyo.

Mu kurangiza inshingano zabo, abagize Komisiyo bagomba guharanira no guteza imbere ibikorwa bifitiye Komisiyo akamaro. Buri wese mu bagize Komisiyo akora mu bwisanzure mu nshingano rusange no mu byo ashinzwe by'umwihariko. Buri cyumweru, n'igihe cyose bibaye ngombwa, amenyesha bagenzi be ibyo yagezeho kugirango babigire ibyabo bose; akanabamenyesha ibibazo ahura na byo kugira ngo babishakire ibisubizo hamwe.

<u>Ingingo ya 21</u> : Perezida wa Komisiyo

Perezida ayobora imirimo yose ya Komisiyo akanayihagararira.

Perezida wa Komisiyo ashinzwe by'umwihariko :
a) guhuza ibikorwa byose bya Komisiyo;
b) gukurikirana no kunoza imigendekere y'imirimo yose ya Komisiyo;
c) iyo umubare w'abagize Komisiyo utuzuye, kubimenyesha Perezida wa Repubulika, Guverinoma n'Inteko Ishinga Amategeko;
d) gusuzuma niba umushinga w'ingengo y'imari na raporo bigenwa n'itegeko kimwe n'izindi nyandiko za Komisiyo bikoze neza mbere y'uko byemezwa na Komisiyo ;
e) gushyikiriza inzego zibishinzwe ku gihe umushinga w'ingengo y'imari, za raporo n'izindi nyandiko byemejwe na Komisiyo;
f) gukurikirana imicungire ya Komisiyo mu byerekeye ubutegetsi rusange, imari n'ibikoresho ;
g) gutegura no kuyobora inama za Komisiyo ;
h) gutsura umubano n'inzego zikorana na Komisiyo no gushaka izindi nzego zagirana umubano, ubufatanye n'ubutwererane na Komisiyo ;
i) gukurikirana uko ibyemezo bya Komisiyo bishyirwa mu bikorwa.

Iyo Perezida adahari cyangwa atagishoboye gukora akazi kubera impamvu izo arizo zose, asimburwa by'agateganyo mu mirimo ye yose n'umwe mu bagize Komisiyo uruta abandi mu myaka y'amavuko.

<u>Ingingo ya 22</u> : ubunyamabanga buhoraho

Komisiyo ifite ubunyamabanga buhoraho bugizwe n'inzego zishinzwe imirimo irebana n'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu nyirizina, n'izishinzwe imirimo rusange ya Komisiyo; buyoborwa n'umunyamabanga uhoraho, utoranywa n'abagize Komisiyo akemezwa n'inama ya Guverinoma.

Umunyamabanga uhoraho ari mu rwego rw'Umuyobozi Mukuru muri Minisiteri.

<u>Ingingo ya 23</u> : inzego z'imirimo n'inshingano zazo.

Komisiyo igizwe n'inzego z'imirimo zifite inshingano zikurikira:

(1) Urwego rushinzwe iby'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu by'Imbonezamubano na Politiki ;

Inshingano :

a) kugira inama uwiyambaje Komisiyo ku bibazo birebana n'ihutaza Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu by'Imbonezamubano na Politiki;
b) gukora ipererereza ku bikorwa byose bihutaza Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu by'Imbonezamubano na Politiki nko mu bikorwa bikurikira : ifungwa ridakurikije amategeko, kwica urubozo, ibihano bitanzwe bitagenwe n'inzego z'ubucamanza, uburenganzira bwa muntu bwo kugaragaza igitekerezo cye, inyerezwa ry'abantu; uburenganzira bwo kwishyira hamwe n'ibindi…;
c) gukorera Komisiyo raporo yerekana uburyo abantu cyangwa inzego zigaragaweho guhutaza Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu by'Imbonezamubano na Politiki bashobora gukurikiranwa ;
d) gushakisha icyakorwa cyose kugirango uwahohotewe mu by'Imbonezamubano na Politiki asubizwe uburenganzira bwe ;
e) gukorera Komisiyo raporo igaragaza ingamba zatuma ibikorwa bihutaza Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu by'Imbonezamubano na Politiki bitasubira ;
f) gukorera raporo Komisiyo ku manza bigaragara ko zaciwe mu buryo bubangamiye Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu by'Imbonezamubano na Politiki;
g) gutegura no gutanga inyigisho k'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu by'Imbonezamubano na Politiki .

(2) Urwego rushinzwe iby' Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu by'Ubukungu, Imibereho myiza, Umuco n'Amajyambere;

Inshingano :

a) kugira inama uwiyambaje Komisiyo ku bibazo birebana n'ihutaza ry'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu by'Ubukungu, Imibereho myiza, Umuco n'Amajyambere ;
b) gukora ipererereza ku bikorwa byose bihutaza ry'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu by'Ubukungu, Imibereho myiza, Umuco n'Amajyambere nko mu bikorwa bikurikira : uburenganzira ku mutungo, uburenganzira bwo kwiga ,uburenganzira ku ubuzima bwiza n'ibindi…;
c) gukorera Komisiyo raporo yerekana uburyo abantu cyangwa inzego zagaragayeho guhutaza ry'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu by'Ubukungu, Imibereho myiza, Umuco n'Amajyambere bashobora gukurinwa ;
d) gushakisha icyakorwa cyose kugirango uwahohotewe cyangwa uwavukijwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu by'Ubukungu, Imibereho myiza, Umuco n'Amajyambere arenganurwe ;
e) gukorera Komisiyo raporo igaragaza ingamba zatuma ibikorwa bihutaza cyangwa bivutsa Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu by'Ubukungu, Imibereho myiza, Umuco n'Amajyambere bitasubira ;
f) gutegura no gutanga inyigisho k'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu by'Ubukungu, Imibereho myiza, Umuco n'Amajyambere .

(3) Urwego rushinzwe amategeko

Inshingano :

a) gushyira mu bikorwa ibyemezo bya Komisiyo bigamije gukurikirana mu bucamanza abagaragaweho ibimenyetso by'ihutaza y'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu;
b) gukorera Komisiyo inyandiko zigamije guhuza imishinga y'amategeko n'iyubahiriza ry'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu ;
c) gukorera Komisiyo inyandiko ku buryo amategeko n'amabwiriza, za politiki n'ingamba byerekeye ubutegetsi bw'igihugu byaba birimo ingingo cyangwa ibikorwa bibangamiye Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu byakosorwa;
d) Komisiyo inyandiko ku buryo inzego zibishinzwe zashishikarizwa guhamya burundu amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bw'ikiremwamuntu no kuyinjiza mu mategeko y'igihugu ;
e) kunganira mu by'amategeko inzego za Komisiyo mu nyigisho zerekeye uburenganzira bw'ikiremwamuntu ;
f) kwegeranya ibirebana n'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu biri mu mategeko y'u Rwanda no mu masezerano mpuzamahanga u Rwanda rwemeye no gutegurira Komisiyo inyandiko y'ibanze igamije gusaba inzego zibishinzwe gushyiraho itegeko nyarwanda rikubiyemo ibyerekeye Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu;
g) kugira Komisiyo n'inzego zayo inama zigamije iyubahiriza ry' amategeko igihe cyose bikenewe.

(4) Urwego rushinzwe ubushakashatsi k' Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu no guteza imbere Komisiyo

Inshingano :

a) gutegura, gukurikirana no gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga igamije guteza imbere Komisiyo ;
b) gutegura, gukurikirana no gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano za Komisiyo ;
c) kugaragaza ibyererekezo ubushakashatsi bwakorerwamo hakurikijwe ibibazo by' Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu Rwanda ;
d) gutegura ingingo z'ingenzi zashingirwaho mu guha akazi impuguke n'abashakashatsi mu byerekeye Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu;
e) gukurikirana imirimo y'ubushakashatsi ikorerwa Komisiyo;
f) gushaka ibya ngombwa byafasha gutunganya imirimo y'ubushakashatsi ikorerwa Komisiyo ;
g) guhuza raporo zihariye ku Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu Rwanda ;
h) gushyira mu bikorwa ibyemezo byo gutangaza raporo za Komisiyo zerekeye Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu n'izindi nyandiko zagenwe;
i) gukusanya, gushyingura no gucunga inyandiko za Komisiyo n'ibindi bikoresho byerekeye ubumenyi n'ubuhanga mu Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu;
j) gufatanya n'izindi nzego za Komisiyo kuyishakira inkunga.

(5) Urwego rushinzwe gukangurira no kwigisha abaturage Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu

Inshingano :

a) gushakisha ibikenewe no gutegura gahunda zo gukangurira no kwigisha abaturage b'ingeri zose Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu;
b) gutegurira Komisiyo no gushyira mu bikorwa ibyemezo byayo, muri rusange ku byerekeye ubufatanye n'inzego zose zifite uruhare mu burezi, umuco n'itangazamakuru mu birebana na gahunda zo gukangurira no kwigisha abaturage Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu;
c) gutegurira Komisiyo no gushyira mu bikorwa ibyemezo byayo by'umwihariko, ku byerekeye ubufatanye na Minisiteri y'uburezi n'ibindi bigo bishinzwe uburezi ku birebana na za gahunda z'amasomo ku Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu zitangwa cyangwa zatangwa mu mashuri ;

d) kuyobora inama, ibiganiro n'amahugurwa byateguriwe mu rwego rwo gukangurira no kwigisha abaturage Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu no kunganira izindi nzego mu bikorwa nk'ibyo ;
e) gukurikirana no gusuzuma gahunda zo gukangurira no kwigisha abaturage Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu n'umusaruro wazo ;
f) gushaka no gutegura imfashanyigisho ziboneye ibyiciro binyuranye by'abahugurwa mu Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu;
g) kumenyekanisha amategeko y'igihugu n'amasezerano mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu .

(6) Urwego rushinzwe ubufatanye n'izindi nzego no guhuza ibikorwa by'amashami ya Komisiyo akorera mu turere.

Inshingano :

a) gutegurira Komisiyo no gushyira mu bikorwa ibyemezo byayo ku byerekeye ubufatanye n'izindi nzego, imiryango, amashyirahamwe bikorera mu Rwanda, mu bindi bihugu cyangwa mpuzamahanga bifite inshingano yo guteza imbere no kurengera Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu ;
b) guhuza ibikorwa by'inzego z'uturere za Komisiyo no guteza imbere imikoranire yazo n'izindi nzego za Komisiyo;
c) gutegura no kuvugurura ku gihe imbonerahamwe y'inzego, imiryango n'amashyirahamwe bifite ubufatanye na Komisiyo;

Ingingo ya 24 : ubwuzuzanye bw'inzego n'imitunganyirize y' imirimo.

a) Buri rwego rugira umukomiseri ukurikirana imirimo yarwo mu izina rya Komisiyo. Ruyoborwa n'umuyobozi w'urwego, akageza raporo kuri Komiseri ushinzwe gukurikirana imirimo yarwo.
b) Imitandukanyirize y'inzego zavuzwe mu ngingo ya 23 ntibuza ko, biturutse ku bikorwa bigamijwe, inzego ebyiri cyangwa zirenze zafatanya cyangwa zakunganirana ku buryo buhoraho cyangwa mu gihe kigenwe.
c) Ibyerekeye imitunganyirize y'iyo mirimo ivugwa mu ngingo ya 23 bisobanurwa ku buryo burambuye n'Amabwiriza agenga imitunganyirize y'ibibazo by'uburenganzira bw'ikiremwamuntu.
d) Komisiyo igira abakozi bahoraho cyangwa b'igihe kigenwe bagengwa n'Amategeko agenga abakozi ba Komisiyo ashingiye ku mategeko agenga umurimo mu Rwanda.
e) Byemejwe ku bwiganze bw'amajwi y'abagize Komisiyo, imiterere y'inzego z'imirimo ishobora guhindurwa .

Ingingo ya 25 : impuguke Komisiyo yiyambaza

Iyo bikenewe, Komisiyo ishobora guha akazi mu gihe kigenwe impuguke imwe cyangwa nyinshi, cyangwa abandi bantu bafite ubumenyi n'ubushobozi bwihariye; imikorere n' igihembo byabo bikagenwa hakurikijwe amasezerano bagiranye na Komisiyo; cyangwa Komisiyo yagiranye n'urwego cyangwa umuryango baturukamo.

ICYICIRO CYA GATANU : IBYEREKEYE INAMA NO GUFATA IBYEMEZO

Ingingo ya 26: itumizwa ry'inama.

Ubusanzwe inama za Komisiyo zitumizwa na Perezida wa Komisiyo mu nyandiko yoherereza abagize Komisiyo nibura amasaha 24 mbere yazo.

Muri iyo nyandiko y'ubutumire haba hateganyijwe ingingo zigize umushinga w'umurongo w'ibyigwa.

Hatirengagijwe ibyavuzwe muri iyi ngingo igika cya mbere, biturutse ku bibazo byihutirwa kandi biremereye, umushinga w'umurongo w'ibyigwa ushobora kumenyekanishwa mu ntangiriro y'inama.

Ingingo ya 27 : umubare ngombwa ku iterana ry'inama.

Inama ya Komisiyo iterana iyo hari nibura bane kuri barindwi bayigize.

Umwe mu bagize Komisiyo utabonetse mu nama yamenyeshejwe, asobanurira Perezida impamvu mu nyandiko mbere y'iyo nama. Igihe habaye impamvu zikomeye kandi zitunguranye, yihutira kubisobanurira Perezida cyangwa umusimbura wa Perezida cyangwa undi mu bagize Komisiyo nawe akabimenyesha muyobozi w'inama. Ibivugwa muri iki gika ntibireba uri mu butumwa cyangwa mu yindi mirimo izwi na Komisiyo.

Ingingo ya 28 : **igihe inama iteranira**

Komisiyo iterana mu nama isanzwe buri wa mbere w'icyumweru, ikemeza inyandikomvugo y'inama iheruka, igasuzuma ibyakozwe mu cyumweru cyashize, ikanagena gahunda y'ibikorwa by'icyumweru gitangiye. Komisiyo iterana mu nama zidasanzwe igihe cyose bibaye ngombwa.

Ingingo ya 29: ubuyobozi bw'inama

Inama iyoborwa na Perezida wa Komisiyo. Igihe adahari cyangwa atabonetse ikayoborwa n'umusimbura we. Iyo bombi badahari cyangwa batabonetse, inama iyoborwa n'umwe mu bagize Komisiyo Perezida cyangwa umusimbura yabihereye ububasha mu nyandiko.

Ingingo ya 30: umurongo w'ibyigwa

Umuyobozi w'inama ni we utegura umushinga w'ibiri ku murongo w'ibyigwa. Abagize Komisiyo bashobora guha Perezida ingingo bifuza ko zishyirwa ku murongo w'ibyigwa. Bashobora no kugira ibyo bahindura ku murongo w'ibyigwa iyo bibaye ngombwa. Inama ni yo yemeza burundu ingingo zisuzumwa. Ingingo zari ku murongo w'ibyigwa zitashoboye kurangira, zimurirwa mu nama ikurikira ishobora kuba inama idasanzwe.

Ingingo ya 31: imyifatire mu nama

Gutandukira, gusarikana no kurogoya n'ibindi byose bishobora kubangamira imigendekere myiza y'inama ntibyemewe.

Buri wese mu bagize Komisiyo yemerewe gusaba ko inama igaruka ku murongo w'ibyigwa cyangwa ko ingingo iyi n'iyi yasubikwa binyujijwe ku umuyobozi w'inama.

Umuyobozi w'inama ni we wubahiriza imigendekere myiza yayo. Ni nawe uha ijambo urisabye . Nta burenganzira afite bwo kwima ijambo uwarisabye.

Umuyobozi w'inama afite ububasha bwo kwambura ijambo uwo ariwe wese ubangamiye imigendekere myiza yayo.

Ingingo ya 32 : ubwanditsi bw'inama

Umunyamabanga uhoraho ni we mwanditsi w'inama za Komisiyo. Komisiyo yemeza umukozi cyangwa abakozi bamufasha muri iyo mirimo.

Inama za Komisiyo zishobora kubera mu muhezo. Icyo gihe, Komiseri ushinzwe gukurikirana urwego rw'ubushakashatsi no guteza imbere Komisiyo ni we ukora raporo z'izo nama.

Ingingo ya 33 : abandi batumirwa mu nama

Abagize Komisiyo bashobora gutumira mu nama zabo umwe cyangwa bamwe mu bakozi cyangwa abahanga Komisiyo yiyambaje.

Ingingo ya 34 : ifatwa ry' ibyemezo

Ibyemezo bya Komisiyo bifatwa mu bwumvikane busesuye, bitashoboka bigafatwa mu bwiganze bw'amajwi y'abayigize, ni ukuvuga nibura bane.

Buri wese mu bagize Komisiyo agira ijwi rimwe. Ntawe ushobora gutorera undi.

Kwifata biremewe. Ariko uwifashe cyangwa uwatanze igitekerezo kinyuranye n'icyemezo cyafashwe ntashobora kudashyira mu bikorwa cyangwa kubangamira mu buryo ubwo ari bwo bwose icyo cyemezo.

Igitekerezo kinyuranye n'icyemezo cyafashwe, cyandikwa mu nyandiko mvugo ya Komisiyo iyo nyir'ukugitanga abisabye.

Icyemezo kirebana n'imirimo ikorerwa mu rwego rw'imirimo uru n'uru gifatwa iyo umukomiseri ukurikirana imirimo yarwo ahari cyangwa umuyobozi w' urwo rwego cyangwa umusimbura we.

Ingingo ya 35 : itora

Iyo hatabonetse ubwumvikane busesuye, itora rikorwa hakoreshejwe bumwe mu buryo bukurikira:

- kumanika ukuboko
- gutora mu ibanga

Mbere y'itora abagize Komisiyo bahitamo uburyo bukoreshwa.

Bisabwe nibura na bane mu bagize Komisiyo, Komisiyo ishobora kugisha inama umunyamabanga uhoraho ku kibazo kigiye gutorerwa.

Ingingo ya 36: ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo

Ibyemezo byafashwe na Komisiyo bigomba gushyirwa mu bikorwa mu gihe ntarengwa cyumvikanyweho. Iyo nta mpamvu ifite ishingiro yagaragajwe mu kudashyira mu bikorwa ibyo byemezo, bifatwa nk'imyifatire mibi ihwiturwa hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 17 y'iri tegeko.

By'umwihariko, iyo Perezida wa Komisiyo nk'umuyobozi wayo atohereje raporo cyangwa izindi nyandiko zemejwe na Komisiyo ku gihe cyateganyijwe, inama ya Komisiyo isaba umusimbura we kuzishyiraho umukono no kuzoherereza abo zigenewe.

ICYICIRO CYA GATANDATU: IBYEREKEYE UBUTUMWA

Ingingo ya 37: ubutumwa mu gihugu.

Komisiyo ishobora kugena ubutumwa bw'ingeri zinyuranye mu gihugu buhabwa abagize Komisiyo cyangwa abakozi bayo. Ubutumwa bugera kuri kirometero mirongo itatu kuva aho ubugiyemo akorera bugenerwa ibyangombwa bikenewe.

Inzandiko z'ubutumwa bwa Komisiyo zishyirwaho umukono na Perezida wa Komisiyo cyangwa umusimbura we, cyangwa undi babihereye ububasha byumvikanyweho na Komisiyo.

Raporo yerekeye ubutumwa igezwa kuri Komiseri ukurikirana imirimo y'urwego uru n'uru bitarenze iminsi umunani uwatumwe agarutse. Komiseri niwe umenyesha Perezida uko ubutumwa bwagenze. Akanayigeza mu nama isanzwe ya Komisiyo ikurikira.

Iyo ubwo butumwa bwerekeye ubutegetsi rusange bwa Komisiyo, raporo igenerwa umunyamabanga uhoraho bitarenze iminsi umunani uwatumwe agarutse. Umunyamabanga uhoraho ashyikiriza Perezida wa Komisiyo iyo raporo, nawe akayigeza ku bandi bagize Komisiyo mu nama ikurikira.

Bitewe n'uko ikibazo kihutirwa, uwagiye mu butumwa ashobora gusabwa gutanga raporo akibuvamo.

Amafaranga ahabwa abagiye mu butumwa mu gihugu agenwa na Komisiyo.

Ingingo ya 38 : ubutumwa mu mahanga

Buri gihembwe, Komisiyo ikora gahunda y'ubutumwa iteganya kugirira mu mahanga. Cyakora, ubutumwa mu mahanga ku butumire bw'abafitanye umubano na Komisiyo cyangwa ubundi bwaza butunguranye bushobora kwitabirwa hakurikijwe uburemere bwabwo n'akamaro bufitiye za Komisiyo.

Niba ugiye mu butumwa mu mahanga azagira ibyo atangaza mu izina rya Komisiyo, agomba gusigira Komisiyo umushinga w'inyandiko bikubiyemo abinyujije kuri Perezida cyangwa umusimbura we. Inyandiko burundu y'ijambo ryatangajwe n'uwagiye mu butumwa itangwaho umugereka wa raporo y'ubutumwa.

Raporo y'ubutumwa ishyikirizwa Perezida wa Komisiyo cyangwa umusimbura we mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) nyuma y'itariki uwagiye mu butumwa yagarukiyeho.

Bitewe n'uko ikibazo cyihutirwa, uwagiye mu butumwa ashobora gusabwa gutanga raporo akibuvamo.

Inzandiko z'ubutumwa bwa Komisiyo zishyirwaho umukono na Perezida cyangwa umusimbura we cyangwa undi babihereye uruhushya byumvikanyweho na Komisiyo.

Amafaranga ahabwa abagiye mu butumwa mu mahanga ni amwe n'agenerwa abaminisitiri, abanyamabanga bakuru n'abandi bakozi bo mu butegetsi bwite bwa Leta, hakurikijwe urwego ugiye mu butumwa arimo.

ICYICIRO CYA KARINDWI: IBYEREKEYE RAPORO N'INYANDIKO ZA KOMISIYO

Ingingo ya 39: raporo k'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu

Komisiyo ishyikiriza raporo Perezidansi ya Republika, Guverinoma, Inteko Ishinga Amategeko n'Urukiko rw'Ikirenga ku bikorwa byose yamenye bihutaza Uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

Ingingo ya 40 : raporo y'umwaka

Komisiyo yoherereza raporo y'umwaka Perezida wa Republika mu gihe kitarenze amezi atatu (3) y'umwaka ukurikiyeho, igaha kopi yayo Guverinoma, Inteko Ishinga Amategeko n'Urukiko rw'Ikirenga.

Ingingo ya 41 : Gutanga raporo n'izindi nyandiko

Komisiyo ishobora gutangaza raporo yayo y'umwaka kimwe na raporo n'izindi nyandiko zerekeye ibyo yagezeho mu bushashakashatsi bwayo burebana n'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu.

ICYICIRO CYA MUNANI : IBYEREKEYE UMUTUNGO WA KOMISIYO

Ingingo ya 42: aho umutungo wa Komisiyo uturuka

Amafaranga akoreshwa na Komisiyo akomoka ku ngengo y'imari isanzwe ya Leta no ku mpano.

Komisiyo itegura umushinga wayo w'ingengo y'imari, ikemezwa n'inzego zibishinzwe. Komisiyo ni yo ishyira mu bikorwa ingengo y'imari yemejwe.

Ingingo ya 43 : imicungire y'umutungo wa Komisiyo

Imicungire rusange y'umutungo wa Komisiyo ikurikiza amabwiriza y'imikoreshereze y'imari ya Leta.

Ibikorwa byihariye byerekeye imicungire y'umutungo wa Komisiyo bikurikiza amabwiriza yihariye agenga imicungire y'umutungo wa Komisiyo.

Ingingo ya 44: igenzuramari

Umugenzuramari Mukuru wa Leta agenzura imikoreshereze y'imari ya Komisiyo.

Urukiko rw'imari ya Leta rusuzuma ireme n'ukuri bya raporo ya Komisiyo y'umwaka mu gice cyayo cyerekeranye n'imikoreshereze y'imari.

ICYICIRO CYA CYENDA : IBYEREKEYE IBIGENERWA ABAGIZE KOMISIYO N'ABAKOZI

Ingingo ya 45: ibigenerwa abagize Komisiyo

Ibyerekeye imishahara n'ibindi bigenerwa abagize Komisiyo bijya mu nyandiko zihariye;

Ingingo ya 46: ibigenerwa abakozi ba Komisiyo

Ibyerekeye imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi ba Komisiyo bijya mu nyandiko zihariye.

ICYICIRO CYA CUMI : INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 47 : indimi zikoreshwa

Komisiyo ikoresha indimi eshatu zemewe mu Rwanda arizo Ikinyarwanda, Igifaransa n'Icyongereza. Muri rusange inama zikorwa mu kinyarwanda; zishobora no gukorwa mu zindi ndimi bitewe n'abazitumiwemo. Inyandiko za Komisiyo zikorwa mu Kinyarwanda; zishobora no gukorwa mu zindi ndimi zavuzwe bitewe n'abazandika cyangwa abo zigenewe.

Ingingo ya 48 : kuvugurura itegeko ngengamikorere

Iri tegeko ngangamikorere rishobora kuvugururwa bibaye ngombwa kandi byemejwe n'abagize Komisiyo.

Ingingo ya 49: igihe iri tegeko ritangirira gukurikizwa.

Iri tegeko ritangira gukurikizwa umunsi rishyiriweho umukono n'abagize Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu bariho muri manda yayo ya mbere.

Bikorewe i Kigali, kuwa 13 Nzeri 2000 n'abagize Komisiyo

Komiseri GASANA Ndoba-Perezida wa Komisiyo
Komiseri KANYANGE Anne Marie
Komiseri KAYUMBA Déogratias
Komiseri NDAHIRO Tom
Komiseri NYIRAHABIMANA Soline
Komiseri SIMBURUDALI Théodore
Komiseri UWIMANA Denys

UMUGEREKA WA KABIRI:

Abagize Komisiyo n'inshingano zabo :

Komiseri GASANA Ndoba,
Perezida wa Komisiyo

Komiseri KANYANGE Anne Marie
Ashinzwe gukurikirana Urwego rushinzwe iby' Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu by'Ubukungu, Imibereho myiza, Umuco n'Amajyambere

Komiseri KAYUMBA Déogratias

Ashinzwe gukurikirana Urwego rushinzwe ubufatanye n'izindi nzego no guhuza ibikorwa by'amashami ya Komisiyo akorera mu turere

Komiseri NDAHIRO Tom
Ashinzwe gukurikirana Urwego rushinzwe iby'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu by'Imbonezamubano na Politiki ;

Komiseri NYIRAHABIMANA Soline
Ashinzwe gukurikirana Urwego rushinzwe amategeko (Yahamagariwe indi mirimo ku wa 15 Ugushyingo 2000)

Komiseri SIMBURUDALI Théodore
Ashinzwe gukurikirana Urwego rushinzwe ubushakashatsi k' Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu no guteza imbere Komisiyo

Komiseri UWIMANA Denys
Ashinzwe gukurikirana Urwego rushinzwe gukangurira no kwigisha abaturage Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu